Ibiro by'Umubaruramari Mukuru bifite inshingano zo gufasha mu –	The Office of the Accountant General has the responsibility to facilitate –	Le bureau du Comptable général a la responsabilité de faciliter –
(a) kwemeza amahame shingiro y'ibaruramari n'amahame mpuzamahanga y'ibaruramari yemewe;	(a) the adoption of fundamental accounting principles and internationally recognised Accounting Standards;	(a) l'adoption de principes comptables fondamentaux et de normes comptables internationalement reconnues ;
(b) gushyira mu bikorwa politiki y'ibaruramari ku bijyanye n'amafaranga yakoreshejwe, amafaranga yinjira, umutungo, imyenda n'ibindi bikorwa by'ubukungu;	(b) the implementation of accounting policies with regards to expenditures, revenues, assets, liabilities and other economic events;	(b) la mise en œuvre de politiques comptables concernant les dépenses, les revenus, les actifs, les passifs et autres événements économiques ;
(c) gushyira mu bikorwa politiki n'amabwiriza by'imitungo iramba;	(c) the implementation of non-current assets policies and guidelines;	(c) la mise en œuvre des politiques et des instructions concernant des valeurs immobiliers ;
(d) gutegura igenabikorwa ry'amezi atandatu n'iry'umwaka ry'imicungire y'imitungo iramba ya Leta;	(d) the consolidation of semi-annual and annual Government's non-current assets management plans;	(d) la consolidation des plans semestriels et annuels de gestion des valeurs immobilisés du Gouvernement ;
(e) gutegura raporo ihuje y'amezi atandatu n'iy'umwaka y'imitungo iramba ya Leta;	(e) the production of semi-annual and annual consolidated Government's non-current assets reports;	(e) la production de rapports semestriel et annuel consolidés des valeurs immobilisées du Gouvernement ;
(f) guha ubufasha inzego za Leta mu bijyanye no gukora igenagaciro ry'imitungo iramba;	(f) the provision of support to public entities on valuation of the non-current assets;	(f) la fourniture d'une assistance aux entités publiques pour l'évaluation des valeurs immobilisées ;

(g) gushyira mu bikorwa imbonerahamwe y'amakonti yemejwe;	(g) the implementation of a Standard Chart of Accounts;	(g) la mise en œuvre d'un plan comptable standard;
(h) gushyira mu bikorwa uburyo koranabuhanga bw'imicungire y'imari n'umutungo bya Leta;	(h) the implementation of the financial management system;	(h) la mise en œuvre du système électronique de gestion financière;
(i) gutegura no gushyira mu bikorwa amabwiriza n'imfashanyigisho byerekeye ibaruramari n'imitangire ya raporo z'imari;	(i) the development and implementation of Accounting and Financial Reporting Guidelines and Manuals;	(i) l'élaboration et la mise en œuvre de directives et de manuels en matière de comptabilité et rapport financier;
(j) gutegura no gushyira mu bikorwa imiterere n'inyandikongero bigenderwaho mu mitegurire n'imitangire ya raporo z'ibaruramari na raporo z'imari;	(j) the development and implementation of formats, templates for production of Financial Statements and reports;	(j) l'élaboration et la mise en œuvre de formats et de modèles pour la production d'états financiers et de rapports financiers;
(k) gukurikirana buri gihe raporo z'ibaruramari na raporo z'imari z'inzego za Leta kugira ngo zubahirize Itegeko Ngenga n'iri teka;	(k) the monitoring on a regular basis accounting and financial reports of public entities for compliance with the Organic Law and this Order;	(k) le suivi régulier de la conformité des rapports comptables et financiers des entités publiques avec la loi organique et le présent arrêté;
(l) gutanga ibisubizo ku bibazo by'ibaruramari n'iby'imitangire ya raporo z'imari byagaragajwe n'Umugenzuzi Bwite Mukuru, n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;	(l) the provision of responses to accounting and financial reporting issues raised by the Internal Auditor General and the Auditor General of State Finances;	(l) la fourniture de réponses aux questions relatives à la comptabilité et aux rapports financiers soulevées par l'Auditeur Interne Général et l'Auditeur Général des Finances de l'État;

(m) gutegura raporo y'ibaruramari ihujwe;	(m) the production of Consolidated Financial Statements; and	(m) la production des états financiers consolidés; et
(n) no gushyiraho amabwiriza yihariye akurikizwa n'Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta mu gushaka abakozi, guteza imbere ubushobozi bwabo, gusuzuma imikorere no gucunga ababaruramari n'abakozi mu by'imari.	(n) the issuance of specific guidelines to guide Chief Budget Managers in the recruitment, capacity development, performance appraisal and management of accountants and finance staff.	(n) l'émission des directives spécifiques pour guider les Gestionnaires principaux du budget dans le recrutement, le développement des capacités, l'évaluation des performances et la gestion des comptables et personnel des finances.
Ingingo ya 9: Inshingano zihariye z'Umubaruramari Mukuru	**Article 9: Specific duties of the Accountant General**	**Article 9: Fonctions spécifiques du Comptable général**
By'umwihariko, Umubaruramari Mukuru afite inshingano zikurikira:	In particular, the Accountant General has the following responsibilities:	En particulier, le Comptable général a les attributions suivantes :
(a) guharanira ubunyamwuga no gukorera mu mucyo mu bijyanye n'ibaruramari n'imitangire ya raporo z'imari mu nzego za Leta;	(a) ensuring professionalism and transparency in public entities accounting and financial reporting;	(a) garantir le professionnalisme et la transparence dans la comptabilité et la production des rapports financiers au sein des entités publiques ;
(b) gukurikirana ko amakuru yerekeye imari yifashishwa mu ifatwa ry'ibyemezo mu nzego za Leta ari yo kandi aboneka ku gihe;	(b) ensuring the availability of timely and accurate financial information for decision making within the public sector;	(b) assurer la disponibilité d'informations financières mises à jour et précises pour la prise de décision au sein du secteur public;
(c) gutegura, gucunga, gukurikirana no kubungabunga uburyo bufasha mu iyubahirizwa ry'amahame rusange y'ibaruramari n'imitangire ya raporo z'imari;	(c) performing the design, management, monitoring and maintenance of controls that ensure compliance with the overall accounting and financial reporting framework;	(c) assurer la conception, la gestion, le suivi et le maintien de contrôles garantissant la conformité au cadre global de comptabilité et de production de rapport financier;

(d) kureba ko hariho amategeko n'ubwumvikane biboneye mu micungire myiza y'amafaranga ya Leta, inyandiko z'agaciro k'amafaranga n'inyandiko za konti, harimo inyandiko z'ubwumvikane n'amabanki n'izerekeye imyishyuranire;	(d) ensuring existence of adequate legal provisions and arrangements for the safe custody of public money, securities and account documents, including banking and payment arrangements;	(d) veiller à l'existence de dispositions légales et d'arrangements adéquats pour la garde sécurisée des fonds publics, des valeurs mobilières et des documents de compte, y compris les arrangements bancaires et de paiement;
(e) kugenzura ibikorwa byo gushaka ababaruramari n'abakozi mu by'imari, kubaka ubushobozi bwabo, kubakorera isuzumabushobozi no kwita ku micungire yabo mu butegetsi bwite bwa Leta no mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, no kugenzura imikorere iboneye ya serivisi y'icungamari n'ibaruramari mu nzego za Leta afatanyije n'Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga;	(e) overseeing the recruitment, capacity development, performance appraisal and management of accountants and finance staff in Central Government and decentralised entities and monitoring the effectiveness of finance and accounting function in public entities, in liaison with Chief Budget Managers and in line with applicable legal frameworks;	(e) superviser le recrutement, le développement des capacités, l'évaluation des performances et la gestion des comptables et personnel des finances de l'administration centrale et des entités décentralisées et faire le suivi de l'efficacité de la fonction financière et comptable au sein des entités publiques, en collaboration avec les Gestionnaires principaux du budget et conformément aux cadres juridiques applicables;
(f) kugira inama Minisitiri no kugenzura ibikorwa byose byerekeye ibaruramari n'imitangire ya raporo z'imari.	(f) advising the Minister and overseeing all aspects of accounting and financial reporting.	(f) conseiller le Ministre et superviser tous les aspects en rapport avec la comptabilité et rapport financier.
<u>Ingingo ya 10</u>: Inshingano z'abakozi b'ibaruramari mu nzego za Leta	**<u>Article 10</u>: Responsibilities of accounting officers of public entities**	**<u>Article 10</u>: Attributions des comptables des entités publiques**
Abakozi bashinzwe ibaruramari mu nzego za Leta bafasha Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta mu kuzuza	Accounting officers in public entities assist Chief Budget Managers in fulfilling their responsibilities for public finance	Les agents comptables au sein des entités publiques aident les Gestionnaires principaux du budget à remplir leurs obligations de

inshingano zabo zo gucunga imari ya Leta mu bijyanye n'igenamigambi, ingengo y'imari, ikusanywa ry'imisoro, kwishyura, ibaruramari no gutanga raporo.	management in matters of planning, budgeting, revenue collection, payment accounting and reporting.	gestion des finances publiques en matière de budgétisation, collecte des recettes, paiements, comptabilité et remise des rapports.
<u>Ingingo ya 11</u>: Inshingano z'Umuyobozi w'imirimo rusange	**<u>Article 11</u>: Responsibilities of the Head of corporate services**	**<u>Article 11</u>: Attributions du responsable des services généraux**
Iyo imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'urwego rwa Leta irimo umwanya w'Umuyobozi w'imirimo rusange, uwo Muyobozi w'imirimo rusange –	If the organisational structure of a public entity includes the post of the Head of corporate services, the Head of corporate services –	Lorsque la structure organisationnelle d'une entité publique comprend le poste de responsable des services généraux, celui-ci –
(a) akurikirana uko inshingano zahawe umuyobozi wa serivisi y'imari zigerwaho;	(a) monitors performance of duties assigned to the head of finance;	(a) fait le suivi de l'exécution des tâches assignées au responsable des finances ;
(b) yungiriza Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta akanamusimbura iyo adahari;	(b) deputises the Chief budget manager and acts in their absence;	(b) supplée le Gestionnaire principal du budget et agit en son absence;
(c) agenzura akanahuza ibikorwa by'abakozi bashinzwe imitangire y'amasoko, gutegura ingengo y'imari, gukusanya imisoro, imyishyurire, ibaruramari n'imicungire y'ibikoresho n'ububiko;	(c) oversees and coordinate the work of officers responsible for procurement, budgeting, revenue collection, payment, accounting and asset and inventory management;	(c) supervise et coordonne le travail des responsables de la passation des marchés, de l'élaboration du budget, de la collecte des recettes, du paiement, de la comptabilité et de la gestion des actifs et des stocks ;
(d) afatanyije n'itsinda rishinzwe imicungire y'amasezerano, agenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano akanashyikiriza raporo yabyo Umuyobozi Mukuru	(d) in conjunction with contract management team, monitors contracts implementation and reports progress to chief budget manager;	(d) en collaboration avec l'équipe de gestion des contrats, fait le suivi de la mise en œuvre des contrats et rend compte des progrès au Gestionnaire

ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta;		principal du budget;
(e) afatanyije n'itsinda rishinzwe igenamigambi, agenzura ko imigambi yose ijyanye n'amafaranga ahari hagamijwe kugera ku ntego z'urwego;	(e) in conjunction with planning team, ensures that all plans are aligned with available resources to achieve institution's mandate;	(e) en collaboration avec l'équipe de planification, s'assure que tous les plans sont alignés sur les ressources disponibles pour réaliser la mission de l'institution;
(f) agenzura ibikorwa by'imari mu mashami y'inzego kandi akagenzura ko abakozi b'ayo mashami besa imihigo mu bijyanye n'imari n'ibaruramari;	(f) oversees financial operations at subsidiary entities and ensures performance of finance and accounting officers for subsidiary entities;	(f) supervise les opérations financières des entités affiliées et assure la performance de leurs responsables financiers et comptables;
(g) agenzura abakozi bashinzwe kwakira no gukoresha amafaranga y'ingengo y'imari y'urwego akanashyiraho ingamba zo kugenzura ku buryo buhoraho ko habaho ibikorwa by'uburiganya, kunyereza umutungo cyangwa uburangare;	(g) supervises officers entrusted with the receipt and expenditure of budget entity's funds and takes precautions, through the maintenance of frequent checks against the occurrence of fraud, embezzlement or carelessness;	(g) supervise tous les agents chargés de recevoir et d'utiliser les fonds d'une entité budgétaire et prend des précautions, en procédant à des contrôles fréquents, afin de prévenir la fraude, le détournement de fonds ou la négligence;
(h) aharanira ko abakozi bafite inshingano zo mu rwego rw'imari bashobora kubona, bazi kandi bubahiriza Itegeko Ngenga, iri teka n'andi mategeko yerekeye imicungire y'imari n'umutungo bya Leta;	(h) ensures that officers with responsibilities of a financial nature have access to, are conversant and comply with the Organic Law, this Order and other Laws on public finance management;	(h) veille à ce que les agents ayant des attributions de nature financière aient accès, connaissent et respectent la Loi Organique, le présent arrêté et les autres lois en matière de gestion des finances publiques;
(i) aharanira iyubahirizwa ry'Itegeko Ngenga n'iry'iri teka, iry'amabwiriza agenga ibaruramari n'iry'andi mabwiriza	(i) ensures compliance with the Organic Law and this Order, the accounting manual and all instructions issued by	(i) assure le respect de la Loi Organique et du présent arrêté, du manuel comptable et des instructions émises par le

ashyirwaho na Minisitiri cyangwa undi yabihereye ububasha;	the Minister or their delegate; and	Ministre ou son délégué ; et
(j) anakora undi murimo ashobora guhererwa ububasha cyangwa guhabwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga n'iri teka.	(j) perform any other function as may be delegated or assigned by the Chief Budget Manager in furtherance of the Organic Law and this Order.	(j) exerce une autre fonction qui peut lui être déléguée ou assignée par le Gestionnaire principal du budget en application de la Loi Organique et du présent arrêté.
Ingingo ya 12: Inshingano z'Umuyobozi w'imari	**Article 12: Responsibilities of the Head of finance**	**Article 12 : Attributions du responsable des finances**
(1) Bitabangamiye uburenganzira bw'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta bwo guha Umuyobozi w'imari izindi nshingano zihariye, inshingano rusange y'Umuyobozi w'imari ni ugufasha Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta gusohoza inshingano ze ziteganywa n'Itegeko Ngenga n'iri teka.	(1) Without prejudice to the right of the Chief Budget Manager to assign the Head of finance specific responsibilities, the general responsibility of the head of finance is to assist the Chief Budget Manager in discharging the duties provided for in the Organic Law and this Order.	(1) Sans préjudice du droit du Gestionnaire principal du budget de confier au responsable des finances des attributions spécifiques, l'attribution générale du responsable des finances est d'assister le Gestionnaire principal du budget dans l'exercice des fonctions prévues par la Loi Organique et le présent arrêté.
(2) Umuyobozi w'imari afite inshingano zihariye zikurikira:	(2) The Head of finance has the following specific responsibilities:	(2) La responsable des finances a les attributions particulières suivantes:
(a) gufasha guteganya amafaranga yinjira n'asohoka mu isanduku y'urwego;	(a) to facilitate revenue and expenditure cash flow forecasting of an entity;	(a) faciliter la prévision des flux de trésorerie liés aux recettes et aux dépenses d'une entité;
(b) kugenzura ibikorwa byo gukusanya amafaranga no kugenzura ko imyenda	(b) to supervise revenue mobilisation and ensure the prompt collection of	(b) superviser la mobilisation des recettes et assurer le recouvrement

urwego rwa Leta ruberewemo yishyuzwa vuba no gutanga raporo yihuse ku mafaranga yinjiye n'andi mafaranga ashyirwa kuri konti z'urwego muri banki;	revenues due to the public entity and bring promptly to account all revenue or other receipts paid into the entity's bank accounts;	rapide des recettes dues à l'entité publique et rendre compte sans délai de tous les revenus ou autres recettes versées sur les comptes bancaires de l'entité;
(c) gukora neza imicungire y'imari y'urwego rwa Leta harimo gukoresha uburyo bwiza bwo gutegura ingengo y'imari, kugenzura ingengo y'imari, gukora ubugenzuzi bw'imbere, imicungire y'ibyateza ingorane n'imitangire ya raporo;	(c) to ensure effective financial management of the public entity including the exercise of sound budgeting, budgetary control practices, internal controls and risk management and reporting;	(c) assurer une gestion financière efficace de l'entité publique, y compris l'exercice de pratiques saines de budgétisation, de contrôle budgétaire, de contrôles internes et de gestion des risques et la transmission des rapports;
(d) kugenzura ko nta mafaranga asohoka atarateganyijwe kandi ngo yemezwe n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta;	(d) to ensure that no expenditure is incurred before it has been properly committed and authorised by the Chief Budget Manager;	(d) s'assurer qu'aucune dépense n'est engagée avant qu'elle n'ait été dûment engagée et autorisée par le Gestionnaire principal du budget;
(e) kugenzura uburyo bukoreshwa mu kwishyura kugira ngo amafaranga asohorwa n'andi yishyurwa n'urwego rwa Leta yemezwe n'urwego rubifitiye ububasha mu buryo bwiza kandi buboneye;	(e) to supervise payment process so that expenditure and other disbursements of the public entity are made with proper authority and in an efficient and effective manner;	(e) superviser le processus de paiement afin que les dépenses et autres décaissements de l'entité publique soient effectués avec l'autorité appropriée et de manière efficiente et efficace;
(f) kugenzura ko inyandiko z'ibaruramari, ibitabo n'izindi nyandiko zijyanye na byo byuzuye, biboneye, birinzwe kandi bibitse neza;	(f) to ensure that accounting records, books and other relevant documents are complete, accurate and securely protected and filed;	(f) veiller à ce que les registres comptables, les livres et autres documents pertinents soient complets, exacts, protégés et classés en toute sécurité;

(g) kubungabunga no kuvugurura uburyo bukoreshwa mu micungire y'umutungo n'iy'ububiko no kwemeza ihuzamibare ngarukagihe rijyanye n'inyandiko zirambuye;	(g) to maintain and update the asset management and inventory management systems and ensure periodic reconciliation with detailed records;	(g) maintenir et mettre à jour les systèmes de gestion des actifs et de gestion des stocks et assurer une réconciliation périodique avec les enregistrements détaillés ;
(h) kubungabunga no kujyanisha n'igihe, mu gihe gikwiye, mu buryo bwuzuye kandi buboneye, uburyo bukoreshwa mu micungire y'imari n'iy'ibaruramari, harimo n'inyandiko zose zibisobanura;	(h) to maintain and update in a timely, complete and accurate manner the financial management and accounting system including any supporting hard documentation;	(h) maintenir et mettre à jour en temps opportun, de manière complète et précise, le système de gestion financière et comptable, y compris toute documentation matérielle à l'appui ;
(i) kwita ku mutekano w'uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu micungire y'imari n'umutungo n'inyandiko zisobanura imicungire yabyo;	(i) to ensure the security of the financial management information systems and the supporting documentation;	(i) assurer la sécurité des systèmes d'information sur la gestion financière et des pièces justificatives ;
(j) guharanira imikoreshereze myiza y'uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu micungire y'imari n'umutungo;	(j) to ensure effective use of the financial management information systems;	(j) garantir une utilisation efficace des systèmes d'information sur la gestion financière ;
(k) gutegura ku gihe raporo y'imari ya buri kwezi;	(k) to ensure timely preparation of monthly financial report;	(k) assurer la préparation en temps opportun du rapport financier mensuel ;
(l) gutegura raporo z'ibaruramari na raporo z'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari nk'uko zitegetswe n'Itegeko Ngenga;	(l) to prepare financial statements and budget execution reports as required by the Organic Law;	(l) préparer les états financiers et les rapports d'exécution du budget tels que requis par la Loi Organique ;

(m) kugira inama urwego ku bibazo byerekeye imari;	(m) to advise the entity on financial matters;	(m) conseiller l'entité sur les questions financières ;
(n) korohereza ibikorwa by'ubugenzuzi no kwita ku ishyirwa mu bikorwa ry'inama z'ubugenzuzi.	(n) to facilitate audit process and ensure audit recommendations are implemented.	(n) faciliter le processus d'audit et garantir la mise en application des recommandations de l'audit.
Icyiciro cya 3: Komite zishinzwe imicungire y'imari	**Section 3: Financial Management Committees**	**Section 3 : Comités de gestion financière**
Akiciro ka mbere: Komite ishinzwe ishoramari rya Leta	**Sub-section One: Public Investment Committee**	**Sous-Section première : Comité d'investissement public**
Ingingo ya 13: Ishyirwaho rya Komite ishinzwe ishoramari rya Leta	**Article 13: Establishment of Public Investment Committee**	**Article 13 : Création du Comité d'investissement public**
(1) Hashyizweho Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta muri Minisiteri.	(1) A Public Investment Committee is established in the Ministry.	(1) Il est créé un Comité d'investissement public au sein du Ministère.
(2) Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta ni urwego rwemeza imishinga mishya y'ishoramari ku rwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta, yujuje ibisabwa kugira ngo itangire gushyirwa mu bikorwa.	(2) The Public Investment Committee is a body that approves new investment projects on a Central Government level, which meet the requirements for implementation.	(2) Le Comité d'investissement public est un organe qui approuve les nouveaux projets d'investissement au niveau de l'administration centrale qui répondent aux exigences de mise en œuvre.
Ingingo ya 14: Abagize Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta	**Article 14: Composition of the Public Investment Committee**	**Article 14 : Composition du Comité d'investissement public**
Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta igizwe n'abayobozi bo ku rwego rwo hejuru bahagarariye za minisiteri n'ibigo by'ingenzi	The Public Investment Committee is comprised of the following high-level representatives of key spending ministries and	Le Comité d'investissement public est composé des représentants de haut niveau des principaux ministères et agences dépensiers

bikoresha amafaranga menshi bakurikira:	agencies:	suivants :
(a) Minisiteri, Perezida;	(a) the Ministry, Chairperson;	(a) le Ministère, Président ;
(b) Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi;	(b) the Ministry of Agriculture and Animal Resources;	(b) le Ministère de l'Agriculture et des Ressources Animales ;
(c) Minisiteri y'Ubucuruzi n'inganda;	(c) the Ministry of Trade and Industry;	(c) le Ministère du Commerce et de l'Industrie ;
(d) Minisiteri y'Ibikorwa Remezo;	(d) the Ministry of Infrastructure;	(d) le Ministère des Infrastructures ;
(e) Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu;	(e) the Ministry of Local Government;	(e) le Ministère de l'Administration Locale ;
(f) Minisiteri y'Uburezi;	(f) the Ministry of Education;	(f) le Ministère de l'Éducation ;
(g) Minisiteri y'Ibidukikije;	(g) the Ministry of Environment;	(g) le Ministère de l'Environnement ;
(h) Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda;	(h) the Rwanda Development Board;	(h) l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda ;
(i) Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Ingengo y'Imari y'Igihugu muri Minisiteri;	(i) the Head of National Budget Department in the Ministry;	(i) le Chef du Département du budget national au sein du Ministère ;
(j) Umuyobozi Mukuru ushinzwe Igenamigambi ry'Igihugu n'Ubushakashatsi muri Minisiteri;	(j) the Head of National Planning and Research in the Ministry;	(j) le Chef de la planification nationale et de la recherche au sein du Ministère ;
(k) Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubukungu bw'Igihugu muri Minisiteri;	(k) the Chief Economist in the Ministry;	(k) l'Économiste en Chef au sein du Ministère ;

(l) Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Iterambere ry'Imishinga y'Igihugu n'Ubuziranenge bwayo muri Minisiteri, Umunyamabanga;	(l) the Head of National Projects Development and Quality Assurance Department in the Ministry, Rapporteur;	(l) le Chef du Département chargé du développement des projets nationaux et d'assurance de la qualité au sein du Ministère, le Rapporteur ;
(m) Umuyobozi w'Ishami rishinzwe kugenzura ishoramari rya Leta;	(m) the Head of Government portfolio oversight Department;	(m) le Chef du Département de surveillance du portefeuille ;
(n) Umuyobozi w'Ishami rishinzwe kumenya ibikorwa bibereye ishoramari;	(n) the Head of Investment Opportunities Department;	(n) le Chef du Département des opportunités d'investissement ;
(o) Umuyobozi w'Ishami rishinzwe iterambere ry'imari;	(o) the Head of Development Finance Department;	(o) le Chef du Département chargé du développement des fonds;
(p) Umuyobozi w'Ishami rishinzwe kwegurira umutungo wa Leta abikorera;	(p) the Head of Privatisation Department;	(p) le Chef du Département chargé de la privatisation;
(q) Umuyobozi w'Ishami rishinzwe gahunda z'Igihugu n'ubugenzuzi bw'imishinga.	(q) the Head of National Programs and Projects Oversight Department.	(q) le Chef du Département chargé de la supervision des programmes et des projets nationaux.
Ingingo ya 15: Inshingano za Komite ishinzwe ishoramari rya Leta	**Article 15: Responsibilities of the Public Investment Committee**	**Article 15: Attributions du Comité d'investissement public**
Komite ishinzwe ishoramari rya Leta ifite inshingano zikurikira:	The Public Investment Committee has the following responsibilities:	Le Comité d'investissement public a les attributions suivantes:
(a) gusuzuma raporo z'igihembwe z'imigendekere y'imishinga na gahunda hagamijwe gufasha kuvanaho imbogamizi zibangamira ishyirwa mu bikorwa ryabyo, kugira ngo bitange	(a) to review projects and programs quarterly progress reports for the purpose of helping to unblock implementation challenges to ensure timely, efficient, and effective delivery	(a) examiner les rapports trimestriels d'avancement des projets et programmes dans le but d'aider à débloquer les défis à la mise en œuvre afin de garantir l'obtention de résultats

ibisubizo ku gihe, byiza kandi biboneye;	of results;	en temps opportun, efficients et efficaces;
(b) kwemeza ibishingirwaho mu gutoranya imishinga cyangwa ibikorwa by'ishoramari bigenerwa amafaranga muri gahunda y'ishoramari rya Leta igize ishingiro ry'ingengo y'imari y'iterambere;	(b) to approve criteria for the selection of projects or investments for funding in the Public Investment Program which forms the basis for the development budget;	(b) approuver les critères de sélection des projets ou des investissements à financer dans le cadre du programme d'investissement public qui constitue la base du budget de développement ;
(c) kwemeza imishinga cyangwa ibikorwa by'ishoramari bishya bigomba gushorwamo amafaranga muri gahunda y'ishoramari rya Leta;	(c) to approve new projects or investments to be funded through the Public Investment Program;	(c) approuver de nouveaux projets ou investissements à financer dans le cadre du programme d'investissement public ;
(d) kwemeza imishinga cyangwa ibikorwa by'ishoramari biri kuri gahunda y'ibigomba gukorerwa inyigo;	(d) to approve the pipeline of projects or investments for which feasibility studies have to be conducted;	(d) approuver le plan des projets ou d'investissements pour lesquels des études de faisabilité doivent être réalisées ;
(e) kwemeza inkomoko y'imari igenerwa imishinga n'ibikorwa by'ishoramari byatoranyijwe.	(e) to approve financing sources for selected projects or investments.	(e) approuver les sources de financement pour des projets ou des investissements sélectionnés.
Ingingo ya 16: Imikorere ya Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta	**Article 16: Functioning of the Public Investment Committee**	**Article 16: Fonctionnement du Comité d'investissement public**
(1) Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta iterana igihe cyose bibaye ngombwa.	(1) The Public Investment committee meets whenever necessary.	(1) Le Comité d'investissement public se réunit chaque fois que nécessaire.
(2) Inama ya Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta itumizwa kandi ikayoborwa na	(2) The Public Investment Committee meeting is convened and chaired by its	(2) La réunion du Comité d'investissement public est convoquée et présidée par

Perezida wayo, abyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko na kimwe cya gatatu cy'abayigize.	Chairperson, at their own initiative or upon request in writing by at least one third of its members.	son Président, de sa propre initiative ou à la demande écrite d'au moins un tiers de ses membres.
(3) Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta hasigaye nibura iminsi irindwi ngo inama iterane, kandi bugaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa, aho inama izabera, umunsi n'isaha izaberaho.	(3) The invitation is submitted in writing to the members of the Public Investment Committee at least seven days before the meeting is held and indicates the items on the agenda, venue, date and time of the meeting.	(3) L'invitation est adressée par écrit aux membres du Comité d'investissement public au moins sept jours avant la tenue de la réunion et indique les points à l'ordre du jour, le lieu, la date et l'heure de tenue de la réunion.
(4) Inama idasanzwe ya Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta itumizwa hatitawe ku gihe giteganywa mu gika cya (3).	(4) An extraordinary meeting of the Public Investment Committee is convened without taking into consideration the time period provided for in Paragraph (3).	(4) La réunion extraordinaire du Comité d'investissement public est convoquée sans tenir compte du délai prévu au paragraphe (3).
<u>Akiciro ka 2</u>: Komite ishinzwe ibyateza ingorane mu ngengo y'imari	**<u>Sub-section 2</u>: Fiscal Risks Committee**	**<u>Sous-section 2</u>: Comité des risques budgétaires**
<u>Ingingo ya 17</u>: Ishyirwaho rya Komite ishinzwe ibyateza ingorane mu ngengo y'imari	**<u>Article 17</u>: Establishment of the Fiscal Risks Committee**	**<u>Article 17</u>: Création du Comité des risques budgétaires**
Hashyizweho Komite ishinzwe ibyateza ingorane mu ngengo y'imari muri Minisiteri. Hashobora gushyirwaho itsinda ry'abatekinisiye mu bijyanye n'ibibazo by'ingengo y'imari kugira ngo rifashe Komite ishinzwe ibyateza ingorane mu ngengo y'imari mu kazi kayo.	A Fiscal Risks Committee is established in the Ministry. A fiscal risk technical working group may be established to support the work of the Fiscal Risks Committee.	Il est créé un Comité des risques budgétaires au sein du Ministère. Un groupe de travail technique sur les risques budgétaires peut être créé pour soutenir les travaux du Comité des risques budgétaires.

Ingingo ya 18: Abagize Komite ishinzwe ibyateza ingorane mu ngengo y'imari	**Article 18: Composition of the Fiscal Risks Committee**	**Article 18: Composition du Comité des risques budgétaires**
(1) Abagize Komite ishinzwe ibyateza ingorane mu ngengo y'imari ni aba bakurikira:	(1) Members of the Fiscal Risks Committee are the following:	(1) Les membres du Comité des risques budgétaires sont les suivants:
(a) abantu bava muri Minisiteri bakurikira:	(a) the following members from the Ministry:	(a) les membres suivants provenant du Ministère:
(i) Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubukungu bw'Igihugu, Perezida;	(i) the Chief Economist, Chairperson;	(i) l'Économiste en Chef, Président;
(ii) Umubaruramari Mukuru;	(ii) the Accountant General;	(ii) le Comptable général;
(iii) Umuyobozi w'ishami rishinzwe ingengo y'imari y'Igihugu;	(iii) the Head of National Budget Department;	(iii) le Chef du Département du budget national;
(iv) Umuyobozi ushinzwe imicungire y'ingengo y'imari n'imitangire ya raporo;	(iv) the Head of Budget Management and Reporting;	(iv) le responsable de la gestion budgétaire et des rapports;
(v) Umuyobozi ushinzwe igenamigambi ry'iterambere ry'Igihugu n'ubushakashatsi;	(v) the Head of National Development Planning and Research;	(v) le responsable de la planification du développement national et de la recherche;
(vi) Umujyanama mu by'ubukungu wa Minisitiri;	(vi) the Economic Advisor to the Minister;	(vi) le Conseiller économique du Ministre;

(vii) Umuyobozi ushinzwe politiki y'ubukungu bw'Igihugu;	(vii) the head of Macroeconomic policy;	(vii) le responsable des politiques macro-économiques;
(viii) Umuyobozi ushinzwe imyenda ya Leta;	(viii) the Head of Public Debt;	(viii) le responsable de la dette publique;
(ix) Umuyobozi ushinzwe kugenzura ishoramari rya Leta;	(ix) the Head of Portfolio oversight;	(ix) le responsable de la surveillance du Portefeuille de l'État;
(x) Umuyobozi ushinzwe politiki z'imisoro;	(x) the head of Tax Policy;	(x) le responsable des politiques fiscales;
(b) umuyobozi ushinzwe kwihutisha ibiganiro biganisha ku masezerano, gutegura no gushyigikira amasezerano mu Rwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda;	(b) the head of deals acceleration, transaction structuring and support in Rwanda Development Board;	(b) le responsable de l'accélération des transactions, de la structuration et du soutien des transactions à l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda;
(c) umuyobozi ushinzwe urwego rw'imari muri Banki Nkuru y'u Rwanda;	(c) the head of financial sector in National Bank of Rwanda;	(c) le responsable du secteur financier au sein de la Banque Nationale du Rwanda;
(d) uhagarariye Minisiteri y'Ibidukikije;	(d) the representative from the Ministry of Environment;	(d) le représentant du Ministère de l'Environnement;
(e) undi mukozi wa Leta wagira icyo afasha.	(e) any other public officer considered suitable.	(e) l'autre fonctionnaire public jugé approprié.
(2) Umuyobozi Mukuru ushinzwe ubukungu bw'Igihugu ashyiraho Umwanditsi mu	(2) The Chief Economist office designates a Rapporteur from among staff of its	(2) L'Économiste en Chef nomme un Rapporteur parmi les employées de son

bakozi bo mu biro bye.	Office.	bureau.
<u>Ingingo ya 19</u>: Inshingano za Komite ishinzwe ibyateza ingorane mu ngengo y'imari	**<u>Article 19</u>: Responsibilities of the Fiscal Risks Committee**	**<u>Article 19</u>: Attributions du Comité des risques budgétaires**
Komite ishinzwe ibyateza ingorane mu ngengo y'imari ifite inshingano zikurikira:	The Fiscal Risks Committee has the following responsibilities:	Le Comité des risques budgétaires a les attributions suivantes:
(a) kugaragaza ingorane zishobora kubangamira ingengo y'imari y'Igihugu ikanatanga inama ku ngamba zo guhangana n'izo ngorane;	(a) to identify potential risks for the national budget and advise on mitigation measures to address the risks;	(a) identifier les risques potentiels du budget national et conseiller sur les mesures d'atténuation pour faire face à ces risques;
(b) gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku bucukumbuzi bwakozwe n'itsinda ry'abatekinisiye mu bijyanye n'ibibazo by'ingengo y'imari;	(b) to consider and give inputs to the analysis done by the Fiscal Risk Technical Working Group;	(b) examiner et contribuer à l'analyse effectuée par le groupe de travail technique sur les risques budgétaires;
(c) kwemeza no gushyikiriza ubuyobozi bwa Minisiteri umushinga wa raporo ku bibazo by'ingengo y'imari wateguwe n'itsinda ry'abatekinisiye mu bijyanye n'ibibazo by'ingengo y'imari;	(c) to validate and submit the draft Fiscal Risk Statement produced by the Fiscal Risk Technical Working Group to Ministry's executive management;	(c) valider et soumettre le projet de déclaration des risques financiers produit par le groupe de travail technique sur les risques budgétaires, à la direction exécutive du Ministère;
(d) gutanga inama ku buyobozi bwa Minisiteri ku bijyanye n'ingamba zo guhangana n'ibibazo by'ingengo y'imari byagaragaye.	(d) to advise the Ministry's executive management on mitigation measures for the identified fiscal risks.	(d) conseiller la direction exécutive du Ministère sur les mesures d'atténuation des risques budgétaires identifiés.

Ingingo ya 20: Imikorere ya Komite ishinzwe ibyateza ingorane mu ngengo y'imari	**Article 20: Functioning of the Fiscal Risks Committee**	**Article 20: Fonctionnement du Comité des risques budgétaires**
(1) Komite ishinzwe ibyateza ingorane mu ngengo y'imari iterana buri mwaka kugira ngo isuzume raporo ku byateza ingorane mu ngengo y'imari mbere y'uko itangazwa. Icyakora, bitewe n'ibyateza ingorane mu ngengo y'imari bitungurana, Komite ishinzwe ibyateza ingorane mu ngengo y'imari ishobora guterana igihe cyose bibaye ngombwa.	(1) The Fiscal Risk Committee meets annually to review the fiscal risk statement before its publication. However, depending on emerging fiscal risks, the Fiscal Risk Committee may meet whenever necessary.	(1) Le Comité des risques budgétaires se réunit annuellement pour examiner le rapport des risques budgétaires avant sa publication. Toutefois, en fonction des risques budgétaires émergents, le Comité des risques budgétaires peut se réunir chaque fois que nécessaire.
(2) Raporo ku byateza ingorane mu ngengo y'imari itangazwa rimwe mu mwaka.	(2) The fiscal risk statement is published once a year.	(2) Le rapport des risques budgétaires est publié une fois par an.
Akiciro ka 3: Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta	**Sub-Section 3: National Treasury Management Committee**	**Sous-section 3: Comité de gestion du Trésor National**
Ingingo ya 21: Ishyirwaho rya Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta	**Article 21: Establishment of the National Treasury Management Committee**	**Article 21: Création du Comité de gestion du Trésor National**
Hashyizweho Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta muri Minisiteri kugira ngo habeho imicungire myiza y'imari ya Leta.	It is established the National Treasury Management Committee in the Ministry to ensure a smooth management of the public treasury.	Il est créé un Comité de gestion du Trésor National au sein du Ministère pour assurer la bonne gestion du trésor public.
Ingingo ya 22: Abagize Komite ishinzwe imicungire y'ikigega cya Leta	**Article 22: Composition of the National Treasury Management Committee**	**Article 22: Composition du Comité de gestion du Trésor National**
Abagize Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta ni aba bakurikira:	Members of the National Treasury Management Committee are the following:	Les membres du Comité de gestion du Trésor National sont les suivants:

(a) Umuyobozi w'Ikigega cya Leta, Perezida;	(a) the Official in charge of the National Treasury, Chairperson;	(a) l'autorité responsable du Trésor National, Président;
(b) Umuyobozi ushinzwe Ubukungu muri Banki Nkuru y'u Rwanda, Visi-Perezida;	(b) the Chief Economist at National Bank of Rwanda, Vice- Chairperson;	(b) l'Économiste en chef de la Banque Nationale du Rwanda, Vice-président;
(c) Umuyobozi ushinzwe imicungire y'amafaranga muri Banki Nkuru y'u Rwanda;	(c) the head of Monetary Operations at the National Bank of Rwanda;	(c) le responsable des opérations monétaires à la Banque Nationale du Rwanda;
(d) Umuyobozi ushinzwe ibijyanye no kwishyura muri Banki Nkuru y'u Rwanda;	(d) the head of Payments at the National Bank of Rwanda;	(d) le responsable des paiements à la Banque Nationale du Rwanda;
(e) Umubitsi Mukuru wa Leta muri Banki Nkuru y'u Rwanda;	(e) the Government Chief Cashier at the National Bank of Rwanda;	(e) le Caissier en Chef du Gouvernement à la Banque Nationale du Rwanda;
(f) Umuyobozi ushinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta muri Minisiteri;	(f) the head of National Treasury management function at the Ministry;	(f) le responsable de la fonction de gestion du Trésor National au sein du Ministère;
(g) Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubukungu muri Minisiteri;	(g) the Chief Economist at the Ministry;	(g) l'Économiste en Chef du Ministère;
(h) Umuyobozi ushinzwe gahunda z'amafaranga muri Minisiteri, umwanditsi;	(h) the Head of cash planning at the Ministry, Rapporteur;	(h) le responsable de la planification de trésorerie au sein du Ministère, Rapporteur;
(i) Umuyobozi ushinzwe ubushakashatsi n'igenamigambi mu Kigo cy'Imisoro n'Amahoro;	(i) the head of Research and Planning, at Rwanda Revenue Authority;	(i) le responsable de la recherche et de la planification à l'Office Rwandais des Recettes;

(j) Umuyobozi ushinzwe imari mu Kigo cy'Imisoro n'Amahoro;	(j) the head of Finance at Rwanda Revenue Authority;	(j) le responsable des finances à l'Office Rwandais des Recettes;
(k) Umuyobozi wa politiki z'ubukungu bw'Igihugu muri Minisiteri;	(k) the Head of Macroeconomic Policy at the Ministry;	(k) le responsable des politiques macro-économiques au sein du Ministère;
(l) Umuyobozi w'ishami rishinzwe ingengo y'imari muri Minisiteri;	(l) the Head of National Budget Department at the Ministry;	(l) le Chef du département du Budget national au sein du Ministère;
(m) Umuyobozi ushinzwe imari y'iterambere muri Minisiteri;	(m) the Head of development finance, in the Ministry;	(m) le responsable des finances au développement au sein du Ministère;
(n) Umuyobozi ushinzwe ibikorwa by'imari ku rwego rw'Igihugu muri Minisiteri;	(n) the Chief of National Financial Operations at the Ministry;	(n) le responsable des opérations financières nationales au sein du Ministère;
(o) Umubaruramari Mukuru muri Minisiteri;	(o) the Accountant General at the Ministry;	(o) le Comptable général au sein du Ministère;
(p) Umuyobozi ushinzwe imyenda ya Leta muri Minisiteri;	(p) the Head of Public Debt in the Ministry;	(p) le responsable des dettes publiques au sein du Ministère;
(q) Umuyobozi ushinzwe politiki z'imisoro muri Minisiteri;	(q) the head of Tax Policy in the Ministry;	(q) le responsable des politiques fiscales au sein du Ministère;
(r) undi mukozi wa Leta wagira icyo afasha.	(r) any other public officer considered suitable.	(r) l'autre fonctionnaire public jugé apte.

Ingingo ya 23: Inshingano za Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta	**Article 23: Responsibilities of the National Treasury Management Committee**	**Article 23: Attributions du Comité de gestion du Trésor National**
(1) Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta ifite inshingano zikurikira:	(1) The National Treasury Management Committee has the following responsibilities:	(1) Le Comité de gestion du Trésor National a les attributions suivantes:
(a) gukora ku buryo gahunda y'umwaka y'ubukungu bw'Igihugu Guverinoma yiyemeje ishyirwa mu bikorwa kandi igakurikiranwa mu bushishozi hashingiwe ku ntego zashyizweho no ku bipimo ngenderwaho;	(a) to ensure that the yearly macroeconomic program of Government is implemented and monitored diligently using all targets and benchmarks;	(a) veiller à ce que le programme macro-économique annuel du gouvernement soit mis en œuvre et suivi avec diligence en utilisant tous les objectifs et critères de référence;
(b) kugena gahunda rusange ya buri mwaka y'amafaranga yinjira n'asohoka n'ingamba z'igihe gito zo kubonamo amafaranga mu nzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta no mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;	(b) to determine the overall annual cash flow plan and short-term financing strategy for Central Government and decentralised entities;	(b) déterminer le plan du flux de trésorerie annuel global et la stratégie à court terme de financement de l'administration centrale et des entités décentralises;
(c) gusuzuma buri kwezi ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'amafaranga yinjira n'asohoka n'ingamba z'igihe gito zo kubonamo amafaranga;	(c) to review implementation of the cash flow plan and short-term financing strategy on a monthly basis;	(c) examiner mensuellement la mise en œuvre du plan du flux de trésorerie et de la stratégie de financement à court terme;
(d) gushyikiriza Minisitiri raporo ya buri gihembwe n'iya buri mwaka ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'amafaranga yinjira n'asohoka,	(d) to report to the Minister on a quarterly and annual basis on cash plan implementation and, where necessary, propose the	(d) faire rapport au Ministre trimestriellement et annuellement sur la mise en œuvre du plan de trésorerie et, le cas échéant,

gutanga ibyifuzo, iyo bibaye ngombwa, ku bikwiye guhinduka kugira ngo haboneke amafaranga yo gushyira mu bikorwa ingengo y'imari;	amendments necessary to finance budget implementation;	proposer les modifications nécessaires au financement de l'exécution du budget;
(e) gukora ihuzabikorwa nyaryo hagati y'abafatanyabikorwa b'ibanze bashinzwe gukusanya no gukoresha amafaranga ya Leta;	(e) to ensure effective coordination between key stakeholders responsible for collecting and spending public monies;	(e) assurer une coordination efficace entre les principales parties prenantes responsables de la collecte et des dépenses des fonds publics ;
(f) gusuzuma no kwemeza gahunda z'inguzanyo, zatanzwe na Komite ishinzwe imicungire y'imyenda;	(f) to analyse and approve borrowing plans submitted by Debt Management Committee;	(f) analyser et approuver les plans d'endettements soumis par le Comité de Gestion de la Dette ;
(g) gutanga inama ku bibazo byose bifitanye isano n'imicungire y'Ikigega cya Leta kugira ngo habeho imiterere y'ubukungu rusange itajegajega.	(g) to advise on any matters related to the management of the National Treasury to ensure stable macroeconomic framework.	(g) donner des conseils sur toute question relative à la gestion du Trésor National pour garantir un cadre macro-économique stable.
(2) Gahunda y'ubukungu bw'Igihugu iteganywa mu gika cya (1)(a) iba ikubiyemo ibipimo ngenderwaho, intego, uburyo, hamwe n'ibisabwa mu mitangire y'amakuru bya ngombwa kugira ngo gahunda ikurikiranwe neza.	(2) The macroeconomic program provided for in Paragraph (1)(a) contains necessary benchmarks, targets, modalities and data reporting requirements for the smooth monitoring of the program.	(2) Le programme macro-économique visé au paragraphe (1)(a) contient les critères de référence, les objectifs, les modalités et les exigences en matière de communication des données nécessaires au bon suivi du programme.

Ingingo ya 24: Imikorere ya Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta	**Article 24: Functioning of the National Treasury Management Committee**	**Article 24: Fonctionnement du Comité de gestion du Trésor National**
(1) Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta iterana buri gihembwe n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa.	(1) The National Treasury Management Committee meets quarterly and whenever necessary.	(1) Le Comité de gestion du Trésor National se réunit chaque trimestre et chaque fois que de besoin.
(2) Inama ya Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida iyo Perezida adahari.	(2) The meeting of the National Treasury Management Committee is convened and chaired by its Chairperson or the Vice-Chairperson in the absence of the Chairperson.	(2) La réunion du Comité de gestion du Trésor National est convoquée et présidée par son Président ou son Vice-Président en cas d'absence du Président.
(3) Ubutumire na gahunda y'inama bishyikirizwa abagize Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu ngo inama iterane. Icyakore, iyo byihutirwa icyo gihe gishobora kugabanywa.	(3) The invitation and the agenda of the meeting are submitted to the members of the National Treasury Management Committee in writing at least three days before the meeting is held. However, the time limit may be reduced in case of urgency.	(3) L'invitation et l'ordre du jour de la réunion sont adressés aux membres du Comité de gestion du Trésor National par écrit au moins trois jours avant la tenue de la réunion. Toutefois, ce délai peut être réduit en cas d'urgence.
(4) Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta iterana iyo hari ubwiganze burunduye bw'abayigize. Iyo umubare wa ngombwa udashoboye kuzura, inama irasubikwa, ikongera gutumizwa mu gihe kitarenze iminsi 15 ibarwa uhereye ku munsi yimuweho.	(4) The meeting of the National Treasury Management Committee is held if absolute majority of members are present. If the quorum is not reached, the meeting is postponed, and another meeting is convened within 15 days from the day of the postponement.	(4) La réunion du Comité de gestion du Trésor National se réunit lorsque la majorité absolue de ses membres est présente. Lorsque le quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée, et une autre réunion est convoquée dans un délai de 15 jours à compter du jour de report.
(5) Ibyemezo by'inama ya Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta bifatwa ku	(5) The decisions of the meeting of the National Treasury Management	(5) Les décisions de la réunion du Comité de gestion du Trésor National sont

bwumvikane busesuye.	Committee are made by consensus.	prises par consensus.
(6) Inyandikomvugo y'inama ya Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta ishyirwaho umukono na Perezida wayo n'Umwanditsi.	(6) Minutes of the meeting of the National Treasury Management Committee are signed by its chairperson and rapporteur.	(6) Le procès-verbal de la réunion du Comité de gestion du Trésor National est signé par son Président et son rapporteur.
(7) Inyandikomvugo y'inama ya Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta yohererezwa abitabiriye inama mu gihe kitarenze iminsi itanu ibarwa uhereye ku munsi inama yabereye.	(7) Minutes of the meeting of the National Treasury Management Committee are submitted to participants of the meeting within five days from the date of the meeting.	(7) Le procès-verbal de la réunion du Comité de gestion du Trésor National est transmis aux participants à la réunion dans un délai de cinq jours à compter du jour de la réunion.
(8) Imyanzuro y'inama ya Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta ishyikirizwa Umunyamabanga wa Leta ushinzwe imari ya Leta.	(8) Resolutions of the meeting of the National Treasury Management Committee are submitted to the Minister of State in charge of the National Treasury.	(8) Les résolutions de la réunion du Comité de gestion du Trésor National sont soumises au Secrétaire d'État chargé du Trésor National.
UMUTWE WA III: IGENAMIGAMBI, GUTEGURA NO KWEMEZA INGENGO Y'IMARI	**CHAPTER III: PLANNING, BUDGET PREPARATION AND APPROVAL**	**CHAPITRE III: PLANIFICATION, ÉLABORATION ET APPROBATION DU BUDGET**
Ingingo ya 25: Uruhare n'inshingano mu igenamigambi n'imitegurire y'ingengo y'imari	**Article 25: Roles and responsibilities in planning and budget preparation**	**Article 25 : Rôles et attributions dans la planification et l'élaboration du budget**
(1) Umuyobozi w'urwego rwa Leta afite inshingano zikurikira:	(1) The Executive Head of a public entity has the following responsibilities:	(1) Le responsable exécutif d'une entité publique a les attributions suivantes:
(a) guhuza ibikorwa by'imitegurire ya gahunda z'igenabikorwa n'ingengo	(a) to coordinate the preparation of appropriate strategic plans and	(a) coordonner la préparation des plans stratégiques et des budgets

z'imari z'urwego rwa Leta ayobora, no gukora ku buryo izo gahunda hamwe n'ingengo z'imari bihura n'ingamba zo ku rwego rw'Igihugu;	budgets of the public entity for which they are responsible, and ensure that these plans and budgets are consistent with national plans;	appropriés de l'entité publique dont il est responsable, et veiller à ce que ces plans et budgets soient conformes aux plans nationaux ;
(b) kugenzura ko gahunda z'igenabikorwa zifite ingengo z'imari zihagije kugira ngo zishyirwe mu bikorwa;	(b) to ensure that strategic plans are supported by adequate budgets for implementation;	(b) veiller à ce que les plans stratégiques aient des budgets adéquats pour leur mise en exécution ;
(c) kugenzura ko gahunda z'igenabikorwa zishyirwa mu bikorwa ku gihe kandi nk'uko byateguwe kugira ngo hagerwe ku ntego n'umusaruro byateganyijwe;	(c) to ensure that strategic plans are implemented on time and as designed to achieve agreed targets, objectives and outcomes;	(c) veiller à ce que les plans stratégiques soient mis en œuvre à temps et comme conçus pour atteindre les cibles, objectifs et résultats convenus ;
(d) kugenzura imitegurire ya gahunda z'igenabikorwa no gutanga ibitekerezo ku mavugurura yazo, hakurikijwe impinduka zabaye mu miterere y'ubukungu rusange bw'igihe gicirirtse cyangwa izindi mpamvu zumvikana zaba zarabayeho;	(d) to ensure the preparation of strategic plans and suggesting revisions, in light of changes in the medium-term macroeconomic framework or other reasonable circumstances;	(d) assurer la préparation des plans stratégiques et suggérer des révisions, à la lumière des changements dans le cadre macroéconomique à moyen terme ou d'autres circonstances raisonnables ;
(e) kugenzura ko imitegurire ya gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari by'umwaka bijyana na gahunda yemejwe;	(e) to ensure preparation of annual action plan and budget in line with the approved strategic plan;	(e) assurer la préparation du plan d'action et du budget annuels conformément au plan stratégique approuvé ;
(f) kugenzura ko ingengo y'imari y'umwaka y'urwego itegurwa	(f) to ensure the annual budget of the entity is prepared in line with the	(f) s'assurer que le budget annuel de l'entité est préparé conformément

hakurikijwe igenamigambi n'amabwiriza ahamagarira gutegura ingengo y'imari;	planning and budget call circulars;	aux circulaires d'appel pour la planification et l'élaboration du budget ;
(g) gukorana ku buryo bwa hafi na Minisitiri no gukorana n'izindi nzego za Leta.	(g) to work closely with the Minister and cooperate with other public entities.	(g) travailler en étroite collaboration avec le Ministre et coopérer avec d'autres entités publiques.
(2) Umuyobozi w'urwego rwa Leta abazwa ibyo akora n'Inama y'Abaminisitiri cyangwa Inama Njyanama mu nzego ziyigira, ku bijyanye n'igenzura rigamije kureba ko imikoreshereze y'umutungo wa Leta igenda neza, mu buryo bukwiye kandi budasesagura.	(2) The Executive Head of public entity is accountable to the Cabinet or their respective council as the case may be, for oversight to ensure effective, economic and efficient utilisation of public resources.	(2) Le responsable exécutif d'une entité publique est responsable devant le Conseil des Ministres ou son Conseil respectif, selon le cas, de la surveillance visant à garantir une utilisation efficace, économique et efficiente des ressources publiques.
(3) Umuyobozi w'urwego mu butegetsi bwite bwa Leta cyangwa Inama Njyanama y'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage bemeza gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari mbere y'uko bishyikirizwa Minisiteri.	(3) The Executive Head of a Central Government entity or the Council of a decentralised entity approves the action plan and budget before official submission to the Ministry.	(3) Le responsable exécutif d'une entité de l'administration centrale ou le Conseil de l'entité décentralisée approuve le plan d'action et le budget avant leur soumission officielle au Ministère.
<u>Ingingo ya 26</u>: Ibyiciro by'ingengo y'imari no kubigenera amafaranga	**<u>Article 26</u>: Budget classifications and appropriations**	**<u>Article 26</u> : Classifications et dotations budgétaires**
(1) Ibigereranyo by'ingengo y'imari y'ubutegetsi bwite bwa Leta n'iya buri rwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage bitegurwa, bigashyirwa mu bikorwa bikanatangirwa raporo hakurikijwe ibyiciro by'ingengo	(1) The Central Government budget estimates and each decentralised entity budget estimates are prepared, executed and reported in accordance with approved budget classification and chart of accounts.	(1) Les prévisions budgétaires de l'administration centrale et les prévisions budgétaires de chaque entité décentralisée sont préparées, exécutées et présentées conformément à la classification budgétaire et au plan

y'imari na gahunda y'ibaruramari byemejwe.		comptable approuvés.
(2) Mu bigereranyo by'ingengo y'imari, amafaranga akoreshwa agenwa ajyanye na gahunda zigaragaza politiki zateganyijwe, n'ibice byerekana ibyiciro bigari by'ubukungu.	(2) In the budget estimates, expenditures are appropriated by programs, reflecting policies, and chapters, reflecting broad economic categories.	(2) Dans les prévisions budgétaires, les dépenses sont affectées par programmes, reflétant les politiques, et par chapitres, reflétant les grandes catégories économiques.
(3) Impinduka mu byiciro bya gahunda y'ingengo y'imari zigomba gufatwa nk'izikenewe iyo hashyizweho ingamba nshya za politiki cyangwa iyo imirimo ya Leta yavuguruwe igahabwa inzego zinyuranye za Leta.	(3) Changes in the budget program classifications are considered necessary if new policy options are introduced or if Government functions have been restructured and assigned to different public entities.	(3) Des changements dans les classifications du programme budgétaire sont considérés comme nécessaires lorsque de nouvelles options politiques sont introduites ou lorsque les fonctions gouvernementales ont été restructurées et attribuées à différentes entités publiques.
(4) Iyo hari impinduka zikozwe mu cyiciro cya gahunda y'ingengo y'imari zishobora guhindura imiterere y'inyandiko z'ingengo y'imari n'imiterere na raporo, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta bireba agaragariza Minisitiri impinduka zikenewe hamwe n'ingengo y'imari kugira ngo byemezwe.	(4) If there is a change to the budget program classification that may alter the presentation of budget documentation and reports, the relevant Chief Budget Manager presents the need for changes to the Minister for approval together with budget submission.	(4) Lorsqu'il y a la modification apportée à la classification du programme budgétaire susceptible de modifier la présentation de la documentation et des rapports budgétaires, le Gestionnaire principal du budget concerné présente la nécessité de modifications au Ministre pour approbation en même temps que la présentation du budget.
(5) Ifaranga ry'u Rwanda ni ryo rigenderwaho mu mitegurire n'ishyirwa mu bikorwa by'ingengo z'imari za Leta	(5) The Rwandan Franc is the unit of account of all public budgets.	(5) Le Franc rwandais est l'unité de compte de tous les budgets publics.

zose.		
<u>Ingingo ya 27</u>: Ingengabihe rusange yo gukora igenamigambi no gutegura ingengo y'imari	**<u>Article 27</u>: Planning and budget preparation overall timeframe**	**<u>Article 27</u> : Calendrier global de planification et d'élaboration du budget**
(1) Minisitiri atanga buri mwaka amabwiriza ahamagarira gukora igenamigambi no gutegura ingengo y'imari hagamijwe gushyiraho ingengabihe no guha umurongo inzego za Leta ku buryo bwo gukora igenamigambi no gutegura ingengo y'imari y'umwaka hamwe n'ibirebana n'amafaranga azakoreshwa mu gihe gicirirtse.	(1) The Minister issues annually planning and budget call circulars to set timeframe and provide guidance to public entities on planning and preparation of annual budget and medium-term expenditure framework.	(1) Le Ministre émet chaque année des circulaires d'appel pour la planification et l'élaboration du budget pour fixer un calendrier et fournir des conseils aux entités publiques sur la planification et l'élaboration du budget annuel et du cadre de dépenses à moyen terme.
(2) Intambwe z'ingenzi mu mitegurire y'igenamigambi n'ingengo y'imari ni izi zikurikira:	(2) The planning and budget main preparation steps are the following:	(2) Les principales étapes de préparation de la planification et d'élaboration du budget sont les suivantes :
(a) Minisitiri ageza ku nzego za Leta, bitarenze impera z'ukwezi kwa Nzeri, inyandiko ya mbere itanga amabwiriza ahamagarira gukora igenamigambi no gutegura ingengo y'imari ikubiyemo amabwiriza ku buryo bwo kubara ibishingirwaho mu gutegura ingengo y'imari n'ibisabwa muri politiki y'igenamigambi ry'imyaka y'ingengo y'imari itatu ikurikira;	(a) the Minister issues to all public entities, by end September, the first planning and budget call circular which includes instructions on calculating the budget baseline and on policy planning requirements for the upcoming three fiscal years;	(a) le Ministre émet à l'intention de toutes les entités publiques au plus tard fin septembre, la première circulaire d'appel pour la planification et l'élaboration du budget, qui comprend des instructions sur le calcul de la base budgétaire et sur les exigences en matière de planification politique pour les trois exercices à venir ;

(b) Minisitiri ashyikiriza Inama y'Abaminisitiri inyandiko igaragaza ishusho y'igenamigambi n'iy'ingengo y'imari kugira ngo yemezwe, bitarenze ukwezi kwa Mutarama;	(b) the Minister submits to Cabinet the planning and budget outlook paper for approval by January;	(b) le Ministre soumet au Conseil des Ministres le document des perspectives de planification et budgétaires pour approbation au plus tard en janvier ;
(c) hakorwa inama nyunguranabitekerezo ku bijyanye no gukora igenamigambi no gutegura ingengo y'imari zigamije –	(c) planning and budget consultations are held with the objectives of –	(c) les consultations en matière de planification et d'élaboration du budget sont tenues avec objet –
(i) gutanga umurongo ku bikorwa by'ingenzi byihutirwa bijyanye n'imibare ntarengwa yemejwe;	(i) providing guidance on broad priority areas in line with the approved indicative ceilings; and	(i) de donner des orientations sur les grands domaines prioritaires conformément aux plafonds indicatifs approuvés ; et
(ii) no gusuzuma, bitarenze impera za Gashyantare, ko ibigereranyo by'ingengo z'imari byatanzwe n'inzego za Leta bihuye n'amabwiriza y'imitegurire y'ingengo y'imari no guhindura ibigereranyo byatanzwe, aho biri ngombwa;	(ii) reviewing compliance of the budget estimates proposed by public entities with the budget preparation instructions and amending the proposed estimates as required, by end of February;	(ii) d'examiner avant la fin février la conformité des prévisions budgétaires proposées par les entités publiques avec les instructions d'élaboration du budget et modifier les prévisions budgétaires proposées si nécessaire ;
(d) inyandiko ya kabiri ihamagarira gutegura ingengo y'imari, ikubiyemo imibare ntarengwa yerekana amafaranga azakoreshwa nk'uko yemejwe mu nyandiko igaragaza	(d) the second budget call circular, containing the indicative expenditure ceilings as approved in the planning and budget outlook paper, and additional budget	(d) la deuxième circulaire d'appel pour l'élaboration du budget contenant les plafonds de dépenses indicatifs tels qu'approuvés dans le document des perspectives de

ishusho y'igenamigambi n'iy'ingengo y'imari, hamwe n'andi mabwiriza yo gutegura ingengo y'imari bihabwa inzego zose za Leta mu kwezi kwa Gashyantare nyuma y'uko Inama y'Abaminisitiri yemeje inyandiko igaragaza ishusho y'igenamigambi n'iy'ingengo y'imari;	preparation instructions are issued to all public entities during the month of February immediately after the planning and budget outlook paper approval by the Cabinet;	planification et budgétaires, et des instructions supplémentaires pour l'élaboration du budget, sont émises à toutes les entités publiques au cours du mois de février immédiatement après l'approbation du document des perspectives de planification et budgétaires par le Conseil des Ministres ;
(e) imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari yateguwe na Minisiteri ishyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko, imitwe yombi iteranye bitarenze impera z'ukwezi kwa Mata;	(e) the budget framework paper prepared by the Ministry is submitted to both Chambers of the Parliament by end April;	(e) le document-cadre du budget préparé par le Ministère est soumis aux deux chambres du Parlement avant la fin d'avril ;
(f) iyo Inama y'Abaminisitiri imaze kwemeza umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta, Minisitiri awutangariza Inteko Ishinga Amategeko, imitwe yombi iteranye bitarenze itariki ya 15 Kamena ya buri mwaka.	(f) following the Cabinet's approval of the State Finance Bill, the Minister presents it before both Chambers of the Parliament in joint sitting no later than 15 June of each year.	(f) dès que le projet de loi portant fixation des finances de l'État est approuvé par le Conseil des Ministres, le Ministre le présente devant les deux chambres du Parlement en séance conjointe, au plus tard le 15 juin de chaque année.
Ingingo ya 28: Ingamba z'igenamigambi mu nzego za Leta	**Article 28: Strategic planning for public entities**	**Article 28: Planification stratégique pour les entités publiques**
Buri rwego rwa Leta rugira ingamba z'igenamigambi z'igihe cy'imyaka itatu nibura,	Each public entity has a strategic plan covering at least three-year period, presenting	Chaque entité publique dispose d'un plan stratégique couvrant une période d'au moins

zigaragaza ibi bikurikira:	the following:	trois ans qui présente ce qui suit :
(a) icyerekezo, inshingano nyamukuru n'intego by'urwego rwa Leta, bijyanye n'inyandiko y'ingamba z'Igihugu;	(a) the vision, mission and goals of the public entity, in line with the national strategy document;	(a) la vision, la mission et les buts de l'entité publique, conformément au document de stratégie nationale ;
(b) imiterere ya gahunda yarwo hamwe n'intego zarwo, ibipimo by'intego z'umwaka, harimo n'ibigenderwaho mu gupima umusaruro n'uburyo bwo gucunga imikorere;	(b) its program structure together with its objectives, indicators and annual targets, including performance measurement and management framework;	(b) la structure de son programme ainsi que ses objectifs, les indicateurs et les cibles annuelles, y compris les indicateurs de performance et le cadre de gestion ;
(c) ingamba zarwo z'ishoramari.	(c) its investment strategy.	(c) sa stratégie d'investissement.
Ingingo ya 29: Uburyo ingengo y'imari itegurwa mu nzego za Leta	**Article 29: Budget preparation process for public entities**	**Article 29 : Processus d'élaboration du budget pour les entités publiques**
(1) Buri rwego rwa Leta rutanga ibigereranyo by'ingengo y'imari bikubiyemo ibi bikurikira:	(1) Each public entity submits proposed budget estimates which include the following:	(1) Chaque entité publique soumet des prévisions budgétaires comprenant les éléments suivants :
(a) ingengo y'imari y'umwaka w'ingengo ugezweho;	(a) the current fiscal year budget;	(a) le budget de l'exercice en cours ;
(b) amafaranga yose ateganyijwe gukoreshwa mu gihe giciriritse bitewe n'amategeko mashya cyangwa politiki nshya za Leta;	(b) any new expenditures over the medium-term as a result of new legislation or Government policy;	(b) toutes les nouvelles dépenses à moyen terme résultant d'une nouvelle législation ou d'une nouvelle politique de l'État ;
(c) imishinga y'ishoramari igomba gusozwa, undi mushinga mushya w'ishoramari wemejwe na Komite	(c) the completion of ongoing investments and, if affordable within the set expenditure ceilings,	(c) l'achèvement des investissements en cours et, si cela est abordable dans les limites des plafonds de

ishinzwe ishoramari rya Leta, mu gihe ushobora gukorwa hubahirijwe amafaranga ntarengwa azakoreshwa.	any new capital project, upon Public Investment Committee approval.	dépenses fixés, tout nouveau projet d'investissement, après approbation du Comité d'investissement public.
(d) kugaragaza uburyo iyinjizwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo ryitaweho.	(d) the gender budget statement plan.	(d) le plan budgétaire sensible de la parité des genres.
(2) Iyo imari ishobora kuboneka mu buryo bwihutirwa, ibigereranyo by'ingengo y'imari bishingira ku ntego n'ibisubizo nk'uko byateganyijwe mbere muri gahunda z'ibikorwa by'inzego za ngombwa no muri gahunda y'igihe giciriritse y'urwego rwa Leta.	(2) If required by affordability in a prioritized manner, the budget estimates are based on the pre-determined objectives and outputs as provided in the relevant sector strategic plans and institutional medium term strategic plan of the public entity.	(2) Lorsque l'accessibilité financière l'exige de manière prioritaire, les prévisions budgétaires sont basées sur les objectifs et les résultats prédéterminés tels que prévus dans les plans stratégiques sectoriels pertinents et le plan stratégique institutionnel à moyen terme de l'entité publique.
(3) Gusuzuma imikoreshereze y'amafaranga ku rwego rwa minisiteri cyangwa ku rwego runaka bikorwa na minisiteri ireberera izo nzego hagamijwe gutegura amafaranga yo kuzigama n'ayimurwa ku mirongo y'ingengo y'imari mu rwego rwo guhuza amafaranga akoreshwa na politiki z'ibyihutirwa. Ibikorwa byo gusuzuma imikoreshereze y'amafaranga bikorwa hakurikijwe imirongo ngenderwaho yatanzwe na Minisitiri n'ingengabihe y'igihe giciriritse yatanzwe mu mabwiriza agena uburyo	(3) Ministerial or sectoral spending reviews are carried out by line ministries so as to prepare savings and reallocations leading to better align spending distribution with policy priorities. These spending reviews are conducted under the Minister's guidance and according to a medium-term agenda for spending reviews, specified in planning and budget call circulars.	(3) Les examens des dépenses ministérielles ou sectorielles sont effectués par les ministères de tutelle afin de préparer des économies et des réaffectations permettant de mieux aligner la répartition des dépenses sur les priorités politiques. Ces examens de dépenses sont effectués sous la direction du Ministre et selon un programme d'examen des dépenses à moyen terme, précisé dans les circulaires d'appel pour la planification et l'élaboration du budget.

bwo gukora igenamigambi no gutegura ingengo y'imari.		
(4) Inama nyunguranabitekerezo z'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere b'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zifasha gutoranya ibikorwa by'ingenzi bizitabwaho mu mwaka w'ingengo y'imari ukurikira hagendewe ku matariki agaragazwa mu mabwiriza agena uburyo bwo gukora igenamigambi no gutegura ingengo y'imari.	(4) Joint Action Development Forum meetings for decentralised entities facilitate selection of priorities for the coming fiscal year by the dates specified in planning and budget call circulars.	(4) Les réunions de Partenaires pour le Développement des entités décentralisées facilitent la sélection des priorités pour l'exercice budgétaire suivant selon les dates indiquées dans les circulaires d'appel pour la planification et l'élaboration du budget.
(5) Igenamigambi n'ingengo y'imari bitangwa n'inzego za Leta bitegurwa mu buryo n'imiterere byagenwe mu mabwiriza agena uburyo bwo gukora igenamigambi no gutegura ingengo y'imari.	(5) Planning and budget submissions from public entities are prepared in the formats prescribed in the planning and budget call circulars.	(5) Les propositions de planification et de budget des entités publiques sont préparées dans les formats prescrits dans les circulaires d'appel pour la planification et l'élaboration du budget.
(6) Minisiteri ikoresha inama nyunguranabitekerezo ku bikorwa by'ingenzi bikwiye kugenerwa ingengo y'imari mu nzego za Leta hagamijwe gusobanura ibigereranyo by'ingengo z'imari zatanzwe.	(6) The Ministry facilitates consultative meetings on budget priorities and resource allocations, for public entities to justify the submitted budget estimates.	(6) Le Ministère facilite les réunions de consultation sur les priorités budgétaires et l'affectation des ressources pour que les entités publiques justifient les prévisions budgétaires proposées.
(7) Ishami rishinzwe Ingengo y'Imari y'Igihugu muri Minisiteri risuzuma ubusabe bw'inzego za Leta ku bijyanye n'ingengo y'imari zikeneye, rigategura imyanzuro y'isesengura ryakoze	(7) The National Budget Department of the Ministry reviews the submitted budget requests of public entities and formulate recommendations and submit them to the Minister.	(7) Le Département du budget national au sein du Ministère examine les demandes budgétaires présentées par les entités publiques et formule des recommandations y afférentes et les

rikayishyikiriza Minisitiri.		soumet au Ministre.
(8) Minisitiri ashobora gusaba urwego rwa Leta kugira ibyo ruhindura muri gahunda z'ibikorwa by'ingenzi rwatanze ku mwaka ukurikira n'ibigereranyo by'ingengo y'imari byarwo mu rwego rwo kuzuza ibisabwa mu byerekeye ubukungu rusange n'ingamba zerekeye ingengo y'imari.	(8) The Minister may require a public entity to make adjustments to its submitted priorities for the next year and budget estimates to fulfil the requirements of the macroeconomic framework and fiscal strategy.	(8) Le Ministre peut exiger à une entité publique de faire des ajustements aux priorités soumises pour l'année suivante et aux prévisions budgétaires afin de répondre aux exigences du cadre macroéconomique et de la stratégie budgétaire.
Ingingo ya 30: Uburyo bwo gutegura no gukorana ibiganiro n'abafatanyabikorwa ku bibazo byerekeye intego z'ingengo y'imari	**Article 30: Procedure for preparation and organisation of consultations with partners on issues related to fiscal objectives**	**Article 30: Modalités de préparation et d'organisation de consultations avec les partenaires au sujet des questions relatives aux objectifs budgétaires**
(1) Minisiteri ni yo itegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari.	(1) The Ministry prepares the budget framework paper.	(1) Le Ministère prépare le document-cadre du budget.
(2) Mu gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari, Minisiteri igirana ibiganiro n'abafatanyabikorwa bireba kugira ngo ibyo bemeranyijeho bishyirwe mu mbanzirizamushinga y'ingengo y'imari.	(2) In the preparation of budget framework paper, the Ministry consults the concerned stakeholders and incorporates the agreed inputs into the budget framework paper.	(2) En préparant le document-cadre du budget, le Ministère engage les partenaires concernés et inclut dans le document-cadre du budget les objectifs budgétaires convenus.
Ingingo ya 31: Gahunda y'ubukungu rusange bw'Igihugu mu gihe gicirikitse n'ingamba zo kwinjiza no gukoresha amafaranga mu ngengo y'imari	**Article 31: National medium term macroeconomic framework and fiscal strategy**	**Article 31 : Cadre macro-économique national à moyen terme et stratégie budgétaire**
(1) Gahunda y'ubukungu rusange bw'Igihugu yerekana politiki za Leta	(1) The national macroeconomic framework sets out Government	(1) Le cadre macro-économique national définit des politiques économiques et

zerekeye ubukungu n'imari, hitawe ku kuzihuza na politiki zishingiye ku masezerano u Rwanda ruhuriyeho n'ibihugu byo mu karere, kandi ikibanda ku bizifashishwa kugira ngo intego zashyizweho zigerweho.	economic and financial policies, taking into account the regional treaties convergence policy, and highlight the tools to be used to achieve these objectives.	financières du Gouvernement, en tenant compte de la politique de convergence des traités régionaux, et met en évidence les outils à utiliser pour atteindre ces objectifs.
(2) Gahunda y'ubukungu rusange bw'Igihugu igizwe n'inzego enye zikurikira:	(2) The national macroeconomic framework comprises following four sectors:	(2) Le cadre macro-économique national comporte les quatre secteurs suivants :
(a) urwego ruzamura umusaruro rusange w'Igihugu harimo umusaruro n'ibiciro;	(a) the real sector including output and prices;	(a) le secteur réel comprenant le secteur de la production et des prix;
(b) urwego rw'ubuhahirane n'amahanga;	(b) the external sector;	(b) le secteur externe ;
(c) urwego rwo kwinjiza no gukoresha amafaranga mu ngengo y'imari;	(c) the fiscal sector;	(c) le secteur fiscal ;
(d) urwego rw'ifaranga.	(d) the monetary sector.	(d) le secteur monétaire.
(3) Gahunda y'ubukungu rusange bw'Igihugu igizwe n'ibi bikurikira:	(3) The national macroeconomic framework comprises the following:	(3) Le cadre macro-économique national comporte ce qui suit :
(a) isuzuma ry'imigendekere y'ubukungu mu gihe giheruka ndetse n'uburyo buteganyijwe mu gihe gicirirtse, harimo n'umwaka ugezweho w'ingengo y'imari;	(a) an assessment of recent performance and outlook over the medium term, including the current fiscal year;	(a) l'évaluation de la performance macroéconomique récente et des perspectives à moyen terme, y compris l'exercice en cours ;

(b) imibare igaragaza umusaruro w'inzego bwite za Leta n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu myaka ishize;	(b) actual fiscal outturns of the Central Government and decentralised entities for the previous years;	(b) les réalisations budgétaires de l'administration centrale et des entités décentralisées pour les années précédentes ;
(c) ibiteganyijwe mu ngengo z'imari z'inzego bwite za Leta no mu z'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu myaka itatu ikurikira;	(c) fiscal forecasts of the Central Government and decentralised entities for the following three years;	(c) les prévisions budgétaires de l'administration centrale et des entités décentralisées pour les trois années à venir ;
(d) ikinyuranyo cy'ingengo y'imari mu myaka itatu ikurikira.	(d) fiscal balance for the following three years.	(d) le solde budgétaire pour les trois années suivantes.
Ingingo ya 32: Gahunda y'uburyo amafaranga y'ingengo y'imari akoreshwa mu gihe giciriritse	**Article 32: Medium-term expenditure framework**	**Article 32 : Cadre de dépenses à moyen terme**
(1) Gahunda y'uburyo amafaranga y'ingengo y'imari akoreshwa mu gihe giciriritse ishyiraho amafaranga ntarengwa azakoreshwa mu myaka y'ingengo y'imari itatu ikurikira –	(1) The medium-term expenditure framework sets expenditure ceilings for the three upcoming fiscal years, respectively –	(1) Le cadre de dépenses à moyen terme établit des plafonds de dépenses pour les trois exercices budgétaires à venir, respectivement –
(a) ku byerekeye amafaranga yose agenewe gukoreshwa mu ngengo y'imari;	(a) for total budget expenditure; and	(a) pour les dépenses budgétaires totales ; et
(b) no kuri buri rwego rwa Leta, ku byerekeye amafaranga rugenewe gukoresha yose n'ibyiciro byihariye bikeneye amafaranga yo gukoresha.	(b) by public entity, for the total expenditure and defined expenditure categories.	(b) par entité publique, pour les dépenses totales et les catégories de dépenses définies.

(2) Amafaranga ntarengwa akoreshwa agenwa hakurikijwe intego z'ingengo y'imari kandi agakurikiranwa ku buryo buhoraho mu gihe cy'umwaka na nyuma yawo. Iyo inzego za Leta bireba zisabwa kubahiriza amafaranga ntarengwa yagenwe, zigomba kugena amafaranga azakoreshwa ku bikorwa by'ingenzi kandi zikayahuza n'igihe azakoreshwamo.	(2) The expenditure ceilings are set compliant with fiscal objectives and monitored regularly on in- and end-year basis. If required to comply with set expenditure ceilings, the respective public entities have to prioritize and adapt their expenditure in due time.	(2) Les plafonds de dépenses sont fixés conformément aux objectifs budgétaires et font l'objet d'un suivi régulier en cours et en fin d'année. Les entités publiques concernées sont tenues de respecter les plafonds de dépenses fixés, elles doivent prioritiser et adapter leurs dépenses en temps voulu.
(3) Ingengo y'imari y'umwaka igomba guhura n'imiterere y'uburyo amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu mwaka wa mbere w'inyandiko y'amafaranga azakoreshwa mu gihe giciriritse.	(3) The annual budget must be consistent with the first year of the rolling three-year medium term expenditure framework.	(3) Le budget annuel doit être cohérent avec la première année du cadre de dépenses à moyen terme de trois ans.
(4) Inyandiko y'amafaranga azakoreshwa mu gihe giciriritse cy'imyaka itatu igomba gushyikirizwa Inama y'Abaminisitiri buri mwaka, nk'ibipimo ntarengwa by'amafaranga azakoreshwa mu nyandiko igaragaza ishusho y'igenamigambi n'iy'ingengo y'imari kandi nk'inyandiko ya nyuma y'amafaranga ntarengwa azakoreshwa ari mu mbanzirizamushinga y'ingengo y'imari.	(4) A three-year rolling medium term expenditure framework must be presented annually to the Cabinet, as indicative expenditure ceilings in the planning and budget outlook paper and as final expenditure ceilings in the budget framework paper.	(4) Un cadre de dépenses à moyen terme de trois ans doit être présenté chaque année au Conseil des Ministres comme plafonds de dépenses indicatifs dans le document des perspectives de planification et budgétaires et comme plafonds de dépenses définitifs dans le document-cadre du budget.
(5) « Gahunda y'uburyo amafaranga y'ingengo y'imari akoreshwa mu gihe	(5) "Medium Term Expenditure Framework" means a rolling medium-	(5) « Le cadre de dépenses à moyen terme » signifie les ressources à moyen

gicirirtse » bivuga inyandiko ya gahunda ngarukagihe igena aho amafaranga azinjira n'azasohoka azava mu ngengo y'imari ya Leta ku gihe gicirirtse kibarirwa hagati y'imyaka itatu n'itanu.	term resource and expenditure plan of Government covering period of three to five years.	terme ajustable et le plan de dépenses du Gouvernement couvrant la période de trois à cinq ans.
Ingingo ya 33: Inyandiko igaragaza ishusho y'igenamigambi n'iy'ingengo y'imari	**Article 33: Planning and budget outlook paper**	**Article 33 : Document des perspectives de planification et budgétaires**
(1) Inyandiko ya buri mwaka igaragaza ishusho y'igenamigambi n'iy'ingengo y'imari isobanura politiki y'ingengo y'imari y'igihe gicirirtse n'iy'igihe gito kandi iba ikubiyemo –	(1) The annual planning and budget outlook paper addresses both medium term and short-term horizons, and includes –	(1) Le document annuel des perspectives de planification et budgétaires aborde à la fois les horizons à moyen et à court terme et inclut –
(a) uko ubukungu rusange buzaba buhagaze, harimo ibipimo by'izamuka ryabwo, iby'ihindagurika ry'ibiciro, n'ibijyanye n'ikinyuranyo hagati y'ibyinjira n'ibisohoka mu Gihugu;	(a) the macroeconomic prospect, including indicators on growth, inflation, and external balance;	(a) les perspectives macro-économiques, y compris les indicateurs de croissance, d'inflation et de balance extérieure ;
(b) politiki rusange y'ingengo y'imari igaragaza intego nyamukuru z'ingengo y'imari, harimo gahunda y'imyenda, amafaranga azasigara mu ngengo y'imari n'azasohoka hamwe n'ikigereranyo cy'amafaranga ntarengwa ateganyijwe muri gahunda y'uburyo amafaranga y'ingengo y'imari akoreshwa mu gihe gicirirtse, iherekejwe n'inyandiko	(b) the overall fiscal policy with the main fiscal objectives, including indebtedness, budget balance and expenditure and the indicative expenditure ceilings from the medium-term expenditure framework with an analysis on their alignment with the fiscal objectives;	(b) la politique budgétaire globale comprenant les principaux objectifs budgétaires, y compris l'endettement, le solde budgétaire et les dépenses, ainsi que les plafonds de dépenses indicatifs du cadre de dépenses à moyen terme, avec une analyse de leur alignement sur les objectifs budgétaires ;

y'isesengura igaragaza uburyo ayo mafaranga ntarengwa ajyanye n'intego z'ingengo y'imari;		
(c) inyandiko y'isesengura igaragaza uburyo intego z'u Rwanda muri politiki y'ingengo y'imari zijyanye na politiki n'imikorere bishingiye ku masezerano u Rwanda ruhuriyeho n'ibihugu byo mu karere;	(c) an analysis on the alignment of the Rwanda fiscal policy objectives with the regional treaties on fiscal convergence policy and procedures;	(c) une analyse de l'alignement des objectifs de la politique budgétaire du Rwanda sur les traités régionaux relatifs à la politique et aux procédures de convergence budgétaire ;
(d) intego zifatika na gahunda z'ingenzi mu bijyanye n'amafaranga azakoreshwa mu bikorwa bya buri munsi no mu bikorwa by'ishoramari, harimo gahunda n'imishinga bishya kandi binini;	(d) the expenditure strategic objectives and priority areas, for both current and investment expenditure, including major new programmes and projects;	(d) les objectifs stratégiques et les domaines prioritaires en matière de dépenses, tant pour les dépenses courantes que pour les dépenses d'investissement, y compris les nouveaux programmes et projets majeurs ;
(e) ibisubizo bikomoka ku ngengo y'imari y'ibanze iteganyijwemo amafaranga azakoreshwa n'azinjira mu myaka y'ingengo y'imari itatu iri imbere no kuyagereranya n'intego z'ingengo y'imari mu mibare hagamijwe gusuzuma ibijyanye n'ingengo y'imari;	(e) the result of the budget baseline projection for expenditure and revenue for the upcoming three fiscal years and its comparison with quantified fiscal objectives to assess fiscal space;	(e) le résultat de la projection budgétaire de référence pour les dépenses et les recettes pour les trois prochains exercices fiscaux et sa comparaison avec les objectifs budgétaires quantifiés pour évaluer l'espace budgétaire ;
(f) amafaranga ntarengwa azakoreshwa n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage kimwe n'ateganyijwe kwinjira, mu buryo bw'imbumbe, harimo n'ateganywa	(f) the decentralised entities expenditure ceilings and revenue projections, on a gross basis, including their own revenues projections;	(f) les plafonds de dépenses et les projections de recettes des entités décentralisées, sur une base brute, y compris leurs projections de revenus propres ;

kwinjizwa n'izo nzego; (g) ibyerekezo by'ingenzi bya politiki y'imisoro; (h) n'ibyagezweho mu mavugurura manini y'inzego n'ibikorwa byo kuyakomeza. (2) Inyandiko igaragaza ishusho y'igenamigambi n'iy'ingengo y'imari itegurwa na Minisiteri, ikaganirwaho kandi ikemezwa n'Inama y'Abaminisitiri bitarenze ukwezi kwa Mutarama.	(g) the main orientations of the tax policy; and (h) the progress in major structural reforms and their continuation. (2) The planning and budget outlook paper is prepared by the Ministry, discussed and adopted by the Cabinet by January.	(g) les principales orientations de la politique fiscale ; et (h) les progrès des grandes réformes structurelles et leur poursuite. (2) Le document des perspectives de planification et budgétaires est préparé par le Ministère, discuté et adopté par le Conseil des Ministres en janvier.
<u>Ingingo ya 34</u>: Itegurwa ry'ikigereranyo cy'ingengo y'imari ivuguruye (1) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta, ashingiye ku mabwiriza n'imirongo ngenderwaho bishyirwaho na Ministeri, ashobora gutegura no gusobanura ingengo y'imari ivuguruye iyo bikenewe, hitawe ku mikoreshereze yayo n'ibyagezweho mu mezi atandatu abanza. (2) Ibigereranyo by'ingengo y'imari ivuguruye biba bitanyuranyije na gahunda y'ingengo y'imari y'igihe giciriritse n'ikigereranyo rusange cya gahunda y'ingengo y'imari byemejwe.	**<u>Article 34</u>: Preparation of revised budget estimates** (1) The Chief Budget Manager, based on the circular and guidelines issued by the Ministry, may prepare and justify revised budget estimates if required, taking into account their execution and performance of the previous six months. (2) The revised budget estimates are consistent with the approved medium-term plan and macro fiscal framework.	**<u>Article 34</u>: Élaboration des prévisions budgétaires révisées** (1) Le Gestionnaire principal du budget, sur la base de la circulaire et des lignes directrices émises par le Ministère, peut élaborer et justifier les prévisions budgétaires révisées si nécessaire, en tenant compte de leur exécution et de la performance des six mois précédents. (2) Les prévisions budgétaires révisées sont conformes au plan à moyen terme et au cadre macro-budgétaire approuvés.

(3) Minisitiri ashyikiriza Inama y'Abaminisitiri umushinga w'itegeko rivugurura ingengo y'imari ya Leta bitarenze ku wa 15 Mutarama.	(3) The Minister submits the revised State Finance Bill to the Cabinet by not later than 15th January.	(3) Le Ministre soumet le projet de loi de finances de l'État révisée au Conseil des Ministres au plus tard le 15 janvier.
(4) Iyo Inama y'Abaminisitiri imaze kwemeza umushinga w'itegeko rivugurura ingengo y'imari ya Leta, Minisitiri awugeza ku Nteko Ishinga Amategeko kugira ngo iwemeze.	(4) Following the Cabinet's approval of the revised State Finance Bill, the Minister presents the bill before the Parliament for adoption.	(4) Après l'approbation du projet de loi de finances de l'État révisée par le Conseil des Ministres, le Ministre présente ce projet de loi au Parlement pour adoption.
<u>Ingingo ya 35</u>: Umurongo w'ingengo y'imari y'ingoboka mu ngengo y'imari ya Leta	**<u>Article 35</u>: Impromptu budget line in State budget**	**<u>Article 35</u> : Ligne budgétaire pour imprévus dans le budget de l'État**
(1) Umurongo w'ingengo y'imari y'ingoboka ushyirwa mu ngengo y'imari ya Minisiteri. Buri mwaka, umubare w'amafaranga ugenerwa uwo murongo w'ingengo y'imari y'ingoboka ugenwa mu itegurwa ry'ingengo y'imari ugashyirwa mu mushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta.	(1) An impromptu budget line is created in the budget of the Ministry. Each year, the precise amount to be appropriated to this impromptu budget line is determined by the budget preparation procedure and included in the State finance Bill.	(1) Une ligne budgétaire pour imprévus est créée dans le budget du Ministère. Chaque année, le montant précis à affecter à cette ligne budgétaire pour imprévus est déterminé par la procédure d'élaboration du budget et inscrit dans le projet de loi de finances de l'État.
(2) Minisitiri ashobora kwemera ikoreshwa ry'amafaranga avuye ku murongo w'ingengo y'imari y'ingoboka wo ku rwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta kugira ngo azibe icyuho cy'amafaranga yihutirwa, akenewe mu buryo butunguranye, butakwirengagizwa, atarateganyijwe mu ngengo y'imari kandi atari hejuru y'amafaranga ahari.	(2) The Minister may authorize the use of funds from the Central Government impromptu budget line to defray urgent, unpredictable, unavoidable and unobservable expenditure that were not provided for in budget and which do not exceed available funds. Ministries concerned may submit to the Minister requests for additional funds from	(2) Le Ministre peut autoriser l'utilisation des fonds de la ligne budgétaire pour imprévus de l'administration centrale pour faire face à des dépenses urgentes, imprévisibles, inévitables et non résorbables qui n'étaient pas prévues dans le budget et qui n'excèdent pas les fonds disponibles. Les ministères concernés peuvent soumettre au

Minisiteri bireba zishobora gushyikiriza Minisitiri ubusabe bw'amafaranga y'inyongera akurwa ku murongo w'ingengo y'imari y'ingoboka, iyo ingengo z'imari zatanzwe zidahagije mu kwishyura ibikenewe by'inyongera, bitunguranye kandi byihutirwa, bifite ishingiro.	impromptu budget line, if their allocated budgets prove insufficient to meet additional, unexpected and urgent needs, duly justified.	Ministre des demandes de fonds supplémentaires provenant de la ligne budgétaire pour imprévus, au cas où les budgets qui leur sont alloués s'avèrent insuffisants pour répondre à des besoins supplémentaires, inattendus et urgents, dûment justifiés.
(3) Mbere y'uko amafaranga akomoka ku murongo w'ingengo y'imari y'ingoboka akoreshwa, Minisitiri yohereza amafaranga yasabwe ku murongo w'ingengo y'imari akeneweho mu ngengo y'imari y'urwego rwa Leta ruzayakoresha.	(3) Before funds from impromptu budget line are used, the Minister transfers the required amount to the relevant budget line under the budget of the public entity which will use them.	(3) Avant que les fonds de la ligne budgétaire pour imprévus ne soient utilisés, le Ministre transfère le montant requis sur la ligne budgétaire correspondante du budget de l'entité publique qui les utilisera.
(4) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta w'urwego rwa Leta rwakiriye amafaranga avuye ku murongo w'ingengo y'imari y'ingoboka w'ubutegetsi bwite bwa Leta atanga raporo ya buri gihembwe ku mikoreshereze y'ayo mafaranga.	(4) The Chief Budget Manager of the public entity which has received funds from the Central Government impromptu budget line provides quarterly reports to the Minister on the use of the funds.	(4) Le Gestionnaire principal du budget de l'entité publique qui a reçu des fonds de la ligne budgétaire pour imprévus de l'administration centrale fournit un rapport trimestriel au Ministre sur l'utilisation de ces fonds.
<u>Ingingo ya 36</u>: Umurongo w'ingengo y'imari y'ingoboka mu ngengo y'imari y'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage	**<u>Article 36</u>: Impromptu budget line in the budget of a decentralised entity**	**<u>Article 36</u> : Ligne budgétaire pour imprévus dans le budget d'une entité décentralisée**
(1) Umurongo w'ingengo y'imari y'ingoboka ushyirwa mu ngengo y'imari	(1) An impromptu budget line is created in the budget of decentralised entities.	(1) Une ligne budgétaire pour imprévus est créée dans le budget des entités

y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage. Buri mwaka, umubare w'amafaranga ugenerwa uwo murongo w'ingengo y'imari y'ingoboka ugenwa mu itegurwa ry'ingengo y'imari ugashyirwa mu ngengo y'imari ya buri rwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage.	Each year, the specific amount to be appropriated to this impromptu budget line is determined by the budget preparation procedure and included in the budget of each decentralised entity.	décentralisées. Chaque année, le montant précis à affecter à cette ligne budgétaire pour imprévus est déterminé par la procédure d'élaboration du budget et inscrit dans le budget de chaque entité décentralisée.
(2) Umuyobozi w'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage ashobora kwemera ikoreshwa ry'amafaranga avuye ku murongo w'ingengo y'imari y'ingoboka kugira ngo azibe icyuho cy'amafaranga yihutirwa, akenewe mu buryo butunguranye kandi butakwirengagizwa atarateganijwe mu ngengo y'imari y'urwo rwego.	(2) The Executive Head of a decentralised entity may authorize the use of funds from the impromptu budget line to defray urgent, unpredictable and unavoidable expenditure that were not provided for in the budget of that entity.	(2) Le responsable exécutif de l'entité décentralisée peut autoriser l'utilisation des fonds de la ligne budgétaire pour imprévus pour faire face à des dépenses urgentes, imprévisibles et inévitables qui n'étaient pas prévues dans le budget de cette entité.
(3) Mbere y'uko amafaranga akomoka ku murongo w'ingengo y'imari y'ingoboka akoreshwa, umubare usabwa wimurwa ku murongo w'ingengo y'imari y'ingoboka ugashyirwa ku murongo w'ingengo y'imari wabugenewe, hakagaragazwa impamvu n'imimerere y'igitangwaho amafaranga cyihutirwa, gikenewe mu buryo butunguranye kandi butakwirengagizwa.	(3) Before funds from the impromptu budget line are used, the required amount is transferred from the impromptu budget line to an appropriate expenditure line clearly indicating the purpose and nature of the urgent, unpredictable and unavoidable expenditure.	(3) Avant que les fonds de la ligne budgétaire pour imprévus ne soient utilisés, le montant requis est transféré de la ligne budgétaire pour imprévus à la ligne des dépenses appropriée en indiquant clairement le but et la nature de la dépense urgente, imprévisible et inévitable.
(4) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga	(4) The Chief Budget Manager of the	(4) Le Gestionnaire principal du budget de

imari n'umutungo by'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage ageza ku Nama Njyanama raporo ya buri gihembwe ku mikoreshereze y'amafaranga y'umurongo w'ingengo y'imari y'ingoboka.	decentralised entity provides quarterly reports to the Council on the use of the funds from the impromptu budget line.	l'entité décentralisée doit faire un rapport trimestriel au Conseil sur l'utilisation des fonds de la ligne budgétaire pour imprévus.
Ingingo ya 37: Kwimura ingengo y'imari mu nzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta	**Article 37: Budget reallocation in Central Government entities**	**Article 37 : Réaffectation budgétaire au sein des entités de l'administration centrale**
(1) Igikorwa cyo kwimura amafaranga ku mirongo y'ingengo y'imari mu nzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta gitegurwa kandi kigashyirwa mu bikorwa n'Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta.	(1) The budget reallocation for Central Government entities is prepared and implemented by Chief Budget Managers.	(1) La réaffectation budgétaire au sein des entités de l'administration centrale est préparée et mise en œuvre par les Gestionnaires principaux du budget.
(2) Igikorwa cyo kwimura amafaranga y'ingengo y'imari kirimo amafaranga y'abaterankunga bo mu mahanga kirabujijwe.	(2) The reallocation of appropriation implying external donors' funds is prohibited.	(2) La réaffectation budgétaire impliquant les fonds des donateurs externes est interdite.
(3) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta yandika amafaranga yose yimuwe kandi akabika inyandiko zijyanye na byo, harimo amakuru y'uko yabazwe ahamya ko hubahirijwe amafaranga ntarengwa n'uburyo bw'imikoreshereze yayo nk'uko biteganywa mu Itegeko Ngenga.	(3) The Chief Budget Manager records all reallocations of funds and keeps related supporting documentation, including calculation data evidencing the strict abidance to ceilings and conditions set in the Organic Law.	(3) Le Gestionnaire principal du budget enregistre toute réaffectation de fonds et conserve les pièces justificatives y relatives, y compris les données de calcul prouvant le strict respect des plafonds et des conditions fixées dans la Loi Organique.

(4) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ashyira muri raporo ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari ya buri kwezi, iya buri gihembwe n'iy'umwaka amafaranga yemeje ko yimurwa. Raporo za buri gihembwe ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari zishyikirizwa Inama y'Abaminisitiri ziba zikubiyemo incamake y'ibyakozwe mu kwimura amafaranga muri icyo gihe. Raporo y'amezi atandatu ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari ishyikirizwa Umutwe w'Abadepite iba ikubiyemo incamake y'ibyakozwe mu kwimura amafaranga muri icyo gihe.	(4) The Chief Budget Manager includes approved reallocations of funds in the monthly, quarterly and annual budget execution reports. The quarterly budget execution reports submitted to Cabinet includes a summary of all reallocations of funds for the period concerned. The mid-year budget execution report submitted to the Chamber of Deputies includes a summary of reallocations of funds for the period concerned.	(4) Le Gestionnaire principal du budget inclue les réaffectations de fonds approuvées dans les rapports mensuels, trimestriels et annuels sur l'exécution du budget. Les rapports trimestriels sur l'exécution du budget soumis au Conseil des Ministres comprennent un résumé de toutes les réaffectations de fonds effectuées au cours de la période concernée. Le rapport semestriel d'exécution du budget soumis à la Chambre des Députés comprend une synthèse des réaffectations de fonds pour la période concernée.
(5) Iyo iyimurwa ry'amafaranga rigomba kwemezwa na Minisitiri, cyangwa n'Inteko ishinga Amategeko, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ategura ubusabe buherekejwe n'ibisobanuro n'inyandiko byose bishoboka akoresheje inyandikorugero yashyizweho na Minisiteri. Iyo amaze kuzuza iyo nyandiko, ayohererezа Minisiteri, iyo bibaye ngombwa, ikaba ari yo yohererezа Inteko Ishinga Amategeko ubusabe bwo kwimura amafaranga mu ngengo y'imari. Iyimurwa ry'amafaranga ryasabwe rishobora gushyirwa mu bikorwa nyuma yo	(5) If the reallocation of funds requires formal approval of the Minister or, possibly, of Parliament, the Chief Budget Manager prepares a request with all justifications and documentation in using the template established by the Ministry. Once dully filled out, the template is sent to the Ministry that would, if need be, transmit this reallocation proposal to the Parliament. The proposed reallocations can be implemented only after formal approval by the Minister or the Parliament.	(5) Lorsque la réaffectation de fonds nécessite l'approbation formelle du Ministre ou, éventuellement, du Parlement, le Gestionnaire principal du budget prépare une demande avec toutes les justifications et documents nécessaires en utilisant le modèle établi par le Ministère. Une fois dûment rempli, le modèle est transmis au Ministère qui transmettra, le cas échéant, cette proposition de réaffectation au Parlement. Les réaffectations proposées ne peuvent être mises en œuvre qu'après l'approbation formelle du Ministre ou du Parlement.

kwemezwa na Minisitiri cyangwa n'Inteko Ishinga Amategeko.		
Ingingo ya 38: Kwimura ingengo y'imari mu rwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage	**Article 38: Budget reallocation in a decentralised entity**	**Article 38 : Réaffectation budgétaire dans une entité décentralisée**
(1) Kwimura amafaranga ku mirongo y'ingengo y'imari mu rwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage bitegurwa kandi bigashyirwa mu bikorwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta. Icyakora, kwimura amafaranga y'ingengo y'imari arimo amafaranga y'abaterankunga bo mu mahanga birabujijwe.	(1) The budget reallocation for the decentralised entity is prepared and implemented by the Chief Budget Manager. However, reallocation of appropriation implying external donors fund is prohibited.	(1) La réaffectation budgétaire au sein d'une entité décentralisée est préparée et mise en œuvre par le Gestionnaire principal du budget. Toutefois, la réaffectation budgétaire impliquant les fonds des donateurs externes est interdite.
(2) Imirongo ngenderwaho ku kwimura ingengo y'imari mu rwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage ni iyi ikurikira:	(2) Guidelines for budget reallocation in a decentralised entity are the following:	(2) Les lignes directrices de réaffectation budgétaire dans une entité décentralisée sont les suivantes :
(a) kwimura amafaranga ku ngengo y'imari ya gahunda imwe ashyirwa ku yindi mu rwego rumwe bikorwa iyo bitarengeje 20% by'ingengo y'imari yose yagenewe iyo gahunda. Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta atanga raporo ya buri kwezi, iya buri gihembwe, iya buri mezi atandatu	(a) budget reallocation from one programme to another within the same entity is affected if it does not exceed a cumulative maximum 20% of total budget for the programme. The Chief Budget Manager reports all reallocations of funds in the monthly, quarterly, mid-year and annual budget	(a) la réaffectation budgétaire d'un programme à l'autre d'une même entité est effectuée si elle ne dépasse pas un maximum cumulé de 20% du budget total du programme. Le Gestionnaire principal du budget rend compte de toutes les réaffectations de fonds dans les

n'iya buri mwaka ku bikorwa byose byo kwimura amafaranga mu ngengo y'imari no ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari, akaziha Minisitiri kandi akagenera kopi urwego nshingwabikorwa n'Inama Njyanama;	execution reports to the Minister and provides a copy to the Executive authority and the Council;	rapports mensuels, trimestriels, semestriels et annuels d'exécution du budget au Ministre et en remet une copie à l'autorité exécutive et au Conseil;
(b) kwimura amafaranga ku ngengo y'imari ya gahunda imwe ashyirwa ku yindi gahunda byemezwa n'urwego nshingwabikorwa iyo birengeje 20% by'ingengo y'imari yose y'iyo gahunda;	(b) budget reallocation from one programme to another in excess of 20% of total programme budget is affected with the approval of the Executive Authority;	(b) la réaffectation budgétaire d'un programme à un autre dépassant 20% du budget total du programme est effectuée après l'approbation de l'autorité exécutive;
(c) kwimura amafaranga ku ngengo y'imari hagati ya gahunda zo mu ngengo y'imari isanzwe na gahunda zo mu ngengo y'imari y'iterambere byemezwa n'urwego nshingwabikorwa.	(c) budget reallocations between recurrent and development expenditure budgets are approved by the Executive Authority.	(c) les réaffectations budgétaires entre le budget des dépenses de fonctionnement et celui des dépenses de développement sont approuvées par l'autorité exécutive.
(3) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta yandika amafaranga yose yimuwe akanabika inyandiko zijyanye n'iryo yimurwa.	(3) The Chief Budget Manager records all reallocations of funds and keeps related supporting documentations.	(3) Le Gestionnaire principal du budget enregistre toute réaffectation de fonds et conserve les pièces justificatives y relatives.
UMUTWE WA IV: IMICUNGIRE Y'AMAFARANGA YINJIRA	**CHAPTER IV: REVENUE MANAGEMENT**	**CHAPITRE IV: GESTION DES RECETTES**
Icyiciro cya mbere: Kwegeranya imari	**Section One: Resource mobilisation**	**Section première: Mobilisation des ressources**

<u>Ingingo ya 39</u>: Imishyikirano n'amasezerano hagati ya Leta n'abafatanyabikorwa mu iterambere baturuka hanze	**<u>Article 39</u>: Negotiation and agreement with external development partners**	**<u>Article 39</u> : Négociation et accord avec les partenaires au développement externes**
(1) Imishyikirano ijyanye n'inkunga n'inguzanyo bitangwa n'abafatanyabikorwa mu iterambere bigenewe urwego rwa Leta bisaba ko Minisitiri abigiramo uruhare kandi akabanza kubyemeza.	(1) Negotiations for grants and loans from development partners to a public entity require involvement and prior approval of the Minister.	(1) Les négociations relatives aux subventions et aux prêts accordés par les partenaires au développement à une entité publique requièrent la participation et l'approbation préalable du Ministre.
(2) Amasezerano n'izindi nyandiko bijyanye n'inkunga cyangwa inguzanyo bitangwa n'abafatanyabikorwa mu iterambere bisaba gushyirwaho umukono na Minisitiri cyangwa undi yabihereye ububasha kugira ngo bikoreshwe mu buryo bukurikije amategeko.	(2) An agreement and other instruments relating to grants or loans from development partners require the signature of the Minister or their delegate to be legally operational.	(2) Un accord et d'autres actes relatifs aux subventions ou aux prêts provenant des partenaires au développement doivent être signés par le Ministre ou son délégué pour être juridiquement valables.
(3) Kopi z'amasezerano n'izindi nyandiko zose zijyana n'inkunga cyangwa inguzanyo zihabwa urwego rwa Leta zishyikirizwa Minisiteri mu gihe kitarengeje ukwezi kumwe.	(3) Copies of agreements and other instruments relating to grants or loans to a public entity are submitted to the Ministry not later than one month.	(3) Les copies des accords et autres actes relatifs aux subventions ou aux prêts à une entité publique sont soumis au Ministère un mois au plus tard.
(4) Inkunga zihabwa urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage zishyirwa mu Kigega gihurizwamo amafaranga cy'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa Ikigega	(4) Grants to a Central Government entity or decentralised entity form part of the consolidated fund of the Central Government or the consolidated fund of a decentralised entity. These grants are deposited and managed within the	(4) Les subventions à une entité de l'administration centrale ou à une entité décentralisée sont déposées dans un fonds consolidé de l'administration centrale ou dans un fonds consolidé d'une entité décentralisée. Ces

gihurizwamo amafaranga cy'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage. Izo nkunga zishyirwa kandi zigacungwa mu buryo bwa konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta.	National Treasury Single Account mechanisms.	subventions sont déposées et gérées selon les mécanismes du compte unique du Trésor National.
(5) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta agenzura ko inkunga zitangwa n'abafatanyabikorwa mu iterambere zikoreshwa zose kandi zigakoreshwa gusa ku ntego no mu bikorwa bivugwa mu masezerano urwego rwagiranye n'abafatanyabikorwa barwo.	(5) The Chief Budget Manager ensures that grants from development partners are spent wholly and exclusively for the objectives and activities specified in the agreements between the entity and its partners.	(5) Le Gestionnaire principal du Budget s'assure que les subventions provenant des partenaires au développement sont dépensées entièrement et exclusivement pour les objectifs et les activités spécifiés dans les accords entre l'entité et ses partenaires.
(6) Amafaranga asohoka ku nkunga mu kwishyura ibyateganyijwe atangwa hakurikijwe Itegeko Ngenga n'iri teka kandi ayo mafaranga agomba kwandikwa mu bitabo by'ibaruramari kandi akagenzurwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.	(6) Expenditure payments out of grants are made in accordance with the Organic Law and this Order and are on-account and audited by the Office of the Auditor General of State Finances.	(6) Les paiements des dépenses provenant des subventions sont effectués conformément à la Loi Organique et au présent arrêté et sont comptabilisés et audités par l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'État.
<u>Ingingo ya 40</u>: Impano	**<u>Article 40</u>: Donations**	**<u>Article 40</u>: Dons**
(1) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ashobora gutanga uruhushya rwo kwemera impano, intwererano cyangwa inkunga zihawe urwego rwa Leta mu gihe izo mpano, intwererano cyangwa inkunga zidasaba gushyira umukono ku	(1) A Chief Budget Manager may authorise acceptance of a gift, donation or sponsorship made in favour of the public entity where such gifts, donations or sponsorships do not require signing of agreements, irrespective of whether such gift,	(1) Le Gestionnaire principal du budget peut autoriser l'acceptation d'un cadeau, d'un don ou d'un parrainage offert à une entité publique où ces cadeaux, dons ou parrainages n'impliquent pas la signature d'accords, indépendamment du fait que

masezerano, hatitawe ko zaba zatanzwe mu buryo bw'amafaranga cyangwa mu bintu.	donation or sponsorship is in cash or in kind.	ceux-ci soient en espèces ou en nature.
(2) Iyo icyo intwererano, impano cyangwa inkunga bigamije kitagaragara neza, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta akora ku buryo iyo mpano, intwererano cyangwa inkunga bikoreshwa mu nyungu rusange bimaze kwemezwa n'urwego nshingwabikorwa bireba.	(2) If the purpose of a gift, donation or sponsorship is not evident, the Chief Budget Manager ensures the gift, donation or sponsorship is used in public interest subject to the approval of the relevant Executive Authority.	(2) Lorsque l'objet d'un cadeau, du don ou du parrainage n'est pas évident, le Gestionnaire principal du budget s'assure que le cadeau, le don ou le parrainage est utilisé dans l'intérêt public et sur approbation de l'Autorité Exécutive concernée.
(3) Urwego rwa Leta ntirwemerewe guha ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage impano, intwererano cyangwa inkunga mu buryo bwo kugira ngo bongere aho amafaranga yagenewe ingengo y'imari aturuka mu buryo bunyuranyije n'ibikurikizwa mu birebana n'ingengo y'imari biteganywa n'Itegeko Ngenga n'iri teka.	(3) The public entity is not allowed to give Central Government and decentralised entities donations, gifts or sponsorships to augment the budgetary resources outside budgetary procedures stipulated in the Organic Law and in this Order.	(3) L'entité publique n'est pas autorisée à donner à l'administration centrale ou aux entités décentralisées des cadeaux, des dons ou des parrainages pour augmenter les ressources budgétaires en dehors des procédures budgétaires prévues par la Loi Organique et le présent arrêté.
(4) Impano, intwererano cyangwa inkunga byakiriwe mu mwaka w'ingengo y'imari bigaragazwa muri raporo y'ibaruramari y'urwego rwa Leta rwazakiriye.	(4) Gifts, donations or sponsorships received during a financial year are disclosed in the financial statements of the receiving public entity.	(4) Les cadeaux, les dons ou les parrainages reçus au cours de l'exercice sont présentés dans les rapports financiers de l'entité publique bénéficiaire.

Ingingo ya 41: Ihuzabikorwa ry'imfashanyo ziturutse hanze	**Article 41: Coordination of external assistance**	**Article 41 : Coordination de l'aide extérieure**
(1) Serivisi ishinzwe ihuzabikorwa ry'inkunga z'iterambere muri Minisiteri ihuza kandi igashaka imfashanyo zikomoka mu mahanga ziza ari inkunga n'impano kandi ikazitangira raporo.	(1) The development finance coordination function at the Ministry coordinates, mobilises and reports on foreign aid in form of grants and donations.	(1) La fonction de coordination du financement au développement au sein du Ministère coordonne, mobilise et rend compte de l'aide étrangère sous forme de subventions et de dons.
(2) Uretse izindi nshingano z'igenamigambi, serivisi ishinzwe ihuzabikorwa ry'inkunga ivugwa mu gika cya (1) ifite nshingano zo –	(2) Apart from other planning responsibilities, the aid coordination function referred to in Paragraph (1) is responsible for –	(2) À part les autres attributions de planification, la fonction de coordination de l'aide visée au paragraphe (1) est chargée –
(a) gukora inyigo, gushaka imfashanyo, gukora imishyikirano no kugena aho imfashanyo zose ziva mu mahanga zizashyirwa mu gushyira mu bikorwa imishinga y'iterambere, harimo guhuza inyandiko z'ibyo abafatanyabikorwa mu iterambere biyemeje gutanga mu ngengo y'imari y'Igihugu y'umwaka;	(a) assessing, mobilizing, negotiating and allocating all multilateral and bilateral foreign aid for implementation of development projects including the consolidating of the development partner commitment register in the annual national budget;	(a) d'évaluer, de mobiliser, de négocier et d'allouer toute aide étrangère multilatérale et bilatérale pour la mise en œuvre de projets de développement, y compris la consolidation du registre de l'engagement des partenaires au développement dans le budget national annuel ;
(b) guhuza uburyo bukoreshwa mu kwemezwa kwa gahunda zose z'impano harimo ubufasha mu bya tekinike bw'abafatanyabikorwa mu iterambere z'ibihugu bibiri n'imiryango mpuzamahanga;	(b) coordinating the process for approval of all grant programmes including technical assistance with bilateral development partners and multilateral agencies;	(b) de coordonner le processus d'approbation de tous les programmes de subventions, y compris l'assistance technique avec les partenaires bilatéraux et les organismes multilatéraux ;
(c) guhuza ibikorwa, gusuzuma no	(c) coordinating, reviewing and	(c) de coordonner, d'examiner et

gukurikirana inkunga ziva mu mahanga harimo imikoranire mu gutegura gahunda, imikoranire mu gutegura ibigomba gukorwa, imikoranire mu gusura ibikorwa, imikoranire mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda n'ikurikirana n'isuzumabikorwa byazo;	monitoring foreign aid including joint programming, joint work plans, joint visits, joint implementation and monitoring and evaluation;	d'assurer le suivi de l'aide étrangère, y compris la programmation conjointe, les plans de travail conjoints, des visites conjointes, la mise en œuvre conjointe, le suivi et l'évaluation ;
(d) gushyiraho uburyo bukora kimwe, gushyira ku murongo no guhuza imfashanyo ziva mu mahanga hakurikijwe amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rurimo;	(d) ensuring harmonisation, alignment and coordination of foreign aid in line with international conventions to which Rwanda is party;	(d) d'assurer l'harmonisation, l'alignement et la coordination de l'aide étrangère conformément aux conventions internationales auxquelles le Rwanda est partie ;
(e) gukurikirana itangwa ry'imfashanyo ziva mu mahanga harimo na raporo zikorwa kuri izo mfashanyo n'inzego zo mu butegetsi bwite bwa Leta no mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;	(e) monitoring disbursement of foreign aid including reporting of the same by entities in the Central Government and decentralised entities; and	(e) de faire le suivi des décaissements de l'aide étrangère y compris leurs rapports par les entités de l'administration centrale et les entités décentralisées ; et
(f) no gushyigikira ikoreshwa ry'uburyo bukoreshwa mu Gihugu mu micungire y'imfashanyo ziva mu mahanga no gutegura gahunda n'ingamba bigenderwaho mu gushakisha amafaranga ava hanze.	(f) promoting use of country systems in the management of foreign aid and formulate a resource mobilisation strategy to guide external resource mobilisation.	(f) de promouvoir l'utilisation des systèmes nationaux dans la gestion de l'aide étrangère et élaborer une stratégie de mobilisation des ressources afin d'orienter la mobilisation des ressources extérieures.

Icyiciro cya 2: Imicungire y'amafaranga yinjira	**Section 2: Management of revenue**	**Section 2 : Gestion des recettes**
Ingingo ya 42: Imicungire y'amafaranga akomoka ku misoro	**Article 42: Tax revenue management**	**Article 42 : Gestion des recettes fiscales**
(1) Inshingano yo gucunga amafaranga akomoka ku misoro ireba urwego rwa Leta rufite ubuyobozi bw'imisoro mu nshingano hakurikijwe amategeko abigenga. Urwego rwa Leta rufite ubuyobozi bw'imisoro mu nshingano rushobora gukoresha urundi rwego mu nshingano yo kwakira imisoro hashingiwe ku mategeko n'amabwiriza abigenga.	(1) The responsibility for tax revenue management lies with the State authority in charge of tax administration in accordance with the relevant laws. The State authority in charge of tax administration may outsource the tax revenue collection responsibility in line with the relevant laws.	(1) L'attribution de gestion des recettes fiscales incombe à l'autorité de l'État chargée de l'administration fiscale conformément à la législation en la matière. L'autorité de l'État chargée de l'administration fiscale peut sous-traiter la responsabilité de collecte des recettes fiscales conformément à la législation en la matière.
(2) Imisoro yashyizweho n'amategeko n'amahoro byagenewe inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage byakirwa n'urwego rugenwa hakurikijwe amategeko abigenga.	(2) Taxes established by law for decentralised entities as well as local fees are collected by the authority determined in accordance with applicable laws.	(2) Les impôts établis par la loi pour le compte des entités décentralisées ainsi que les redevances locales sont perçus par l'autorité déterminée conformément aux lois applicables.
(3) Umusoro ku nyongeragaciro n'andi mafaranga asubizwa bishobora kwishyurwa nta ngengo y'imari yabugenewe. Andi mafaranga y'imisoro asubizwa nk'akomoka ku byemezo by'inkiko, akomoka ku bugenzuzi bwakozwe mu bwumvikane n'andi akomoka ku makosa yakozwe mu misoro, asaba kugenerwa ingengo	(3) Value added tax and caution money refunds may be paid without an appropriation under the budget. Other tax refunds such as those resulting from courts decisions, amicable audits credit notes and other tax errors require appropriations under the budget.	(3) Les remboursements de la taxe sur la valeur ajoutée et de cautions peuvent être payés sans prévisions budgétaires. Les autres remboursements d'impôts tels que ceux résultant de décisions de justice, des notes de crédit d'audit à l'amiable et d'autres erreurs fiscales nécessitent des prévisions budgétaires.

y'imari.		
<u>Ingingo ya 43</u>: Imicungire y'amafaranga yinjira adashingiye ku misoro	**<u>Article 43</u>: Non-tax revenue management**	**<u>Article 43</u> : Gestion des recettes non fiscales**
(1) Amafaranga yinjira adashingiye ku misoro akubiyemo amahoro, ibiciro bya serivisi cyangwa andi mafaranga akomoka kuri serivisi zitangwa n'urwego rwa Leta.	(1) Non-tax revenue includes fees, tariffs or any other internally generated revenue for services rendered by a public entity.	(1) Les recettes non fiscales comprennent les redevances, les tarifs ou l'autre recette générée en interne pour les services rendus par une entité publique.
(2) Amafaranga yinjira adashingiye ku misoro ashyirwa mu Itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta kandi ntashobora gukoreshwa n'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta rwayakiriye bitabanje kwemerwa na Minisitiri.	(2) Non-tax revenue is included in the State Finance Law and may not be spent by the receiving Central Government entity at source without prior approval of the Minister.	(2) Les recettes non fiscales sont incluses dans la loi de finances de l'État et ne peuvent pas être dépensées à la source par l'entité de l'administration centrale bénéficiaire sans l'approbation préalable du Ministre.
(3) Amafaranga yinjira adashingiye ku misoro n'andi amafaranga yinjizwa n'urwego rwa Leta kuri serivisi rutanga ashyirwa kandi agacungirwa kuri konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta.	(3) Collected non-tax revenues and other internally generated revenue are deposited and managed in the National Treasury Single Account.	(3) Les recettes non fiscales collectées et autres recettes générées en interne sont déposées et gérées dans le compte unique du Trésor National.
(4) Amafaranga yinjira adashingiye ku misoro abarurwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta. Inyemezabwishyu n'igitabo gikubiyemo amafaranga yinjira bikoreshwa mu kwerekana amakuru arambuye ajyanye n'amafaranga urwego	(4) Non-tax revenues are accounted by the Chief Budget Manager. Revenue receipts and registers are used to show details of revenue due, revenue collected and revenue arrears, including a record of steps taken to collect all revenue arrears. Such	(4) Les recettes non fiscales sont comptabilisées par le Gestionnaire principal du budget. Les reçus et les registres de recettes sont utilisés pour montrer les détails des recettes dues, des recettes perçues et des arriérés de recettes, y compris un enregistrement

rwa Leta rugomba abandi, amafaranga yakusanyijwe hamwe n'ibirarane by'amafaranga yinjira, harimo n'intambwe yatewe mu kwishyuza ibirarane byose by'amafaranga. Izo nyandiko zishobora kubikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga. Amafaranga yinjira adashingiye ku misoro ashyirwa mu byiciro hashingiwe kuri Gahunda y'ibaruramari igenderwaho yemejwe.	records may be maintained in electronic form. The non-tax revenue classification should be in line with the approved Standard Chart of Accounts.	des mesures prises pour recouvrer tous les arriérés de recettes. Ces dossiers peuvent être conservés sous forme électronique. La classification des recettes non fiscales doit être conforme au plan comptable standard approuvé.
(5) Amakuru ku cyiciro cy'amafaranga yinjira adashingiye ku misoro agaragara muri raporo y'imari y'urwego rwa Leta, akubiyemo amakuru ku busonerwe, igabanyirizwa ry'amafaranga, serivisi zatangiwe ubuntu n'ubundi buryo bwose bwagize ingaruka igaragara ku ngano y'amafaranga yinjira.	(5) Information on a type of non-tax revenue are disclosed in the financial report of the public entity, including information on exemptions, discounts, free services and other aspect of material influence on the revenue earning level.	(5) Les informations sur le type de recettes non fiscales sont inclues dans le rapport financier de l'entité publique, y compris les informations sur les exonérations, les remises, les services gratuits et d'autres aspects ayant une influence significative sur le niveau de génération de recettes.
<u>Ingingo ya 44</u>: Imicungire y'amafaranga ava mu zindi nzego za Leta	**<u>Article 44</u>: Management of transfers from other level of government**	**<u>Article 44</u>: Gestion de transferts provenant d'autre niveaux étatiques**
(1) Inkunga itanzwe na Leta ifatwa nk'igice cy'amafaranga yinjira mu rwego rwa Leta kandi ishyirwa mu ngengo y'imari y'urwego rwa Leta rwayakiriye, kugira ngo ikoreshwe mu byihutirwa byagenwe n'urwo rwego hitawe ku bikorwa Igihugu cyashyize imbere nk'ibyihutirwa.	(1) A grant from the Government is considered as part of public entity's revenue and it is included in the public entity's budget, to be spent on priorities determined by the entity taking into consideration national priorities.	(1) Une subvention du gouvernement est considérée comme faisant partie des revenus de l'entité publique et elle est incluse dans le budget de l'entité publique bénéficiaire, pour être dépensée sur les priorités déterminées par cette entité en tenant compte des priorités nationales.

(2) Inkunga igize igice cy'amafaranga yinjira mu rwego rwa Leta kandi ikorerwa igenamigambi, ikandikwa kandi ikanabarurwa hakurikijwe ibisabwa mu micungire y'inkunga.	(2) A grant forms part of revenue of a public entity and is planned for, recorded and accounted for according to grant management conditions.	(2) Une subvention fait partie des revenus d'une entité publique et fait l'objet de planification, est enregistrée et comptabilisée conformément aux conditions de gestion des subventions.
(3) Inkunga itanzwe na Leta ishyirwa mu ngengo y'imari hakurikijwe amasezerano hagati ya Leta n'urwego rwa Leta kandi imitangire ya raporo kuri iyo nkunga urwego rukayumvikanaho na minisiteri bireba.	(3) A grant from Government is budgeted following an agreement between Government and a public entity and reporting for the grants is agreed with the line ministry.	(3) Une subvention provenant de l'État est budgétisée suite à un accord entre le gouvernement et une entité publique et les modalités de soumission des rapports y relatifs sont convenues avec le ministère de tutelle.
(4) Inkunga zose zikorerwa ibaruramari kandi zikagenzurwa hakurikijwe ibisabwa birebana n'imitangire ya raporo n'ubugenzuzi biteganyijwe mu Itegeko Ngenga no muri iri teka.	(4) All grants are accounted for and audited in accordance with the reporting and auditing requirements of the Organic Law and this Order.	(4) Toutes les subventions sont comptabilisées et auditées conformément aux exigences de rapports et d'audit de la Loi Organique et du présent arrêté.
<u>Ingingo ya 45</u>: Imicungire y'amafaranga aturuka mu bafatanyabikorwa mu iterambere baturuka mu mahanga	**<u>Article 45</u>: Management of funds from external development partners**	**<u>Article 45</u> : Gestion des fonds provenant des partenaires au développement extérieurs**
(1) Impano cyangwa inguzanyo bitanzwe n'abafatanyabikorwa mu iterambere baturuka mu mahanga bifatwa nk'igice cy'amafaranga yinjira mu rwego rwa Leta kandi agashyirwa mu ngengo y'imari y'urwo rwego. Imicungire y'impano cyangwa inguzanyo bitangwa n'abafatanyabikorwa mu iterambere baturuka mu mahanga ikurikiza	(1) A grant or loan from external development partners is considered as part of public entity's revenue and is included in the entity's budget. The management of grants or loans from external development partners follows the principles, rules and procedures determined by this Order.	(1) Une subvention ou un prêt provenant des partenaires au développement extérieurs sont considérés comme faisant partie des revenus de l'entité publique et sont inclus dans le budget de cette entité. La gestion de subventions ou prêts provenant des partenaires au développement extérieurs suit les principes, les règles

amahame, amategeko n'uburyo bigenwa n'iri teka.		et les procédures déterminés par le présent arrêté.
(2) Imicungire y'impano cyangwa inguzanyo bitanzwe n'abafatanyabikorwa mu iterambere baturuka mu mahanga ishyirwa mu igenamigambi no mu ngengo y'imari hubahirijwe ibiteganyijwe mu masezerano y'inkunga n'abafatanyabikorwa mu iterambere baturuka mu mahanga.	(2) The management of grants or loans from external development partners is planned and budgeted in compliance with the stipulations set out in the financing agreements with the external development partners.	(2) La gestion des subventions ou des prêts provenant des partenaires au développement extérieurs est planifiée et budgétisée conformément aux stipulations énoncées dans les accords de financement avec les partenaires au développement extérieurs.
(3) Ingano ya buri mwaka y'inguzanyo nshya zitangwa n'abafatanyabikorwa mu iterambere baturuka mu mahanga ntirenga ibipimo rusange by'inguzanyo ziva mu mahanga byemezwa buri mwaka n'Inteko Ishinga Amategeko mu itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta.	(3) The annual amount of new loans from external development partners is within the overall foreign borrowing limit approved annually by the Parliament in the State Finances Law.	(3) Le montant annuel des nouveaux prêts accordés par des partenaires au développement extérieurs reste dans la limite globale des emprunts étrangers approuvée chaque année par le Parlement dans la loi portant fixation des finances de l'État.
UMUTWE WA V: IMICUNGIRE Y'IKORESHWA RY'AMAFARANGA	**CHAPTER V: EXPENDITURE MANAGEMENT**	**CHAPITRE V: GESTION DES DÉPENSES**
Ingingo ya 46: Gahunda y'amafaranga akoreshwa mu mwaka	**Article 46: Annual expenditure plan**	**Article 46: Plan de dépenses annuel**
(1) Nyuma yo kugeza umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta ku Nteko Ishinga Amategeko, Minisitiri asaba Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta b'inzego	(1) After the presentation of the draft law determining State finances to the Parliament, the Minister requires Chief Budget Managers of Central Government entities and Executive	(1) Après la présentation du projet de loi portant fixation des finances de l'État au Parlement, le Ministre demande aux Gestionnaires principaux du budget des entités de l'administration centrale et

z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'abayobozi b'inzego mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage gutegura, bashingiye ku mushinga w'ingengo y'imari, no kumugezaho gahunda z'agateganyo z'amafaranga azakoreshwa ku mwaka, zigaragaza azakoreshwa mu kwezi no mu gihembwe kandi zihuye n'ibikorwa by'urwego rwa Leta, ibyo rwiyemeje kwishyura na gahunda yarwo y'imitangire y'amasoko. Izi gahunda zitangwa bitarenze ku wa 15 Kamena.	Heads of decentralised entities to prepare and submit, on the basis of the draft budget, provisional annual expenditure plans broken down by month and quarter consistent with the public entity activity, commitment and procurement plans. The plans are submitted not later than 15 June.	aux responsables exécutifs des entités décentralisées de préparer et soumettre, sur la base du projet de budget, des plans annuels provisoires de dépenses ventilés par mois et par trimestre, cohérents avec les plans d'activité de l'entité publique, d'engagement et de passation des marchés de l'entité publique. Ces plans doivent être soumis au plus tard le 15 juin.
(2) Gahunda z'amafaranga azakoreshwa mu mwaka zigaragaza ikigereranyo cy'amafaranga azishyurwa cyateguwe hashingiwe ku byemejwe kwishyurwa byateguwe mbere y'umwaka, harimo n'ibizishyurwa mu myaka myinshi byemejwe na Minisitiri kandi biteganyijwe ko byakorwa muri uwo mwaka.	(2) Annual expenditure plans provide an estimate of the payments arising from commitments made prior to the current year, including multi-year commitments authorised by the Minister, and projected to be made in the current year.	(2) Les plans de dépenses annuels fournissent une estimation des paiements découlant des engagements pris avant l'année en cours, y compris les engagements pluriannuels autorisés par le Ministre et dont il est prévu qu'ils seront effectués au cours de l'année en cours.
(3) Iyo ingengo y'imari ya Leta y'umwaka imaze kwemezwa, Minisitiri ahita amenyesha Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta n'abayobozi b'inzego ingengo z'imari bemerewe, akabasaba gahunda ya nyuma irambuye y'amafaranga akoreshwa ku mwaka ishingiye ku ngengo y'imari yemejwe. Abayobozi	(3) Upon adoption of the annual budget, the Minister informs the Chief Budget Managers and Executive Heads of their approved budgets and request for a detailed final annual expenditure plan based on the approved budget. Chief Budget Managers and Executive Heads submit the detailed final annual expenditure plan not later than 15 July.	(3) Dès l'adoption du budget annuel, le Ministre informe les Gestionnaires principaux du budget et les responsables exécutifs de leurs budgets approuvés et demande un plan définitif détaillé des dépenses annuelles en fonction du budget approuvé. Les Gestionnaires principaux du budget et les responsables exécutifs soumettent

Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta n'abayobozi b'inzego batanga gahunda ya nyuma irambuye y'amafaranga akoreshwa ku mwaka bitarenze ku wa 15 Nyakanga.		le plan définitif détaillé des dépenses annuelles au plus tard le 15 juillet.
(4) Gahunda ihujwe y'uko amafaranga azakoreshwa mu mwaka yateguwe hashingiwe kuri gahunda za nyuma zirambuye z'amafaranga akoreshwa ku mwaka ishyikirizwa Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta kugira ngo iyemeze bitarenze ku itariki ya 31 Nyakanga. Iyo gahunda ihujwe y'uko amafaranga azakoreshwa mu mwaka imaze kwemezwa, Minisitiri aha buri Muyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta uruhushya rwo gukoresha ingengo y'imari yagenewe urwego akoramo, rugaragaza igihe n'urwego rw'amafaranga azakoreshwa.	(4) A consolidated annual expenditure plan based on the detailed final annual expenditure plans is presented to the National Treasury Management Committee for approval by 31 July. Once the consolidated annual expenditure plan is approved, the Minister authorises each Chief Budget Manager to execute the budget allocated to the respective entity, specifying the period and the level of appropriations to which it applies.	(4) Un plan de dépenses annuel consolidé sur la base des plans définitifs détaillés des dépenses annuelles est présenté au Comité de Gestion du Trésor National pour approbation au plus tard le 31 juillet. Dès que le plan de dépenses annuelles consolidé est approuvé, le Ministre donne à chaque Gestionnaire principal du budget l'autorisation d'exécution du budget alloué à son entité respective, en précisant la période et le niveau des dotations auxquelles elle s'applique.
(5) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta avugurura buri gihembwe gahunda y'amafaranga akoreshwa mu mwaka kandi agashyikiriza Minisitiri gahunda zivuguruye z'amafaranga akoreshwa.	(5) The Chief Budget Manager updates the annual expenditure plan on a quarterly basis and submit to the Minister its revised expenditure plans.	(5) Le Gestionnaire principal du budget met à jour le plan de dépenses annuel sur une base trimestrielle et soumet ses plans de dépenses révisés au Ministre.
(6) Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta n'abayobozi	(6) The Chief Budget Managers and the Executive Heads may require	(6) Les Gestionnaires principaux du budget et les responsables exécutifs

b'inzego bashobora gusaba amashami y'inzego za Leta bayobora yagenewe ingengo y'imari, gutegura no gutanga gahunda zirambuye z'amafaranga akoreshwa mu mwaka.	subsidiary entities that are entitled to the budget to prepare and submit their detailed annual expenditure plans.	peuvent demander aux entités affiliées qui ont droit au budget de préparer et soumettre leurs plans de dépenses annuels détaillés.
Ingingo ya 47: Kwiyemeza kwishyura	**Article 47: Commitment**	**Article 47 : Engagement**
(1) Hakurikijwe amafaranga yagenwe mu ngengo y'imari na gahunda yo kuyakoresha yemejwe, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ashobora kwiyemeza kwishyura, akoresheje ibyemezo byihariye cyangwa ibyemezo bikomeza mu gihe kirekire.	(1) Within the limits of the voted appropriation and approved expenditure plan, a Chief Budget Manager can make specific or continuing commitments.	(1) Dans les limites de la dotation votée et du plan de dépenses approuvé, un Gestionnaire principal du budget peut prendre des engagements spécifiques ou continus.
(2) Kwiyemeza kwishyura byihariye byemera ubwishyu bumwe rukumbi cyangwa urukurikirane rw'ubwishyu rurangira mu gihe cyagenwe, hashingiwe ku masezerano yo kugura ibicuruzwa, umutungo wa Leta na serivisi.	(2) Specific commitments allow for a single payment or a definitive series of payments over a determinate period of time, based on contracts for acquisition of goods, public property and services.	(2) Les engagements spécifiques permettent un paiement unique ou une série définitive de paiements sur une période de temps déterminée, sur la base de contrats d'acquisition de biens, de propriété publique et de services.
(3) Kwiyemeza kwishyura bikomeza mu gihe kirekire bikoreshwa ku rukurikirane rw'ubwishyu bw'igihe kitagenwe, bukorwa hashingiwe ku nshingano zikomoka ku masezerano cyangwa ku mategeko zihoraho zerekeye imishahara, serivisi z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro, ubukode, imibereho	(3) Continuing commitments is accepted for a series of payments over an indeterminate period of time, based on permanent contractual or legal obligations related to wages, utilities, rental, social entitlements or other similar expenditure.	(3) L'engagement continu est accepté pour une série de paiements sur une période de temps indéterminée, basés sur des obligations contractuelles ou légales permanentes liées aux salaires, aux services publics, au loyer, aux droits sociaux ou à d'autres dépenses similaires.

y'abaturage cyangwa ibindi byishyurwa bisa nk'ibyo.		
(4) Amasezerano y'imyaka myinshi ku bicuruzwa, ku mutungo na serivisi bya Leta ashyikirizwa Minisitiri ushobora kuyemeza niba ikiguzi kijyanye na yo giteganyijwe muri gahunda y'amafaranga akoreshwa mu gihe gicirirtse yakozwe n'urwego. Ibyiciro by'ubwishyu bya buri mwaka byateganyijwe muri ayo masezerano y'imyaka myinshi yemejwe bishobora gushyirwa mu ngengo z'imari z'imyaka bijyanye.	(4) A multi-year contract for goods, public property and services is submitted to Minister who may possibly approve it if the related costs are forecasted in the Medium-Term Expenditure Framework of the entity. Annual tranches of such approved multi-year contract may be duly appropriated in the relevant annual budgets.	(4) Un contrat pluriannuel de biens, de propriété et services publics est soumis au Ministre qui peut éventuellement l'approuver si les coûts y afférents sont prévus dans le cadre de dépenses à moyen terme de l'entité. Les tranches annuelles de ce contrat pluriannuel approuvé peuvent être dûment affectées aux budgets annuels concernés.
(5) Icyemezo cy'ukwiyemeza kwishyura gihabwa inomero uko bikurikirana kandi kikandikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga.	(5) A decision of commitment is serially numbered and electronically recorded.	(5) La décision d'engagement est numérotée en série et enregistrée électroniquement.
<u>Ingingo ya 48</u>: Kwemeza ibyagemuwe n'uburyo bwo kwishyura	**<u>Article 48:</u> Confirmation of supplies and payment processes**	**<u>Article 48</u> : Confirmation des fournitures et les procédures de paiement**
(1) Nta bwishyu bujyanye n'igurwa ry'ibicuruzwa, serivisi cyangwa indi mitungo bushobora gukorwa bitanyuze mu nzira z'icyemezo cyo kwishyura, kwemeza ibyagemuwe no gutanga inyemezabuguzi zatangiwe uruhushya mu buryo bwemewe.	(1) No payment for the procurement of goods, services or other assets may be made outside properly authorised commitment, confirmation of supply and invoicing processes.	(1) Aucun paiement pour l'acquisition de biens, de services ou d'autres actifs ne peut être effectué en dehors des processus d'engagement, de confirmation de fourniture et de facturation dûment autorisés.

(2) Kwemeza iyakirwa ry'ibicuruzwa, serivisi cyangwa indi mitungo hakurikijwe inyandiko isaba kugemura, amasezerano yo kugemura cyangwa indi nyandiko yemewe n'amategeko hamwe n'inyemezabuguzi y'uwatsindiye isoko cyangwa icyemezo cyerekana ingano n'agaciro k'amasezerano yo kugemura bigomba kuboneka mbere yo kwishyura.	(2) Confirmation of the receipt of goods, services or other assets in accordance with the purchase order, supply contract or other legal instrument and a supplier invoice or certificate attesting the quantity and value of the supply contract must be obtained prior to payment.	(2) Une confirmation de la réception des biens, services ou autres actifs conformément au bon de commande, au contrat de fourniture ou à autre instrument juridique et une facture ou un certificat du fournisseur attestant la quantité et la valeur du contrat de fourniture doivent être obtenues avant le paiement.
(3) Inyandiko y'inyongera ishobora gukenerwa ngo ishyigikire ubwishyu bwihariye isobanurwa mu mirongo ngenderwaho ku micungire y'Ikigega cya Leta. Iyo inyandiko z'umwimerere zidahari, inyandiko zemejwe n'ubifitiye ububasha zishobora kwakirwa byemejwe na Minisiteri.	(3) An additional document that may be required to support particular payments is defined by National Treasury guidelines. If original documents are not available, certified documents may be accepted subject to approval by the Ministry.	(3) Un document supplémentaire pouvant être requis pour justifier des paiements particuliers est défini par les directives du Trésor National. Lorsque les documents originaux ne sont pas disponibles, les documents certifiés peuvent être acceptés sous réserve de l'approbation du Ministère.
(4) Amabwiriza yose yo kwishyura ku mafaranga yo mu Kigega cya Leta atangwa n'inzego za Leta akorwa binyuze mu buryo bw'ikoranabuhanga mu micungire y'amakuru yerekeye imari ya Leta. Ubwo buryo buteganya uko ubwishyu bwose bwemezwa mu buryo koranabuhanga n'uburyo bwo kwishyura, kandi aho biri ngombwa bugateganya ikoreshwa ry'imikono koranabuhanga n'imiterere itandukanye y'inyandiko koranabuhanga, hakurikijwe amategeko abigenga.	(4) All payment instructions to the National Treasury made by public entities are made through the government Integrated Financial Management Information System. The system provides for digital approvals of all payments and modes of payments and where appropriate for electronic signatures and forms of electronic records, in accordance with relevant legislation.	(4) Toutes les instructions de paiement faites au Trésor National par les entités publiques sont effectuées à travers le système intégré de gestion financière de l'État. Le système prévoit l'approbation numérique de tous les paiements et modes de paiement et, le cas échéant, les signatures électroniques et les formes d'enregistrements électroniques, conformément à la législation en vigueur.

Ingingo ya 49: Kwishyura imishahara	**Article 49: Payment of salaries**	**Article 49 : Paiement des salaires**
(1) Mu mpera za buri kwezi, umukozi ushinzwe abakozi mu rwego rwa Leta akora raporo ashyikiriza Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta agaragaza umubare w'abakozi, ibyiciro by'imishahara n'ibisobanuro birambuye ku bakozi batagikora mu rwego, harimo n'abakozi bataye akazi.	(1) At the end of each month, the Officer in charge of Human Resource in a public entity makes a report to the Chief Budget Manager indicating the number of staff, salary grades and details of staff who have left the entity including those who have abandoned their duties.	(1) À la fin de chaque mois, l'agent chargé des ressources humaines dans une entité publique fait un rapport au Gestionnaire principal du budget indiquant le nombre d'employés, leurs échelons de salaire et les détails sur le personnel ayant quitté l'entité, y compris ceux qui ont abandonné leurs fonctions.
(2) Urutonde rw'imishahara y'abakozi rwemezwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta mbere yo gukataho amafaranga ateganywa n'amategeko no kwishyura imishahara itahanwa.	(2) The payroll is approved by the Chief Budget Manager before statutory deductions and net salary payments are made.	(2) La liste de paie est approuvée par le Gestionnaire principal du budget avant que les retenues légales et les paiements de salaire net ne soient effectués.
(3) Abakozi bose bahembwa imishahara ya buri kwezi mu mpera z'ukwezi ikoherezwa muri banki kuri konti zabo. Kwishyura ibirarane by'imishahara bijyana n'ibisobanuro by'impamvu ibyo birarane byabayeho.	(3) All staff are paid monthly salaries at the end of the month by direct bank transfer through their bank accounts. Payment of salary arrears is supported by an explanation of how the arrears arose.	(3) Les salaires mensuels de tout le personnel sont payés à la fin du mois par virement bancaire sur leurs comptes bancaires. Le paiement des arriérés de salaires est justifié par une explication de la raison pour laquelle les arriérés sont survenus.
(4) Iyo hari imishahara itishyujwe, amafaranga abikwa uko yakabaye kuri konti ya banki yaturutseho kandi urwego bireba rukabimenyesha byihuse	(4) In case of unclaimed salaries, the amount is banked intact in the originating bank account and the entity concerned promptly notifies the head	(4) En cas de salaires non réclamés, le montant intact est déposé au compte de la banque d'origine et l'entité concernée en informe sans délai le

Umuyobozi wa serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta.	of National Treasury management function thereof.	responsable de la gestion du Trésor National.
(5) Ubwishyu bw'imperekeza n'andi mafaranga ahabwa umukozi nk'indishyi byishyurwa hakurikijwe amategeko n'amabwiriza abigenga.	(5) Payments for terminal benefits and other compensation are made in accordance with relevant rules and regulations.	(5) Les paiements des indemnités de départ et autres indemnités sont faits conformément aux règles et règlements en la matière.
(6) Imisoro, imisanzu y'ubwiteganyirize n'andi mafaranga akurwa ku mushahara bigezwa ku buyobozi bireba mu gihe kimwe n'icyo kwishyura umushahara umukozi atahana kandi kuzuza amadosiye bikorwa ku munsi wagenwe cyangwa mu gihe kitarenze iminsi 15 ikurikira impera z'ukwezi iyo nta munsi ntarengwa wagenwe.	(6) Taxes, social security contributions and other deductions are remitted to relevant authorities at the same time of remitting the net salary to beneficiary and filling is made at the due date or within 15 days from the end of the month if the due date is not specified.	(6) Les impôts, les cotisations de la sécurité sociale et autres retenues sont remis aux autorités compétentes en même temps que la remise du salaire net à son bénéficiaire au jour dû ou dans un délai de 15 jours à compter de la fin du mois lorsque le jour dû n'a pas été pas spécifié.
<u>Ingingo ya 50</u>: Imisanzu n'amafaranga yishyurwa nta mpaka	**<u>Article 50</u>: Contributions and compulsory payments**	**<u>Article 50</u> : Contributions et paiements obligatoires**
(1) Nta bwishyu bukorwa butarabanje gutangirwa icyemezo cyo kwishyura, kabone n'iyo byaba bireba amafaranga yishyurwa nta mpaka, amafaranga anyujijwe kuri konti ku buryo butaziguye cyangwa ubwishyu bwihutirwa, keretse igihe bitangiwe uruhushya na Minisitiri.	(1) Unless authorised by the Minister, no payments are made without first establishing the commitment to pay, including compulsory payments, direct debits and other urgent payments.	(1) Sauf autorisation du Ministre, aucun paiement n'est fait avant qu'un engagement budgétaire de payer n'ait été préalablement établi, y compris les paiements obligatoires, les prélèvements directs et autres paiements urgents.
(2) Amafaranga yishyurwa nta mpaka ni amafaranga yishyurwa n'urwego rwa	(2) Compulsory payments are payments by a public entity for contractual	(2) Les paiements obligatoires sont des paiements effectués par une entité

Leta kubera inshingano zikomoka ku masezerano rwakoze, amasezerano ahoraho cyangwa amategeko yihariye, ariko hatarimo inshingano zishingiye ku masezerano yerekeye kugemura ibintu cyangwa gutanga serivisi ku rwego rwa Leta. Ubwo bwishyu burimo ubwo kwishyura imyenda ya Leta, gusubiza imisoro n'izindi nshingano zisa n'izo iyo ziteganywa n'itegeko cyangwa icyemezo cy'urukiko Leta yatsinzwemo.	obligations, permanent agreements or special laws, excluding contractual obligations relating to the supply of goods or services. Such payments include the payment of public debt, tax refunds and other similar obligations in the event that they are provided for by law or by a judicial decision against the State.	publique pour des obligations contractuelles, les accords permanents ou les lois spéciales, à l'exclusion des obligations contractuelles relatives à la fourniture de biens ou de services. Ces paiements comprennent le paiement de la dette publique, les remboursements d'impôts et autres obligations similaires dans le cas où ils sont prévus par la loi ou par une décision judiciaire contre l'État.
(3) Iyo Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta asanze amafaranga yishyurwa nta mpaka atarateganyijwe mu ngengo y'imari no muri gahunda y'amafaranga yishyurwa, abimenyesha Umuyobozi ushinzwe Ikigega cya Leta akanatanga n'inyandiko zibisobanura.	(3) If the Chief Budget Manager becomes aware of a compulsory or statutory payment not provided for in the budget and expenditure plan, they inform the official in charge of the National Treasury with all necessary supporting documents.	(3) Lorsque le Gestionnaire principal du budget prend connaissance du paiement obligatoire non prévu dans le budget et le plan de dépenses, il en informe l'autorité responsable du Trésor National avec toutes les pièces justificatives nécessaires.
(4) Imisanzu itangwa mu miryango mpuzamahanga iba ishingiye ku masezerano yashyizweho umukono n'inzego zibifitiye ububasha.	(4) Contributions to international organisations require agreements signed by the competent authorities.	(4) Les contributions aux organisations internationales nécessitent des accords signés par les autorités compétentes.
(5) Ubwishyu bw'imisanzu mu miryango y'imbere mu Gihugu cyangwa ku bantu ku giti cyabo bukorwa bujyanye n'umurongo w'ingengo y'imari wemejwe.	(5) Payment of contributions to local organisations or individuals are made in line with approved appropriation.	(5) Le paiement des contributions aux organisations locales ou aux particuliers est fait conformément à une dotation budgétaire approuvée.

Ingingo ya 51: Kwimurira amafaranga mu ngengo y'imari ikurikira	**Article 51: Carry-overs**	**Article 51: Report à l'exercice suivant**
(1) Iyo amafaranga yemejwe gukoreshwa kandi igikorwa agenewe kikaba cyarakozwe ariko atarishyurwa mu mpera z'umwaka w'ingengo y'imari, birashoboka kwimura umurongo w'ingengo y'imari bijyanye wakoreshejwe muri uwo mwaka w'ingengo y'imari ugashyirwa mu mwaka w'ingengo y'imari ukurikira.	(1) If expenditures are already committed and delivered, but unpaid at the end of a fiscal year, it is possible to carry-over the corresponding appropriation used in such fiscal year to the following fiscal year.	(1) Lorsque les dépenses déjà engagées et livrées, mais impayées à la fin d'un exercice financier, il est possible de reporter la dotation budgétaire correspondante utilisée au cours de cet exercice à l'exercice suivant.
(2) Amafaranga yateganyijwe mu ngengo y'imari ashobora kwimurirwa mu yindi agira umubare mbumbe ntarengwa n'igihe ntarengwa yimurirwamo bigenwa n'imirongo ngenderwaho y'imicungire y'Ikigega cya Leta.	(2) The appropriation of carry-overs may be in total contained within a global limit and deadline set under National Treasury guidelines.	(2) Les reports de dotations budgétaires peuvent être globalement contenus dans une limite et un délai global fixés par les directives du Trésor National.
UMUTWE WA VI: IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO MVUNJWAFARANGA N'IMYENDA BYA LETA	**CHAPTER VI: PUBLIC FINANCIAL ASSETS AND LIABILITIES MANAGEMENT**	**CHAPITRE VI: GESTION DES ACTIFS ET DES PASSIFS FINANCIERS DE L'ÉTAT**
Ingingo ya 52: Imicungire y'amafaranga	**Article 52: Cash management**	**Article 52: Gestion du trésor**
(1) Iyo ingengo y'imari y'umwaka imaze gutorwa, Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta –	(1) After the approval of the annual budget, the National Treasury Management Committee –	(1) Après l'adoption du budget annuel, le Comité de gestion du Trésor National –
(a) igena gahunda rusange y'umwaka y'uko amafaranga yinjira n'uko	(a) determines the overall annual cash flow plan and short-term financing	(a) détermine le plan annuel global du flux de trésorerie et la stratégie de

asohoka n'ingamba z'igihe gito zo gushaka imari mu nzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;	strategy for Central Government and decentralised entities;	financement à court terme pour les entités de l'administration centrale et les entités décentralisées ;
(b) isuzuma buri kwezi ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'uko amafaranga yinjira n'uko asohoka n'ingamba z'igihe gito zo gushaka imari;	(b) reviews implementation of the cash flow plan and short-term financing strategy on a monthly basis; and	(b) examine mensuellement la mise en œuvre du plan du flux de trésorerie et de la stratégie de financement à court terme ; et
(c) kandi igashyikiriza Minisitiri raporo ya buri gihembwe na buri mwaka ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'uko amafaranga yinjira n'uko asohoka, aho bibaye ngombwa igatanga ibitekerezo ku mpinduka zikenewe mu bijyanye no gushaka imari ifasha gushyira mu bikorwa ingengo y'imari.	(c) reports to the Minister on a quarterly and annual basis on cash plan implementation and where necessary, proposes such amendments necessary to finance budget implementation.	(c) rapporte trimestriellement et annuellement au Ministre sur la mise en œuvre du plan de trésorerie et, le cas échéant, propose des modifications nécessaires pour le financement de l'exécution du budget.
(2) Serivisi ishinzwe Ikigega cya Leta ibarizwa muri Minisiteri igira inama Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta ku bijyanye no kugenzura no gucunga igenamigambi na gahunda bijyanye n'uko amafaranga yinjira n'uko asohoka muri Leta, hakubiyemo –	(2) The National Treasury management function established in the Ministry advises the National Treasury Management Committee on the oversight and management of government cash flow forecasts and plans, including –	(2) La fonction de gestion du Trésor National établie au sein du Ministère conseille le Comité de gestion du Trésor National sur la surveillance et la gestion des prévisions et des plans de trésorerie de l'État, y compris –
(a) gutanga amabwiriza n'imirongo ngenderwaho mu nzego za Leta ku	(a) issuing instructions and guidelines to public entities for preparation of	(a) l'émission des instructions et des lignes directrices aux entités

bijyanye n'imitegurire y'ibipimo fatizo, igenamigambi na gahunda by'amafaranga yinjira n'asohoka mu mwaka, hashingiwe ku ngengo y'imari yemejwe n'ibisubizo bikomoka ku mafaranga yinjira n'asohoka mu gihe cy'umwaka;	annual baseline and in-year rolling cash flow forecasts and plans based on the approved annual budget and in-year cash flow outturns;	publiques pour la préparation des prévisions et des plans annuels de flux de trésorerie de référence et glissante en cours d'exercice, en se basant sur le budget annuel approuvé et les résultats des flux de trésorerie en cours d'exercice ;
(b) guhuriza hamwe raporo na gahunda zerekana uko amafaranga yinjira n'uko asohoka mu nzego za Leta no guteganya ibipimo fatizo by'amafaranga yinjira n'asohoka mu buryo buhujwe;	(b) consolidation of cash flow reports and plans from public entities and production of a baseline consolidated cash flow forecast;	(b) la consolidation des rapports et plans du flux de trésorerie des entités publiques et la production d'une prévision de trésorerie consolidée de référence ;
(c) kumenya amafaranga asaguka cyangwa atarakoreshejwe;	(c) identification of any surplus or idle funds;	(c) l'identification de tout fonds excédentaire ou inutilisé ;
(d) kumenya ibikenewe kugira ngo hongerwe inkunga cyangwa ishoramari by'igihe gito bikenewe kugira ngo hagumeho urwego rwumvikanyweho rw'amafaranga y'ingoboka mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari;	(d) identification of needs for any additional short-term financing or investments needed to maintain the agreed level of cash buffer during budget execution;	(d) l'identification des besoins en matière de financement ou d'investissements supplémentaires à court terme nécessaires pour maintenir le niveau convenu de réserve de trésorerie pendant l'exécution du budget ;
(e) kugena urwego rw'amafaranga y'ingoboka akenewe mu kuziba icyuho cy'igihe gito cyabaye hagati y'amafaranga yinjira n'asohoka mu mwaka w'ingengo y'imari;	(e) determination of the level of cash buffer required to finance any short-term financing gap between cash inflows and outflows during the fiscal year;	(e) la détermination du niveau de réserve de trésorerie nécessaire pour financer tout écart de financement à court terme entre les entrées et les sorties de trésorerie en cours d'exercice ;

(f) kuvugurura buri gihembwe ibipimo fatizo by'igenamigambi na gahunda bihujwe by'amafaranga yinjira n'asohoka hitawe ku mafaranga yishyurwa n'ayakirwa kuva mu ntangiriro z'umwaka w'ingengo y'imari;	(f) updating the baseline consolidated cash flow forecasts and plans on a quarterly basis considering actual cash payments and receipts since the start of the fiscal year;	(f) la mise à jour trimestrielle des prévisions et des plans de trésorerie consolidés de référence, en tenant compte des décaissements et des encaissements réels en espèces depuis le début de l'exercice ;
(g) gukurikirana iyakira ry'imisoro, ihererekanya ry'amafaranga n'amafaranga aca ku nzego za Leta kugira ngo yose acungwe neza;	(g) monitoring revenue collection, cash movements, and cash in transit float to ensure that they are managed in an efficient manner; and	(g) la suivi de la collecte des recettes, de mouvements de trésorerie et de fonds en transit pour garantir qu'ils sont gérés de manière efficace ; et
(h) no gutanga raporo nk'uko bisabwa na Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta, ku igenamigambi rihujwe ry'amafaranga yinjira n'asohoka, ku bijyanye n'uko umutungo w'imari ya Leta uhagaze n'ibisubizo bikomoka ku mafaranga yinjira ukuyemo asohoka.	(h) reporting, as required by the National Treasury Management Committee, on the consolidated cash flow forecasts, the government liquidity position, and cash flow outturns.	(h) la soumission de rapport sur les prévisions consolidées du flux de trésorerie, la situation de liquidité du gouvernement et les résultats des flux de trésorerie, comme l'exige le Comité de gestion du Trésor National.
(3) Serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta igenzura ko habaho imikorere myiza ku bijyanye n'imicungire y'amafaranga yinjira, ayishyurwa n'ahererekanywa biciye mu Kigega gihurizwamo amafaranga ya Leta; imicungire y'umutungo mvunjwafaranga wa Leta, harimo amafaranga, konti za	(3) The National Treasury management function also ensures efficiency in receipts, payments and transfers related to the consolidated fund; management of Government financial assets including cash, bank accounts, equity investments, loans, on-lending, imprests, prepayments and accounts	(3) La fonction de gestion du Trésor National assure également l'efficience des encaissements, des paiements et des transferts liés au fonds consolidé ; gestion des actifs financiers de l'État, y compris la trésorerie, les comptes bancaires, les investissements de capitaux, les prêts, les rétrocessions, les

banki, amafaranga ashorwa mu migabane, inguzanyo, inguzanyo z'amafaranga yagujijwe, amafaranga akoreshwa buri munsi, amafaranga yishyurwa mbere n'amafaranga urwego rwa Leta ruberewemo, kimwe no guhuza ku gihe imibare iri ku makonti ya banki y'Ikigega cya Leta no gutegura raporo y'ibikorwa by'Ikigega cya Leta.	receivable as well as timely reconciliation of National Treasury bank accounts and preparation of National Treasury operations reports.	avances, les paiements anticipés et les comptes débiteurs, ainsi que le rapprochement en temps opportun des comptes bancaires du Trésor National et la préparation des rapports sur les opérations du Trésor National.
(4) Konti zo muri banki z'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa iz'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage ntizishobora gukurwaho amafaranga arenze aziriho cyangwa gushyirwaho by'agateganyo amafaranga atanzwe na banki Minisitiri atabanje kubitangira uruhushya.	(4) The Central Government or decentralised entity's bank accounts are not overdrawn or credited with a temporary advance obtained from the bank without the prior permission of the Minister.	(4) Les comptes bancaires d'une entité de l'administration centrale ou d'une entité décentralisée ne peuvent être découverts ni crédités d'une avance temporaire obtenue de la banque sans l'autorisation préalable du Ministre.
(5) Iyo urwego rwa Leta rwinjije amafaranga menshi, biturutse ku mirimo rukora cyangwa mu bundi buryo, ayo mafaranga atarakoreshejwe arenze ku yateganyirijwe ibikorwa byarwo yimurirwa mu Kigega cya Leta kugira ngo akoreshwe mu gushyigikira imicungire y'amafaranga bitarenze itariki ya 30 Kamena. Isuzuma ry'urwego rw'amafaranga yinjira adakoreshwa rikorwa buri gihembwe.	(5) If a public entity accumulates funds, internally generated or otherwise, these unused funds in excess of the forecast operational requirements, are transferred to the National Treasury to support liquidity management no later than 30th June. An assessment of the level of accumulation of idle funds is made on a quarterly basis.	(5) Lorsqu'une entité publique accumule des fonds générés en interne ou autrement, ces fonds non utilisés, en excédent des besoins opérationnels prévus, sont transférés au Trésor national pour soutenir la gestion des liquidités au plus tard le 30 juin. Une évaluation du niveau d'accumulation des fonds non utilisés est effectuée trimestriellement.

Ingingo ya 53: Ishoramari ry'amafaranga arenga ku ngengo y'imari n'ayasagutse muri banki	**Article 53: Investment of budget surplus cash and bank balances**	**Article 53: Placement de l'excédent budgétaire et des soldes bancaires**
(1) Serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta ifasha –	(1) The National Treasury management function assists in –	(1) La fonction de gestion du Trésor National contribue –
(a) mu gutegura uburyo ishoramari ry'umutungo w'imari rikorwa mu gihe gito, harimo gushyiraho ibipimo n'imirongo ngenderwaho, byemezwa na Minisitiri mbere yo gukoreshwa mu ishoramari ry'amafaranga yasagutse cyangwa atarakoreshejwe;	(a) the preparation of a short-term liquid asset investment framework, including criteria and guidelines, to be approved by the Minister for investment of surplus or idle cash; and	(a) à l'élaboration d'un cadre d'investissement en actifs liquides à court terme, comprenant des critères et des lignes directrices, devant être approuvés par le Ministre pour l'investissement des liquidités excédentaires ou non utilisées ; et
(b) no mu gutegura gahunda y'ishoramari y'igihe gito ishingiye kuri raporo z'isuzuma ry'uko amafaranga yinjira n'uko asohoka kimwe n'uko umutungo uhagaze hakurikijwe uburyo bw'ishoramari bwemejwe.	(b) the development of a short-term investment plan based on the cash flow and liquidity assessment reports in accordance with the approved investment framework.	(b) à l'élaboration d'un plan d'investissement à court terme basé sur les rapports d'évaluation des flux de trésorerie et des liquidités conformément au cadre d'investissement approuvé.
(2) Gahunda y'ishoramari ry'igihe gito yemezwa na Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta, kandi igamije gukoresha neza amafaranga atarakoreshejwe mu ngengo y'imari n'ayasagutse kuri konti za Leta muri banki hakurikijwe ibipimo byemejwe mu buryo bw'ishoramari.	(2) The short-term investment plan is approved by the National Treasury Management Committee, and seeks to make the most efficient use of any idle or surplus cash balances in the Government's bank accounts in accordance with criteria approved in the investment framework.	(2) Le plan d'investissement à court terme est approuvé par le Comité de gestion du Trésor National et vise à utiliser le plus efficacement possible tout solde de trésorerie non utilisé ou excédentaire sur les comptes bancaires de l'État, conformément aux critères approuvés dans le cadre

		d'investissement.
(3) Gahunda y'ishoramari ry'igihe gito ishobora kuba igizwe no kongera kugura inyandiko mpeshwamwenda cyangwa izindi nyandiko z'agaciro faranga zatanzwe na Banki Nkuru y'u Rwanda mu izina rya Guverinoma cyangwa gukora ishoramari mu nyandiko z'agaciro faranga bisabwe na Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta.	(3) The short-term investment plan may include the re-purchase of Treasury bills or other financial instruments issued by the National Bank of Rwanda on behalf of the Government or investment in short term financial instruments as recommended by the National Treasury Management Committee.	(3) Le plan d'investissement à court terme peut inclure le rachat de bons du Trésor ou d'autres instruments financiers émis par la Banque Nationale du Rwanda pour le compte de l'État ou un investissement dans des instruments financiers à court terme tel que recommandé par le Comité de gestion du Trésor National.
(4) Inyandiko z'agaciro faranga bivuga umutungo uwo ari wo wose wacuruzwa, waba amafaranga, waba inyandiko igaragaza imigabane, cyangwa uburenganzira bukomoka ku masezerano bwo kwakira cyangwa gutanga amafaranga cyangwa ikindi kintu gihwanyije agaciro n'amafaranga;	(4) Financial instruments mean a tradable asset of any kind, either cash, evidence of an ownership interest in shares, or a contractual right to receive or deliver cash or cash equivalent;	(4) Les instruments financiers désignent un actif négociable de toute nature, qu'il s'agisse d'espèces, d'une preuve de participation dans des actions ou d'un droit contractuel de recevoir ou de payer en espèces ou en équivalent ;
(5) Serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta igomba gushyikiriza Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta raporo ku musaruro w'ishoramari ugereranyije n'ibyateganyijwe mu buryo bw'ishoramari.	(5) The National Treasury management function reports to the National Treasury Management Committee on the investment outcomes compared to those planned in the investment framework.	(5) La fonction de gestion du Trésor National doit rendre compte au Comité de gestion du Trésor National des résultats des investissements par rapport à ceux prévus dans le cadre d'investissement.
(6) Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage na zo zishobora gushora by'igihe gito amafaranga yasagutse hakurikijwe ibipimo	(6) Decentralised entities may also temporarily invest surplus funds in accordance with the investment criteria approved by the Minister and based on	(6) Les entités décentralisées peuvent également investir temporairement les fonds excédentaires conformément aux critères d'investissement approuvés

by'ishoramari byemejwe na Minisitiri kandi hashingiwe ku mirongo ngenderwaho yatanzwe na Minisiteri.	guidelines issued by the Ministry.	par le Ministre et conformément aux lignes directrices émises par le Ministère.
(7) Mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, umubare w'amafaranga ufatwa mu buryo ngarukagihe nk'amafaranga atarakoreshejwe cyangwa amafaranga yasagutse ku ngengo y'imari ugenwa na Komite Nyobozi ibigiriwemo inama n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta. Ishoramari ry'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage rikurikiza ibipimo byemejwe na Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta na gahunda y'ishoramari yateguwe na Komite Nyobozi, ikemezwa n'Inama Njyanama na Minisitiri.	(7) For decentralised entities, the amount of cash that periodically constitutes an idle balance or surplus cash is determined by the Executive Committee on the advice of the Chief Budget Manager. Investments by a decentralised entity is done in accordance with the criteria approved by the National Treasury Management Committee and the investment plan developed by the Executive Committee, and approved by the Council and the Minister.	(7) Pour les entités décentralisées, le montant de trésorerie qui constitue périodiquement un solde non utilisé ou un excédent de trésorerie est déterminé par le Comité Exécutif sur avis du Gestionnaire principal du budget. Les investissements d'une entité décentralisée sont réalisés conformément aux critères approuvés par le Comité de gestion du Trésor National et au plan d'investissement élaboré par le Comité exécutif, et approuvé par le Conseil et le Ministre.
(8) Serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta itegura ibipimo by'ishoramari kandi igatanga imirongo ngenderwaho rusange ku ishoramari ry'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage byemezwa na Minisitiri abisabwe na Komite ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta.	(8) The National Treasury management function develops investment criteria and provides general guidelines on investments by decentralised entities that are approved by the Minister upon recommendation by the National Treasury Management Committee.	(8) La fonction de gestion du Trésor National élabore des critères d'investissement et fournit des lignes directrices générales sur les investissements des entités décentralisées qui sont approuvées par le Ministre sur recommandation du Comité de gestion du Trésor National.

Ingingo ya 54: Ishoramari mu migabane	**Article 54: Equity investment**	**Article 54 : Investissement en actions**
(1) Ishoramari mu migabane rikubiyemo imigabane mu masosiyete y'ubucuruzi ya Leta cyangwa imigabane mu bindi bigo Leta yashoyemo imari, harimo –	(1) Equity investments include shareholding into State-owned companies or shareholding into other entities where the Government has invested, including –	(1) Les investissements en actions comprennent les participations dans des sociétés commerciales de l'État ou dans d'autres entités dans lesquelles le Gouvernement a investi, y compris –
(a) ibigo bishamikiye ku masosiyete y'ubucuruzi ya Leta cyangwa byabyawe n'ibigo Leta ifitemo ububasha bugenzura;	(a) subsidiaries of State-owned companies or otherwise controlled by the Government;	(a) les filiales des sociétés commerciales de l'État ou autrement contrôlées par l'État;
(b) amasezerano y'ubufatanye Leta ifitemo ububasha bugenzura cyangwa ifitemo inyungu nini;	(b) joint ventures arrangement where the Government has a controlling or significant interest;	(b) un accord de coentreprise dans lequel l'État détient une participation majoritaire ou un intérêt important ;
(c) ibigo Leta ifitemo uburenganzira bwo guhitisha umwanzuro, harimo ububasha bwo kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo kuri politiki z'imari cyangwa z'imikorere, cyangwa ibyo ifitemo nibura 20% by'ububasha bwo gutora mu rwego rwashowemo imari;	(c) associates in which the Government has significant influence including power to participate in the financial and operating policy decisions or holds 20% or more of the voting power of the investee; and	(c) les entreprises associées dans lesquelles l'État exerce une influence notable, y compris le pouvoir de participer aux décisions de politique financière et opérationnelle ou détient 20% ou plus des droits de vote de l'entreprise émettrice ; et
(d) n'imigabane mu masosiyete y'ubucuruzi yigenga, aho Leta idafite ubwiganze mu migabane.	(d) shares in private companies where Government has minority stake.	(d) les actions dans des sociétés privées dans lesquelles l'État détient une participation minoritaire.

(2) Minisitiri agenzura urwego rw'amafaranga y'ingengo y'imari yahawe inzego za Leta agenewe ishoramari mu migabane, mu nguzanyo cyangwa mu nguzanyo zikomoka ku mafaranga Leta yagujije.	(2) The Minister controls the level of appropriation for the acquisition for equity investments, loans, or on-lending by public entities.	(2) Le Ministre contrôle le niveau des dotations budgétaires pour l'acquisition des actions, des prêts ou des rétrocessions par des entités publiques.
(3) Ishoramari mu migabane rikorwa hamaze kugishwa inama ishami rishinzwe ishoramari rya Leta ndetse n'irishinzwe gukurikirana ishoramari rya Leta.	(3) The equity investment is undertaken in consultation with the department in charge of investment opportunities and portfolio oversight department.	(3) L'investissement en actions est entrepris en consultation avec le département chargé des opportunités d'investissements et de supervision du portefeuille de l'État.
(4) Urwego rwa Leta rufite umutungo w'imari mu buryo bw'ishoramari mu migabane –	(4) A public entity that holds financial assets in the form of equity investments–	(4) Une entité publique qui détient des actifs financiers sous forme d'actions doivent –
(a) rukurikirana buri gihembwe ingano n'ihindagurika ry'imigabane yarwo;	(a) tracks the stock and movements of its holdings on a quarterly basis;	(a) suit le stock et les mouvements de ses actions sur une base trimestrielle ;
(b) rusuzuma agaciro k'imigabane rufite mu mpera z'umwaka w'ingengo y'imari hagamijwe imitangire ya raporo z'imari;	(b) assesses the value of its holdings at the end of the fiscal year for financial reporting purposes;	(b) examine la valeur de ses actions à la fin de l'exercice aux fins de l'information financière ;
(c) rumenyesha ishami rishinzwe kugenzura ishoramari rya Leta impinduka zabaye mu ngano n'agaciro by'imigabane hagamijwe kugena ishoramari rya Leta;	(c) notifies the changes in stock or valuations to the portfolio oversight department for determination of government investment; and	(c) notifie les changements de stocks ou de valorisations au département de surveillance du portefeuille pour la détermination des investissements publics ; et

(d) rukanabika igitabo cy'ikoranabuhanga gikubiyemo ishoramari ryakozwe mu migabane, harimo ibyemezo by'imigabane n'amasezerano y'inguzanyo.	(d) maintains an electronic register of undertaken equity investments including share certificates and loans agreements.	(d) tient un registre électronique des investissements en actions entrepris, y compris les certificats d'actions et les accords de prêt.
(5) Urwego Leta ifitemo imigabane iri munsi ya 20% rushyikiriza ishami rishinzwe kugenzura ishoramari rya Leta raporo y'ibaruramari yarwo yagenzuwe kugira ngo riyisuzume, n'incamake nk'inyandiko ikubiyemo ibisobanuro kuri raporo.	(5) An entity in which government ownership is below 20% submits to the portfolio oversight department its audited financial statements for review and summary statement as a note to the accounts.	(5) Une entité dans laquelle les actions du gouvernement sont inférieures à 20% soumet au département de surveillance du portefeuille ses états financiers vérifiés pour examen et un état récapitulatif sous forme de notes aux comptes.
(6) Ishami rishinzwe kugenzura ishoramari rya Leta ribika igitabo cy'ikoranabuhanga gihurizwamo ishoramari ryose ry'imigabane, inguzanyo za Leta n'amasezerano yo gutanga inguzanyo z'amafaranga yagujijwe kandi, rimaze kugisha inama Umubaruramari Mukuru, rigatanga imirongo ngenderwaho yerekeye iyandikwa, igenagaciro n'imitangire ya raporo kuri iryo shoramari, kuri izo nguzanyo cyangwa kuri izo nguzanyo z'amafaranga yagujijwe.	(6) The Portfolio Oversight Department maintains a consolidated electronic register of all equity investments, government loans and on-lending agreements and in consultation with the Accountant General, provides guidelines for the registration, valuation, and reporting of such investments, loans or on-lending.	(6) Le département de surveillance du portefeuille tient un registre électronique consolidé de tous les investissements en actions, des prêts de l'État et des accords de rétrocession et, en consultation avec le comptable général, fournit des lignes directrices pour l'enregistrement, l'évaluation et la déclaration de ces investissements, prêts ou rétrocessions.
(7) Ishami rishinzwe kugenzura ishoramari rya Leta rikurikirana kandi rikabika igitabo koranabuhanga cy'ishoramari ry'imigabane yose ya Leta, harimo	(7) The portfolio oversight department also monitors and maintains an electronic register of all Government equity investments including	(7) Le département de surveillance du portefeuille fait également le suivi et tient un registre électronique de tous les investissements en actions de

imigabane yaguzwe n'inguzanyo z'abanyamigabane kandi rigategura buri gihembwe na buri mwaka raporo y'ibyagezweho mu rwego rw'imari harimo –	investments and shareholder's loans and prepares quarterly and annual financial performance of the portfolio including –	l'État, y compris les investissements et les prêts des actionnaires, et préparer les performances financières trimestrielles et annuelles du portefeuille comprenant –
(a) ibijyanye no gushaka inguzanyo;	(a) borrowing;	(a) les emprunts ;
(b) ishoramari mu migabane;	(b) capital investment;	(b) les investissements de capitaux ;
(c) uburyo urwunguko ruboneka n'inyungu ku migabane zabonetse;	(c) profitability and dividend performance;	(c) la rentabilité et les revenus en dividendes ;
(d) impinduka zabaye mu miyoborere y'ikigo;	(d) changes in corporate governance arrangements;	(d) les changements dans les modalités de gouvernance de l'entreprise ;
(e) uko inguzanyo ku mafaranga yagujijwe zihagaze n'uko ibaruramari ry'abagenerwabikorwa rihagaze;	(e) status of on-lending transactions and position of beneficiary accounts; and	(e) l'état des opérations de rétrocession et la situation des comptes des bénéficiaires ; et
(f) n'ingorane zo mu rwego rw'imari zishobora kugira ingaruka ku ngengo y'imari.	(f) financial risks with potential for generating a fiscal risk.	(f) les risques financiers susceptibles de générer un risque budgétaire.
Ingingo ya 55: Uburyo n'ibigenderwaho mu kwemeza imishinga n'ubufatanye bw'inzego za Leta n'abikorera bishorwamo imari	**Article 55: Procedures and criteria for approving projects and public private partnerships**	**Article 55 : Modalités et les critères d'approbation des projets et des partenariats public-privé**
(1) Ibitekerezo by'imishinga bigomba kubanza kunyura mu isuzuma ry'ibanze rikoresha ibipimo by'ukwemerwa,	(1) Project ideas must be pre-screened through a range of suitability criteria before any expensive design and	(1) Les idées de projets doivent faire l'objet d'une présélection selon divers critères de pertinence, avant

mbere yo gutangira inyigo zihenze cyangwa iz'imishobokere y'ishyirwa mu bikorwa. Ibi bisabwa ku mishinga yose, hatitawe ku hateganyijwe guturuka amafaranga azayitera inkunga, haba ari mu nkunga y'abafatanyabikorwa mu iterambere cyangwa mu bufatanye bw'inzego za Leta n'abikorera.	feasibility study work is undertaken. This requirement applies to all project proposals regardless of the proposed source of the finance, including development partner financing and Public-Private Partnerships.	d'entreprendre des études de conception ou de faisabilité coûteuses. Cette exigence s'applique à toutes les propositions de projets, quelle que soit la source de financement envisagée, y compris les financements des partenaires au développement et les partenariats public-privé.
(2) Urwego rutanga igitekerezo cy'umushinga rwuzuza ibisubizo ku bice bikurikira bikwiye by'inyandikorugero y'igitekerezo cy'umushinga:	(2) A proposing entity completes the following relevant sections of the project concept note template:	(2) Une entité porteuse de projet remplit les sections pertinentes suivantes du modèle de la note conceptuelle de proposition de projet :
(a) guhuza n'ibyihutirwa ku rwego rw'Igihugu;	(a) alignment with national sector priority;	(a) l'alignement avec les priorités nationales sectorielles ;
(b) guhuza n'ibyihutirwa bya ministeri urwo rwego rubarizwamo;	(b) alignment with sector ministry's own priority;	(b) la conformité avec la priorité propre du ministère sectoriel ;
(c) imikorerere myiza kandi inoze y'umushinga;	(c) project efficiency;	(c) l'efficacité et l'efficience du projet ;
(d) ingaruka ku mihindagurikire y'ibihe;	(d) effects on the climate change;	(d) l'impact sur le changement climatique ;
(e) ubushobozi bwo kwihanganira ihindagurika ry'ibihe;	(e) resilience to the effects of climate change;	(e) la résilience face aux changements climatiques ;
(f) kubahiriza ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo;	(f) respect for the principle of gender equality;	(f) le respect du principe d'égalité entre les femmes et les hommes ;

(g) kuzuza ibindi bisabwa mu birebana n'ibidukikije, imibereho myiza, n'imiyoborere;	(g) compliance with other environmental, social and governance requirements;	(g) la conformité aux autres normes environnementales, sociales et de gouvernance ;
(h) umubare n'ubwoko bw'imirimo bizahangwa;	(h) number and type of jobs that will be created;	(h) le nombre et la nature des emplois qui seront générés ;
(i) uko inyungu zizagabanywa mu baturage.	(i) distribution of benefits to the population.	(i) la répartition des bénéfices à la population.
(3) Minisiteri isuzuma ibisubizo byatanzwe ku bigenderwaho bivugwa mu gika cya (2), igaha igisubizo ministeri ifite mu nshingano urwego uwo mushinga ubarizwamo.	(3) The Ministry assesses the responses on the criteria referred to in Paragraph (2) and forwards its observations to the relevant sectoral ministry.	(3) Le Ministère analyse les réponses fournies aux critères visés au paragraphe (2) et transmet ses observations au ministère sectoriel concerné.
(4) Gukoresha nta kujenjeka ibipimo bivugwa mu gika cya (2) n'uburyo buri cyose gihabwa agaciro bizafasha mu gutoranya imishinga iboneye kurusha indi, hibandwa ku ngaruka zishobora guterwa n'imihindagurikire y'ibihe ndetse n'izindi ngingo zijyanye n'ibidukikije, imibereho myiza, n'imiyoborere.	(4) The rigorous application of the criteria referred to in Paragraph (2), and their respecting weighting, will ensure that the most suitable projects are brought to the fore, taking into consideration potential impacts from climate change and other environmental, social and governance matters.	(4) L'application rigoureuse des critères visés au paragraphe (2), ainsi que leur pondération respective, visera à identifier et prioritiser les projets les plus pertinents, tout en intégrant les impacts potentiels liés au changement climatique et aux enjeux environnementaux, sociaux et de gouvernance.
<u>Ingingo ya 56</u>: Umwenda urwego rwa Leta ruberewemo	**<u>Article 56</u>: Account receivable**	**<u>Article 56</u> : Comptes débiteurs**
(1) Umwenda Leta iberewemo ni amafaranga yishyuzwa ubereyemo Leta umwenda ukomoka ku bintu cyangwa	(1) An account receivable is amount outstanding from third party or debtor following the provision of goods or	(1) Un compte débiteur est un montant impayé auprès de tiers ou de débiteurs suite à la fourniture de biens ou de

serivisi urwego rwa Leta rwatanze. Iyo myenda ikubiyemo n'amafaranga yishyuwe kandi yakiriwe mu buryo bw'ibaruramari ariko nyuma ntiyakirwe na banki kubera kubura amafaranga kuri konti y'ugomba kwishyura.	services by a public entity. This includes amounts for which payment was made and collected but subsequently not received by the bank due to lack of available funds in the debtor's account.	services par une entité publique. Ces comptes incluent les montants pour lesquels le paiement a été effectué et encaissé mais n'a ensuite pas été reçu par la banque en raison d'un manque de fonds disponibles sur le compte du débiteur.
(2) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta mu rwego rwa Leta afite inshingano yo gucunga amafaranga urwego rwa Leta rugomba kwishyurwa n'andi mafaranga ruberewemo. Abika neza inyandiko za ngombwa zimufasha gukurikirana no kwishyuza amafaranga barubereyemo atarishyurwa.	(2) The Chief Budget Manager of a public entity is responsible for management of account receivables and other amounts owed to the public entity. They maintain proper records for follow up and recovery of outstanding amounts.	(2) Le Gestionnaire principal du budget d'une entité publique est responsable de la gestion des créances et autres montants dus à l'entité publique. Il maintient des registres appropriés pour le suivi et le recouvrement des montants impayés.
(3) Ibiro by'Umubaruramari Mukuru bitanga amabwiriza n'imirongo ngenderwaho birambuye mu gitabo ngengamikorere cy'ibaruramari ku buryo bwo kwandika, gukora ibaruramari, no gukurikirana amafaranga urwego rwa Leta ruberewemo atarishyurwa.	(3) The Office of the Accountant General provides detailed instructions and guidelines in the accounting manual for recording, accounting, and follow-up of outstanding accounts receivable.	(3) Le Bureau du Comptable général fournit des instructions et des lignes directrices détaillées dans le manuel de comptabilité pour l'enregistrement, la comptabilité et le suivi des comptes débiteurs impayés.
(4) Amabwiriza n'imirongo ngenderwaho biteganywa mu gika cya (3) bikubiyemo –	(4) The instructions and guidelines provided for in Paragraph (3) include –	(4) Les instructions et les lignes directrices prévues au paragraphe (3) comprennent –
(a) ibihe ntarengwa byo gutanga inyemezabuguzi no kwibutsa	(a) transparent timeframes for issue of invoices and payment reminders;	(a) des délais transparents pour l'émission des factures et des

kwishyura;		rappels de paiement ;
(b) ibihe ntarengwa byo kwishyura amafaranga urwego rwa Leta ruberewemo;	(b) clear deadlines for payment of accounts receivable; and	(b) des délais clairs pour le paiement des créances ; et
(c) n'ingamba n'ibihe ntarengwa bijyanye n'ibikorwa byo kwishyuza, birimo guhagarika serivisi zatangwaga ku buryo buhoraho cyangwa izindi bifitanye isano, gushyiraho ibihano n'inyungu z'ubukererwe, guhuza imyenda yishyuzwa n'iyo urwego rubereyemo abandi no kugaragaza imyenda itarishyurwa.	(c) strategies and timeframes for enforcement actions including withdrawal of continuing or related services, imposition of penalties and interest, offsetting of receivable and payables and public disclosure of outstanding debts.	(c) les stratégies et les délais des mesures d'exécution, y compris le retrait des services continus ou connexes, l'imposition de pénalités et d'intérêts, la compensation des créances et des dettes et la publication des dettes impayées.
(5) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ashyikiriza ikibazo kijyanye no kwishyuza umwenda, umujyanama mu by'amategeko w'urwego kugira ngo ategure ikirego gishyikirizwe urukiko, iyo bibaye ngombwa.	(5) The Chief Budget Manager refers a debt recovery matter to the legal advisor of the entity to prepare the case for initiating legal action, where appropriate.	(5) Le Gestionnaire principal du budget soumet le cas de recouvrement de créances au conseiller juridique de l'entité pour constituer le dossier en vue d'introduire une action en justice, le cas échéant.
(6) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta atanga amakuru muri raporo y'imari ku bijyanye n'amafaranga urwego rwa Leta ruberewemo amaze igihe atarishyurwa n'ibyakozwe mu rwego rwo kuyishyuza, n'ibyo bateganya gukora mu gihe kizaza.	(6) The Chief Budget Manager provides information in the financial statements on outstanding aged receivables and the actions undertaken to enforce collection and proposed future actions.	(6) Le Gestionnaire principal du budget fournit les informations dans le rapport financier sur les créances anciennes impayées et les actions entreprises pour assurer le recouvrement ainsi que des actions futures proposées.

(7) Iyo ibikorwa byo kwishyuza byananiranye, amahirwe yo kubona ubwishyu yayoyotse cyangwa ikiguzi cyo kwishyuza kiruta amafaranga yishyuzwa, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta atangira ibikorwa byo gusiba imyenda itarishyuwe nk'imyenda itagishoboye kwishyurwa, hakurikijwe imirongo ngenderwaho itangwa n'Ibiro by'Umubaruramari Mukuru.	(7) If recovery actions have failed and the collection expectation fades or the cost of recovery the outstanding receivables is more than the amount to be recovered, the Chief Budget Manager commences actions to write off the outstanding receivables as a bad debt, as detailed in guidelines from the Office of the Accountant General.	(7) Lorsque les actions de recouvrement ont échoué, que les perspectives de recouvrement s'estompent ou que le coût du recouvrement des créances impayées est supérieur au montant à recouvrer, le Gestionnaire principal du budget entreprend des démarches pour radier les créances impayées en tant que créances irrécouvrables, conformément aux lignes directrices du Bureau du Comptable général.
(8) Igitabo cy'imyenda y'urwego rwa Leta kigaragaza amakuru akurikira: (a) uwagurije; (b) umugenerwabikorwa; (c) niba imyenda yaratanzwe mu Gihugu cyangwa mu mahanga; (d) ubwoko bw'amafaranga; (e) niba umwenda waratangiwe ingwate cyangwa waratanzwe nta ngwate.	(8) The public entity's debt record indicates the following information: (a) the creditor; (b) the beneficiary; (c) whether it is a domestic or external debt; (d) currency; (e) whether it is a secured or unsecured debt.	(8) Le registre de dettes d'une entité publique présente les informations : (a) le créditeur; (b) le bénéficiaire; (c) s'il s'agit d'une dette intérieure ou extérieure ; (d) la monnaie ; (e) s'il s'agit d'une dette garantie ou non garantie.
Ingingo ya 57: Agasanduku k'amafaranga akoreshwa byihutirwa	**Article 57: Imprests**	**Article 57 : Caisse d'avances**
(1) Urwego rwa Leta rushobora gucunga agasanduku k'amafaranga akoreshwa	(1) A public entity may maintain the imprests with small amounts of cash	(1) Une entité publique peut maintenir une caisse d'avances avec de petites

byihutirwa karimo amafaranga make yo kwishyura ibikenerwa ku buryo butunguranye iyo bidashoboka gukoresha uburyo busanzwe bwo kwishyura.	for the payment of incidental expenditures if it is impractical to use the normal payment procedure.	sommes d'argent pour le paiement de dépenses accessoires lorsqu'il n'est pas pratique d'utiliser la procédure de paiement normale.
(2) Amafaranga akoreshwa byihutirwa akubiyemo amafaranga make y'agateganyo n'amafaranga yihariye akoreshwa byihutirwa kandi byombi bibarirwa mu mafararanga asigara mu rwego rwa Leta akoreshwa mu gihe cyo kongera amafaranga mu gasanduku k'amafaranga akoreshwa byihutirwa.	(2) Imprests arrangement includes petty cash imprest and special imprest and both form part of the cash balance of a public entity which is expensed on replenishment of the imprest.	(2) Une caisse d'avances comprend les avances de petite caisse et les avances spéciales et les deux font partie du solde de trésorerie d'une entité publique qui est passé en charges lors de la reconstitution de la caisse d'avances.
(3) Uretse agasanduku k'amafaranga abitswe hafi akoreshwa byihutirwa, andi mafaranga yose yihariye atangwa nk'ingoboka ku bikorwa byihuse abanza kwemezwa mu nyandiko n'Umubaruramari Mukuru.	(3) With the exception of petty cash imprest, any special imprest arrangement requires a written approval of the Accountant General.	(3) À l'exception des fonds sur petite caisse, tout arrangement de caisse d'avance spéciale demande une autorisation écrite du Comptable général.
(4) Ishami rishinzwe imari ribika kandi rigacunga agasanduku k'amafaranga akoreshwa byihutirwa n'inyandiko bijyanye mu izina ry'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta, kandi rikita ku ishyirwaho ry'uburyo bunoze bukoreshwa mu igenzura ry'imbere. Amafaranga akoreshwa byihutirwa yemezwa nibura buri kwezi agashyirwa	(4) The Finance Unit holds and administers the imprest and related documentation, on behalf of the Chief Budget Manager, and ensures sound internal control arrangements. Imprests are cleared at least monthly to the appropriate expense account and a reconciliation report is made to the Chief Budget Manager.	(4) L'unité des finances détient et gère les caisses d'avances et les documents connexes, au nom du Gestionnaire principal du budget, et veille à ce que de solides dispositions de contrôle interne soient mises en place. La caisse d'avances est réglée au moins mensuellement sur le compte de dépenses approprié et un rapport de réconciliation est adressé au

kuri konti y'amafaranga akoreshwa yabugenewe, hagakorwa raporo y'ihuzwa ry'imibare ishyikirizwa Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta.		Gestionnaire principal du budget.
(5) Amafaranga yo mu gasanduku k'amafaranga akoreshwa byihutirwa buri gihe ntarenga FRW 1.000.000 kandi nta kintu kirengeje FRW 100.000 cyishyurwa hakoreshejwe amafaranga yo muri ako gasanduku.	(5) The petty cash imprest is maintained at all times at a level not exceeding FRW 1,000,000 and no single expenditure is made out of petty cash exceeding FRW 100,000.	(5) La petite caisse d'avances est maintenue en tout temps à un plafond ne dépassant pas 1.000.000 FRW et aucune dépense singulière sur la petite caisse dépassant 100.000 FRW ne peut être faite.
(6) Iyo bitangiwe uruhushya n'Umubaruramari Mukuru, amafaranga make y'agateganyo n'amafaranga yihariye akoreshwa byihutirwa bishobora gukoreshwa mu buryo bw'ikarita koranabuhanga.	(6) If authorised by the Accountant General, a petty cash imprest and special imprest can take the form of an electronic card.	(6) Lorsqu'elles sont autorisées par le Comptable général, les avances de petite caisse et les avances spéciales peuvent prendre la forme d'une carte électronique.
<u>Ingingo ya 58</u>: Ubwishyu butanzwe mbere y'igihe n'amafaranga yishyurwa mu buryo bwa avansi	**<u>Article 58</u>: Prepayments and advances**	**<u>Article 58</u> : Paiements anticipés et avances**
(1) Ubwishyu butanzwe mbere y'igihe ni amafaranga yishyurwa, ayishyurwa igice cyangwa ayishyurwa mu buryo bwa avansi, atanzwe mbere yo kugemurirwa ibyaguzwe cyangwa mbere yo gukoresha ibicuruzwa cyangwa serivisi.	(1) Prepayments are deposits, part-payments or advances made prior to the supply or consumption of goods or services.	(1) Les paiements anticipés sont des dépôts, des paiements partiels ou des avances effectuées avant la fourniture ou la consommation de biens ou de services.
(2) Ubwishyu butanzwe mbere y'igihe	(2) Prepayments or advances are financial	(2) Les paiements anticipés ou les avances

cyangwa amafaranga yishyurwa mu buryo bwa avansi ni umutungo w'imari iyo amafaranga yishyuwe mbere y'uko ibicuruzwa cyangwa serivisi bitangwa.	assets in the accounts created if cash is paid out in advance of provision of goods or services.	sont des actifs financiers créés lorsque des espèces sont versées avant la fourniture de biens ou de services.
(3) Ubwishyu butanzwe mbere y'igihe cyangwa amafaranga yishyurwa mu buryo bwa avansi ntibifatwa nk'amafaranga yakoreshejwe kugeza igihe inyemezabwishyu cyangwa icyemezo cy'uwarangije neza imirimo bijyanye n'ibicuruzwa cyangwa serivisi byakiriwe bigasuzumwa.	(3) Pre-payments and advances do not represent expenditure until the underlying goods and services invoices or certificates of good completion of works are received and verified.	(3) Les paiements anticipés et les avances ne sont pas considérés comme des dépenses tant que les factures des biens et services ou les certificats de bonne exécution des travaux ne sont pas reçus et vérifiés.
(4) Umutungo w'imari, hakubiyemo ubwishyu butanzwe mbere y'igihe, amafaranga yishyurwa mu buryo bwa avansi cyangwa ubwishyu bw'igice, uhuzwa n'ibyaguzwe nyakuri iyo inyemezabwishyu ya serivisi cyangwa y'ibintu byaguzwe imaze gutangwa kandi ikemezwa ngo yishyurwe. Ku mafaranga yishyurwa mu buryo bwa avansi cyangwa amafaranga ashyirwa kuri konti buri gihe nk'ayishyurwa mbere y'igihe, akoreshwa hashingiwe ku matariki ubwishyu butangirwaho.	(4) The financial asset, including pre-payment, advance or part payment, is cleared against the actual expenditure if the invoice for service or goods consumed is submitted and approved for payment. For an advance or deposit involving periodic pre-payments, they are expensed based on the dates that repayment is made.	(4) L'actif financier, y compris le paiement anticipé, l'avance ou le paiement partiel, est rapproché des dépenses réelles lorsque la facture du service ou des biens consommés est soumise et approuvée pour paiement. Pour une avance ou un dépôt impliquant des paiements anticipés périodiques, les charges sont comptabilisées en fonction des dates de remboursement.
(5) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta akora ku buryo –	(5) The Chief Budget Manager ensures that –	(5) Le Gestionnaire principal du budget veille à ce que –

(a) amafaranga yishyurwa mbere y'igihe n'ayishyurwa mu buryo bwa avansi ashyirwa mu nyandiko, hamwe n'amakuru yuzuye ajyanye n'urwego cyangwa umuntu byishyuwe amafaranga y'avansi, ayishyuwe mbere y'igihe cyangwa ayishyuwe igice, kandi igihe hasabwa ingwate ya banki yo kwishingira ubwishyu igatangirwa ibisobanuro birambuye;	(a) pre-payments and advances are recorded including full details of the entity or person to whom the advance, pre-payment or part payments has been made and, where necessary, details of any requirement for a bank guarantee to ensure repayment;	(a) les paiements anticipés et les avances soient enregistrés, y compris tous les détails de l'entité ou de la personne à qui l'avance, le paiement anticipé ou les paiements partiels ont été effectués et, le cas échéant, des précisions sur toute exigence de garantie bancaire pour garantir le remboursement;
(b) hagenwa ibihe ntarengwa byo kwishyura amafaranga yishyurwa mbere y'igihe n'ayishyurwa mu buryo bwa avansi;	(b) there are clear timeframes for clearance of pre-payments and advances;	(b) il soit prévu des délais clairs pour l'apurement des paiements anticipés et des avances;
(c) hajyaho ingamba n'ibihe ntarengwa ku bijyanye n'ibikorwa byo kwishyuza, birimo guhagarika serivisi zatangwaga ku buryo buhoraho cyangwa izindi bifitanye isano, no guca ibihano n'inyungu z'ubukererwe;	(c) there are strategies and timeframes for enforcement actions including withdrawal of continuing or related services and imposition of penalties and interest; and	(c) il soit prévu des stratégies et des délais pour les mesures coercitives, y compris le retrait des services continus ou connexes et l'imposition de pénalités et d'intérêts; et
(d) kandi hakitabazwa ubucamanza hagamijwe kwishyuza.	(d) legal action be initiated for enforcement.	(d) qu'une action en justice soit introduite pour obtenir l'exécution.
(6) Ibiro by'Umubaruramari Mukuru bitanga amabwiriza n'imirongo ngenderwaho birambuye mu gitabo ngengamikorere cy'ibaruramari ku buryo bwo kwandika, gukora ibaruramari, no gukurikirana	(6) The Office of the Accountant General provides detailed instructions and guidelines in the accounting manual for recording, accounting, and follow-up of pre-payments and advances.	(6) Le Bureau du Comptable général fournit des instructions et des lignes directrices détaillées dans le manuel de comptabilité pour l'enregistrement, la comptabilité et le suivi des paiements

ubwishyu bwakozwe mbere cyangwa avansi zatanzwe.		anticipés et des avances.
Ingingo ya 59: Konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta	**Article 59: National Treasury Single Account**	**Article 59: Compte unique du Trésor National**
(1) Inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zose, uretse izakuwemo na Minisitiri ku buryo bweruye, zikurikiza amahame yashyizweho mu buryo bwa konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta.	(1) All Central Government and decentralised entities, unless explicitly excluded by the Minister, follow the principles established by the National Treasury Single Account System.	(1) Toutes les entités de l'administration centrale et entités décentralisées, sauf exclusion explicite du Ministre, doivent suivre les principes établis par le système de compte unique du Trésor National.
(2) Amafaranga yakiriwe n'urwego rwa Leta hakurikijwe ibiteganyijwe n'umutwe wa IV werekeye imicungire y'amafaranga yinjira ashyirwa mu byiciro mu buryo bukwiye kandi akabikwa muri banki buri munsi kuri konti yabigenewe ya konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta, akakirwa kandi akabarurwa binyuze muri IFMIS.	(2) Revenues received by a public entity in accordance with the provisions of chapter IV related to revenue management are appropriately classified and banked daily in a designated National Treasury Single Account bank account, received and accounted for through the IFMIS.	(2) Les recettes perçues par une entité publique conformément aux dispositions du chapitre IV relatif à la gestion des recettes sont classées de manière appropriée et déposées quotidiennement sur un compte bancaire désigné compte unique du Trésor National, reçues et comptabilisées via l'IFMIS.
(3) Amafaranga yishyurwa hakurikijwe ibiteganyijwe mu mutwe wa V werekeye imicungire y'ikoreshwa ry'amafaranga, avanwa kuri konti yabigenewe yafunguwe mu buryo bwa konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta.	(3) Payments made in accordance with the provisions of chapter V related to expenditure management are made from a designated bank account opened under National Treasury Single Account arrangement.	(3) Les paiements effectués conformément aux dispositions du chapitre V relatif à la gestion des dépenses sont effectués à partir d'un compte bancaire désigné ouvert dans le cadre d'un accord sur le compte unique du Trésor National.
(4) Amafaranga yishyurwa ava kuri konti	(4) Payments from the National Treasury	(4) Les paiements du compte unique du

imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta ajya ku bishyurwa bikorewe muri serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta yishyurwa hashingiwe ku mabwiriza yo kwishyura yemejwe n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta bireba cyangwa umukozi yabihereye ububasha, akoresheje uburyo bwemewe bwo kwishyura bwo muri IFMIS.	Single Account to payees that are made through the National Treasury management function are made based on payment instructions validated by the responsible Chief Budget Manager or their delegated official, using the approved modes of payment through the IFMIS.	Trésor National aux bénéficiaires, effectués via la fonction de gestion du Trésor National sont effectués sur la base des instructions de paiement validées par le Gestionnaire principal du budget responsable, ou par son délégué, en utilisant les modes de paiement approuvés par l'intermédiaire de l'IFMIS.
(5) Amafaranga ava ku ngengo y'imari y'inzego bwite za Leta ajya mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage cyangwa izindi nzego za Leta ashyirwa kuri konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta yabigenewe y'urwego bireba.	(5) Fiscal transfers from the Central Government entities to decentralised entities or other public entities are deposited into the designated National Treasury Single Account bank account of the entity.	(5) Les transferts budgétaires des entités de l'administration centrale vers des entités décentralisées ou d'autres entités publiques sont déposés sur le compte bancaire désigné du compte unique du Trésor National de l'entité.
(6) Imiterere ya konti muri banki y'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa iy'urwego rwegerejwe abaturage igizwe na konti y'iremezo iri muri Banki Nkuru y'u Rwanda, konti ziyishamikiyeho n'indi konti Minisiteri ishobora kwemera ko iri ngombwa mu rwego rwo korohereza urwego rwa Leta imicungire ya konti zarwo. Minisiteri ishobora kwemerera inzego za Leta gufungura konti zishamikiye ku zindi, igasobanura uburyo n'ibisabwa kugira ngo imicungire yazo igende neza.	(6) The bank account configuration for Central Government or decentralised entity comprises a main bank account with the National Bank of Rwanda, sub-accounts and any other account as may be appropriate by the Ministry to facilitate the management of public entity bank accounts. The Ministry may authorize public entities to open sub-accounts and specify such terms and conditions as considered necessary for efficient management of the accounts.	(6) La configuration du compte bancaire pour une entité de l'administration centrale ou une entité décentralisée comprend un compte bancaire principal auprès de la Banque Nationale du Rwanda, des sous-comptes et l'autre compte approprié par le Ministère pour faciliter la gestion des comptes bancaires de l'entité publique. Le Ministère peut autoriser les entités publiques à ouvrir des sous-comptes et préciser les modalités et les conditions jugées nécessaires à la

		gestion efficace de ces comptes.
(7) Inzego za Leta zishobora gufungura konti mu yandi mabanki y'ubucuruzi mu buryo budasanzwe kandi ku mpamvu zumvikana byemejwe mu nyandiko n'umuyobozi w'Ikigega cya Leta.	(7) Public entities may, exceptionally and for justifiable reasons, open bank accounts in other commercial banks with explicit approval by the official in charge of the National Treasury.	(7) Les entités publiques peuvent exceptionnellement et pour des raisons justifiées, ouvrir des comptes bancaires dans d'autres banques commerciales avec l'approbation explicite de l'autorité responsable du Trésor National.
(8) Serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta igomba kubika inyandiko zijyanye na konti zose inzego za Leta zemerewe gufungura muri banki.	(8) The National Treasury management function maintains a record of all approved bank accounts for all public entities.	(8) La fonction de gestion du Trésor National doit tenir un registre de tous les comptes bancaires approuvés pour toutes les entités publiques.
(9) Banki Nkuru y'u Rwanda n'ibigo by'imari byose bitanga urutonde rwa konti z'inzego za Leta bicunga, bisabwe n'umuyobozi wa serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta cyangwa Umubaruramari Mukuru.	(9) The National Bank of Rwanda and all financial institutions provide a list of public entity's accounts which they maintain, upon the request of the head of National Treasury management function or the Accountant General.	(9) La Banque Nationale du Rwanda et toutes les institutions financières doivent fournir une liste des comptes des entités publiques qu'elles tiennent, à la demande du chef de la fonction de gestion du Trésor National ou du Comptable général.
(10) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta atanga akanatangaza amakuru yuzuye kuri konti zose urwego rwa Leta rufite mu mabanki muri raporo y'imari ashyikiriza Minisiteri.	(10) The Chief Budget Manager provides and discloses in the financial report to the Ministry full details of all bank accounts the public entity holds.	(10) Le Gestionnaire principal du budget fournit et communique dans le rapport financier fait au Ministère tous les détails de tous les comptes bancaires que l'entité publique détient.

Ingingo ya 60: Gutanga uburenganzira	**Article 60: Delegation**	**Article 60 : Délégation**
Minisitiri ashobora guha umuyobozi wa serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta inshingano yo gutanga uburenganzira bwo gufungura, gufunga no kugenzura konti za banki z'inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta, iz'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage cyangwa iz'amashami y'inzego za Leta.	The Minister may delegate to the head of National Treasury management function the responsibility for authorizing the opening, closing and oversight of the bank accounts of all Central Government, decentralised or subsidiary entities.	Le Ministre peut déléguer au responsable de la fonction de gestion du Trésor National la responsabilité d'autoriser l'ouverture, la clôture et la surveillance des comptes bancaires de toutes les entités de l'administration centrale, les entités décentralisées ou les entités affiliées.
Ingingo ya 61: Gufungura konti muri banki	**Article 61: Opening of bank account**	**Article 61: Ouverture d'un compte bancaire**
(1) Urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta, urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage cyangwa ishami ry'urwego rwa Leta ntibifite uburenganzira bwo gufungura cyangwa gufunga konti muri Banki Nkuru y'u Rwanda cyangwa mu kigo cy'imari, cyangwa guhindura abashinzwe gushyira umukono kuri konti muri banki rutabiherewe uruhushya rwanditse na serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta.	(1) The Central Government, decentralised or subsidiary entities cannot open or close a bank account in the National Bank of Rwanda or in any financial institution, make changes to the bank account signatories without the written authorization of the National Treasury management function.	(1) Une entité de l'administration centrale, une entité décentralisée ou une entité affiliée ne peut ouvrir ou fermer un compte bancaire à la Banque Nationale du Rwanda ou dans une institution financière, ou faire des modifications aux signataires du compte bancaire, sans l'autorisation écrite de la fonction de gestion du Trésor National.
(2) Urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta, urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage cyangwa ishami ry'urwego rwa Leta bifungura konti muri banki yo hanze y'Igihugu bimaze kwemezwa n'umuyobozi w'Ikigega cy'Igihugu.	(2) A Central Government, decentralised or subsidiary entity opens a bank upon approval by the official in charge of National Treasury.	(2) Une entité de l'administration centrale, une entité décentralisée ou une entité affiliée ouvre un compte bancaire à l'extérieur du pays après approbation du responsable du Trésor National.

(3) Amashami y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ashobora kugira konti zayo muri banki iyo uburyo bwayo bwo kwakira amafaranga yinjira busaba kugira konti mu kindi kigo cy'imari.	(3) Subsidiary entities in decentralised entities are able to maintain their bank accounts if revenue collection mechanisms in place require having a bank account in another financial institution.	(3) Les entités affiliées des entités décentralisées peuvent avoir leurs comptes bancaires lorsque les mécanismes de collecte des recettes en place nécessitent d'avoir un compte bancaire auprès d'une autre institution financière.
(4) Gufungura no gufunga konti za banki muri Banki Nkuru y'u Rwanda byemezwa na serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta iyo bireba ishami ry'urwego rwa Leta. Icyifuzo cyo gufungura konti y'ishami ry'urwego rwa Leta muri Banki Nkuru y'u Rwanda gitangwa n'umuyobozi w'ishami kikemezwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta w'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage bireba.	(4) Opening and closing of bank accounts in the National Bank of Rwanda for a subsidiary entity require the approval of the National Treasury management function. Proposal for opening of subsidiary entity's account in the National Bank of Rwanda is submitted by the head of the subsidiary entity and endorsed by the Chief Budget Manager of the decentralised entity concerned.	(4) L'ouverture et la fermeture des comptes bancaires à la Banque Nationale du Rwanda pour une entité affiliée nécessitent l'approbation de la fonction de gestion du Trésor National. La proposition d'ouverture d'un compte d'une entité affiliée à la Banque Nationale du Rwanda est soumise par le responsable de l'entité affiliée et approuvée par le Gestionnaire principal du budget de l'entité décentralisée concernée.
(5) Iyo umuyobozi wa serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta amaze kwemeza ifungura rya konti y'ishami ry'urwego rwa Leta mu kigo cy'imari kitari Banki Nkuru y'u Rwanda, uburenganzira bwo gufungura iyo konti muri banki butangwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta w'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe	(5) Following the approval of the head of National Treasury management function for subsidiary entity to open a bank account in a financial institution other than the National Bank of Rwanda, the authorisation to open such bank account is provided by the Chief Budget Manager of the decentralised entity concerned.	(5) Suite à l'approbation par le responsable de la fonction de gestion du Trésor National pour l'ouverture d'un compte bancaire par l'entité affiliée auprès d'une institution financière autre que la Banque Nationale du Rwanda, l'autorisation d'ouvrir ce compte bancaire est fournie par le Gestionnaire principal du budget de l'entité décentralisée concernée.

abaturage bireba.		
<u>Ingingo ya 62</u>: Gucunga konti ya banki	**<u>Article 62</u>: Management of bank account**	**<u>Article 62</u> : Gestion d'un compte bancaire**
Gucunga konti muri banki z'inzego za Leta bikurikiza uburyo bukurikira:	The management of public entities' bank accounts is done in accordance with the following procedures:	La gestion des comptes bancaires des entités publiques est faite selon les procédures suivantes :
(a) konti zose muri banki zicungwa hakurikijwe amabwiriza arambuye ateganyijwe muri iri teka n'imirongo ngenderwaho itangwa na Minisiteri;	(a) all bank accounts are operated in accordance with detailed instructions and circulars provided for in this Order and guidelines disseminated by the Ministry;	(a) tous les comptes bancaires sont gérés conformément aux instructions et circulaires détaillées prévus dans le présent arrêté et aux lignes directrices émises par le Ministère;
(b) icyifuzo cyo gufungura konti nshya muri banki gitangwa mu nyandiko n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta cyangwa ukuriye Komite Nyobozi, akagishyikiriza serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta hamwe n'ibisobanuro by'impamvu konti nshya ikenewe;	(b) a proposal for opening a new bank account is submitted in writing by the Chief Budget Manager, or Chairperson of the Executive Committee to the National Treasury management function together with a justification for the need for a new account;	(b) une proposition pour l'ouverture d'un nouveau compte bancaire est adressée par écrit par le Gestionnaire principal du budget ou un responsable du Comité exécutif à la fonction de gestion du Trésor National, accompagnée d'une justification de la nécessité d'un nouveau compte;
(c) hakorwa igenzura rigamije kumenya niba urwego rwa Leta rufite konti muri banki ikwiye kandi imikoreshereze yayo ikaba ishobora gutanga ibisubizo ku bisabwa bishya byagaragajwe;	(c) validation check is made to determine whether the entity already holds the suitable bank account whose operation can address the proposed new requirements;	(c) un contrôle de validation est effectué pour déterminer si l'entité détient déjà un compte bancaire approprié dont le fonctionnement peut répondre aux nouvelles exigences proposées;
(d) iyo serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta yemeye ubusabe,	(d) if the National Treasury management function approves the request, a bank	(d) lorsque la fonction de gestion du Trésor National approuve la demande, un

konti ifungurwa muri banki, abashinzwe gushyira umukono kuri konti bagatangwa kugira ngo konti itangire gukoreshwa;	account is opened at the bank and account signatories are provided for the operation of the account;	compte bancaire est ouvert à la banque et les signataires au compte sont fournis pour le fonctionnement du compte;
(e) konti ishyirwa muri IFMIS;	(e) the account is configured in the IFMIS;	(e) le compte est configuré dans l'IFMIS;
(f) igikorwa gikorerwa kuri konti gikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka n'amabwiriza atangwa na Minisiteri;	(f) a transaction on the account is undertaken in accordance with provisions of this Order and instructions or circulars issued by the Ministry;	(f) la transaction sur le compte est effectuée conformément aux dispositions du présent arrêté et aux instructions ou circulaires émises par le Ministère;
(g) konti zose za banki zihuzwa byibuze buri kwezi kandi ikinyuranyo kigaragara hagati y'imibare iri muri IFMIS n'igaragazwa na konti za banki kigakemurwa vuba bishoboka;	(g) all bank accounts are reconciled at least on a monthly basis and an outstanding difference between the IFMIS cashbook and bank accounts is resolved as soon as possible;	(g) tous les comptes bancaires sont réconciliés au moins une fois par mois et la différence entre le livre de caisse de l'IFMIS et les comptes bancaires est résolue dans les plus brefs délais;
(h) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta atanga raporo yo guhuza imibare yo kuri konti ya buri kwezi igaragaza ibitarahujwe, ibyagarutse kuri konti, ibitaranyuze kuri konti cyangwa imibare itarahujwe hamwe n'ibyakozwe mu guhuza ibyo byose.	(h) the Chief Budget Manager provides monthly bank reconciliation statements reporting on outstanding items, returned, spoilt or unreconciled items together with actions taken to reconcile these items.	(h) le Gestionnaire principal du budget doit fournir le rapport mensuel de réconciliation bancaire faisant état des éléments en suspens, des éléments retournés, rejetés ou non réconciliés, ainsi que des mesures prises pour réconcilier ces éléments.
<u>Ingingo ya 63</u>: Abemerewe gushyira umukono kuri konti	**<u>Article 63</u>: Authorised account signatories**	**<u>Article 63</u>: Signataires autorisés sur un compte**
(1) Urwego rwa Leta rugira abantu batatu	(1) A public entity has three bank account	(1) Une entité publique doit disposer de

bemerewe gushyira umukono kuri konti kandi batandukanye mu nzego kugira ngo bifashe gukoresha konti mu buryo buhoraho mu gihe umwe cyangwa benshi mu basinya batabonetse, bitabangamiye ibijyanye n'igenzura ry'imbere ku birebana n'umutungo w'urwego.	authorised signatories in different positions to ensure continuous operation in the absence of one or more signatories, without compromise to the internal controls over the financial resources of the entity.	trois signataires autorisés sur les comptes bancaires travaillant à différents postes pour assurer un fonctionnement continu en l'absence d'un ou de plusieurs signataires, sans compromettre les contrôles internes sur les ressources financières de l'entité.
(2) Nta muntu wemerewe gushyira umukono kuri konti ya Leta atarabiherewe uburenganzira.	(2) No person may act as a signatory to a government bank account without an appointment to that effect.	(2) Personne ne peut agir en tant que signataire d'un compte bancaire de l'État sans avoir été nommé à cet effet.
(3) Gukoresha umukono koranabuhanga biremewe hubahirijwe amategeko abigenga.	(3) Use of digital signatures is allowed subject to compliance with relevant laws.	(3) L'utilisation de signatures électroniques est autorisée sous réserve du respect des lois en vigueur.
(4) Umuyobozi ushinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta agena abashyira umukono kuri konti mu butegetsi bwite bwa Leta, bisabwe n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta bireba.	(4) The head of National Treasury management function appoints account signatories in Central Government upon recommendation of the relevant Chief Budget Manager.	(4) Le responsable de la fonction de gestion du Trésor National nomme les signataires des comptes au sein de l'administration centrale sur recommandation du Gestionnaire principal du budget concerné.
(5) Ku byerekeye inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, Umunyamabanga Nshingwabikorwa, byemejwe na Komite Nyobozi, atanga abashyira umukono kuri konti kugira ngo Umuyobozi ushinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta abemeze.	(5) For decentralised entities, the Executive Secretary, with the approval of the Executive Committee, recommends account signatories for their appointment by the head of National Treasury management function.	(5) Pour les entités décentralisées, le Secrétaire Exécutif, sur approbation du Comité Exécutif, recommande les signataires des comptes pour leur nomination par le responsable de la fonction de gestion du Trésor National.
(6) Inyandiko itanga uburenganzira bwo	(6) A payment order or cheque is signed by	(6) L'ordre de paiement ou le chèque est

kwishyura cyangwa sheki bishyirwaho umukono nibura n'abantu babiri babyemerewe kandi sheki zose ntizigurishwa.	at least two authorised signatories and all cheques are non-negotiable.	signé par au moins deux signataires autorisés et tous les chèques sont non négociables.
Ingingo ya 64: Ibaruramari rikoreshwa ku mutungo w'imari	**Article 64: Accounting for financial assets**	**Article 64: Comptabilité applicable aux actifs financiers**
(1) Umutungo w'imari w'inzego za Leta ubarurwa hakurikijwe amahame y'ibaruramari yemewe mu rwego mpuzamahanga.	(1) Public entities financial assets are accounted in accordance with internationally accepted accounting standards.	(1) Les actifs financiers des entités publiques sont comptabilisés conformément aux normes comptables internationalement reconnues.
(2) Umubaruramari Mukuru atanga imirongo ngenderwaho irambuye ku byerekeye ibaruramari n'imitangire ya raporo ku mutungo w'imari mu gitabo ngengamikorere cy'ibaruramari.	(2) The Accountant General provides detailed guidance on accounting and reporting of financial assets in the accounting manual.	(2) Le Comptable général fournit des orientations détaillées sur la comptabilité et la déclaration des actifs financiers dans le manuel de comptabilité.
Ingingo ya 65: Serivisi ishinzwe imicungire y'umwenda	**Article 65: Debt management function**	**Article 65: Fonction de gestion de la dette**
(1) Hashyizweho muri Minisiteri serivisi ishinzwe imicungire y'umwenda wa Leta, uw'imbere mu Gihugu n'ukomoka hanze yacyo, ifite inshingano zikurikira:	(1) It is established in the Ministry a function for public debt management, domestic and external, whose the following responsibilities:	(1) Il est institué au sein du Ministère une fonction de gestion de la dette publique, intérieure et extérieure, dont les attributions suivantes:
(a) gutegura ingamba zo gucunga umwenda mu gihe gicirirtse na gahunda z'inguzanyo zifasha Leta kugurisha inyandiko mvunjwafaranga zerekeye umwenda	(a) to prepare a medium-term debt management strategy and borrowing plans to facilitate auction of public debt securities;	(a) préparer une stratégie de gestion de la dette à moyen terme et des plans d'emprunt pour faciliter les enchères de titres de la dette publique ;

wa Leta;		
(b) kugira uruhare mu biganiro hagati ya Leta n'abayiguriza no guha Minisitiri inama mu bya tekiniki ku birebana n'umwenda wa Leta;	(b) to participate in negotiation meetings with government creditors, and provide technical advice to the Minister regarding public debt;	(b) participer aux réunions de négociation avec les créanciers du gouvernement et fournir des conseils techniques au Ministre concernant la dette publique;
(c) gufasha mu kwishyuza ubwishyu bwose harimo inyungu n'andi mafaranga yatanzwe na Leta kubera kubahiriza ingwate zitishyuwe n'inguzanyo z'amafaranga yagujijwe;	(c) to facilitate the recovery of any payments including interest and other costs incurred by Government due to the honouring of outstanding guarantees and on-lending;	(c) faciliter le recouvrement de tout paiement, y compris les intérêts et autres coûts encourus par le Gouvernement en raison du respect des garanties impayées et de la rétrocession de prêt;
(d) gutegurira Minisitiri raporo za buri mezi atandatu na buri mwaka zerekeye inguzanyo zitishyuwe n'ingwate zatanzwe n'ubutegetsi bwite bwa Leta n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;	(d) to prepare semi-annual and annual reports on outstanding borrowings and guarantees by Central Government entities and decentralised entities, for the Minister;	(d) préparer des rapports semestriels et annuels sur les emprunts et garanties en cours des entités de l'administration centrale et des entités décentralisées, à l'intention du Ministre;
(e) gutegura raporo y'umwaka y'imikoreshereze y'imyenda kugira ngo yinjizwe muri raporo y'ibaruramari ihujwe;	(e) to prepare annual statements of debt operations for inclusion in consolidated financial statements;	(e) préparer des états annuels des opérations de dette à inclure dans les états financiers consolidés;
(f) kubika ku gihe, inyandiko zuzuye kandi z'ukuri z'umwenda wa Leta zirimo amakuru ajyanye n'umwenda remezo hamwe n'inyungu, ingwate	(f) to keep timely, comprehensive and accurate records of outstanding public debt including information about principal and interest,	(f) tenir en temps utile des registres complets et précis de la dette publique en cours, y compris les informations sur le principal et les

n'inguzanyo z'amafaranga yishingiwe, mu buryo bwabugenewe bwo kubika amakuru;	guarantees and on-lending in an appropriate database;	intérêts, les garanties et les rétrocessions, dans une base de données appropriée ;
(g) kugira inama Minisitiri ku byerekeye amafaranga yose azakenerwa mu kwishyura umwenda, n'aho ubushobozi bwa Leta bugarukira;	(g) to advise the Minister on all debt servicing obligations and limits of Government;	(g) conseiller le Ministre sur toutes les obligations et limites de service de la dette publique ;
(h) gutegura no gutangaza buri gihe amakuru yerekana imibare yerekeye umwenda ku buryo buhoraho;	(h) to prepare and publish debt statistical bulletins regularly;	(h) préparer et publier régulièrement des bulletins statistiques sur la dette ;
(i) gutegura icyegeranyo cyerekeye ibijyana no kwishyura umwenda wa Leta n'amafaranga ateganywa kwishyurwa ku mwenda mu gutegura ingengo y'imari y'umwaka;	(i) to prepare forecasts on Government debt servicing and disbursements as part of the yearly budget preparation;	(i) préparer des prévisions sur le service de la dette publique et les décaissements dans le cadre de l'élaboration du budget annuel ;
(j) gutegura amakuru arebana n'umwenda nk'uko bisabwa ku mpamvu zo gutanga raporo igenerwa imiryango mpuzamahanga;	(j) to prepare debt data as required for reporting purposes to international organisations;	(j) préparer les données sur la dette nécessaires à l'élaboration de rapports aux organisations internationales ;
(k) kwandika uko amafaranga atangwa mu yagujijwe na Leta;	(k) to record the disbursements of loans raised by Government;	(k) enregistrer les décaissements des prêts contractés par le Gouvernement ;
(l) gutegura ihindurwa ry'imyenda ya ngombwa mu nyandiko mvujwafaranga igihe cyose bigaragara ko ari byo byihuse mu	(l) to prepare necessary securitisation whenever it is considered expedient within borrowing limits for outstanding arrears or any other	(l) préparer la titrisation nécessaire chaque fois que cela est jugé opportun dans les limites d'emprunt pour les arriérés

bushobozi bujyana n'inguzanyo kugira ngo hishyurwe ibirarane cyangwa indi myenda yose izishyurwa muri ubwo buryo;	liability that shall be settled by securitisation;	impayés ou l'autre passif qui sera réglé par titrisation ;
(m) gukora indi mirimo ifitanye isano no gucunga umwenda yagenwa na Minisiteri.	(m) to perform any other functions relating to debt management as may be determined by the Ministry.	(m) exercer une autre fonction relative à la gestion de la dette que le Ministère peut déterminer.
(2) Umukozi mukuru ushinzwe imicungire y'imyenda ni na we ushinzwe abakozi n'ingengo y'imari igenerwa uwo murimo.	(2) The senior official in charge of the debt management function is also responsible for the staff and budget allocated to the function.	(2) Le haut fonctionnaire chargé de la fonction de gestion de la dette est aussi responsable du personnel et du budget attribué à cette fonction.
Ingingo ya 66: Komite ishinzwe gucunga umwenda	**Article 66: Debt Management Committee**	**Article 66: Comité de gestion de la dette**
(1) Hashyizweho Komite ishinzwe gucunga umwenda muri Minisiteri.	(1) The Debt Management Committee is hereby established in the Ministry.	(1) Il est institué un Comité de gestion de la dette dans le Ministère.
(2) Komite ishinzwe gucunga umwenda igizwe n'aba bakurikira:	(2) The Debt Management Committee is composed of the following members:	(2) Le Comité de gestion de la dette est composé des membres suivants:
(a) Umuyobozi ushinzwe ubukungu muri Minisiteri, Perezida;	(a) Chief Economist in the Ministry, Chairperson;	(a) l'Économiste en Chef au sein du Ministère, Président;
(b) Umuyobozi wa serivisi ishinzwe imicungire y'umwenda muri Minisiteri;	(b) Head of debt management function in the Ministry;	(b) le responsable de la fonction de gestion de la dette au sein du Ministère;
(c) Umuyobozi wa serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta muri	(c) Head of National Treasury management function in the	(c) le responsable de la fonction de gestion du Trésor National au sein

Minisiteri;	Ministry;	du Ministère;
(d) Umuyobozi ushinzwe igenamigambi, ubushakashatsi n'iterambere ry'Igihugu muri Minisiteri;	(d) Head of National Development planning and research in the Ministry;	(d) le responsable de la planification du développement national et de la recherche au sein du Ministère ;
(e) Umuyobozi ushinzwe ingengo y'imari y'Igihugu muri Minisiteri;	(e) Head of National Budget in the Ministry;	(e) le responsable du budget national au sein du Ministère ;
(f) Umuyobozi ushinzwe politiki y'ubukungu bw'Igihugu muri Minisiteri;	(f) Head of Macroeconomic policy in the Ministry;	(f) le responsable des politiques macro-économiques au sein du Ministère ;
(g) Umuyobozi ushinzwe imari y'iterambere muri Minisiteri;	(g) Head of development finance in the Ministry;	(g) le responsable des finances au développement au sein du Ministère ;
(h) Umuyobozi ushinzwe Isoko ry'Imari muri Banki Nkuru y'Igihugu, Visi Perezida;	(h) Director of Financial Markets in the National Bank of Rwanda, Vice-Chairperson;	(h) Directeur des Marchés Financiers à la Banque Nationale du Rwanda, Vice-Président ;
(i) undi muntu ukwiye wagenwa na Minisitiri.	(i) any other suitable person as the Minister may consider.	(i) l'autre personne compétente que le Ministre pourrait considérer.
(3) Komite ishinzwe gucunga umwenda isuzuma ibibazo byose bijyanye n'imirimo yo gucunga umwenda kandi ikabitangaho inama.	(3) The debt management committee examines and provides advice on all issues pertaining to the debt management functions.	(3) Le comité de gestion de la dette examine et donne des conseils sur toutes les questions relatives aux fonctions de gestion de la dette.
(4) Komite ishinzwe gucunga umwenda iterana buri gihembwe kuri gahunda yihariye yamenyeshejwe mbere	(4) The Debt Management Committee meets quarterly on a specific agenda notified in advance to its members.	(4) Le Comité de gestion de la dette se réunit trimestriellement sur un ordre du jour précis notifié au préalable à ses

abanyamuryango bayo.		membres.
(5) Umuyobozi wa serivisi ishinzwe imicungire y'umwenda ategura kandi agakora imirimo y'ubunyamabanga bwa Komite ishinzwe gucunga umwenda.	(5) The head of Debt management function prepares and assumes secretary works of the Debt Management Committee.	(5) Le responsable de la fonction de gestion de la dette prépare et assume les travaux de secrétariat du Comité de gestion de la dette.
Ingingo ya 67: Inguzanyo z'inzego za Leta	**Article 67: Borrowing of public entities**	**Article 67: Emprunts des entités publiques**
(1) Urwego rwa Leta, bibanje kwemezwa n'urwego rwarwo rufata ibyemezo na Minisitiri, rushobora gusaba inguzanyo y'amafaranga, gutanga ingurane cyangwa ingwate, cyangwa gukora andi masezerano atuma rwiyemeza cyangwa rushobora kwiyemeza inshingano yo kwishyura amafaranga mu gihe kizaza.	(1) A public entity may, with the approval of its governing body and the Minister, borrow money, issue indemnity or security, or enter into any other transaction that binds or may bind that public entity to any future financial commitment.	(1) Une entité publique peut, sur approbation de son organe de décision et du Ministre, emprunter de l'argent, donner une indemnité ou une garantie, ou conclure une autre transaction qui lie ou peut lier cette entité publique pour tout engagement financier futur.
(2) Ubusabe bw'uruhushya rwo kuguza bwohererezwa Minisitiri buherekezwa n'inyandiko zikurikira:	(2) The borrowing authorization request to be submitted to Minister is accompanied by the following documents:	(2) La demande d'autorisation d'emprunt à présenter au Ministre est accompagnée par les documents suivants:
(a) inyandiko y'umushinga w'inguzanyo w'igihe cy'imyaka itatu ibarwa uhereye ku mwaka wa mbere w'ingengo y'imari ya gahunda y'imirimo rusange y'urwego rwa Leta;	(a) a three-year borrowing proposal beginning with the first financial year of the corporate plan of the public entity;	(a) une proposition d'emprunt de trois ans à compter du premier exercice budgétaire du plan d'entreprise de l'entité publique ;
(b) gahunda y'imirimo rusange y'urwego rwa Leta;	(b) the corporate plan of the public entity;	(b) le plan d'entreprise de l'entité publique;

(c) raporo eshatu ziheruka za buri gihembwe zerekeye inguzanyo zigaragaza inguzanyo nyayo yatswe mu gihembwe cya nyuma, hamwe n'amafaranga yose asigaye ku nguzanyo urwego rwasabye kugeza ku munsi w'ubusabe;	(c) the three last quarterly reports on borrowings reflecting actual borrowing for the current quarter and cumulative balance to date;	(c) les trois derniers rapports trimestriels sur les emprunts reflétant l'emprunt réel pour ce trimestre et le solde cumulé au jour de la demande;
(d) ingengabihe yo kwishyura inguzanyo;	(d) the schedule of repayments of borrowings;	(d) l'échéancier des remboursements des emprunts;
(e) kopi y'icyemezo cy'urwego rufata ibyemezo iriho umukono wa Noteri;	(e) a certified copy of the governing body resolution;	(e) une copie certifiée conforme de la résolution de l'organe de décision;
(f) raporo z'ibaruramari zagenzuwe z'imyaka itatu iheruka.	(f) audited financial statements of three previous years.	(f) les états financiers audités des trois années précédentes.
Ingingo ya 68: Inguzanyo z'inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta	**Article 68: Borrowing by Central Government entities**	**Article 68: Emprunts des entités de l'administration centrale**
(1) Inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta ntizemerewe kuguza, keretse zibiherewe uruhushya na Minisitiri.	(1) Central Government entities are not authorised to borrow, unless permitted by the Minister.	(1) Les entités de l'administration centrale ne sont pas autorisées à emprunter, sauf sur autorisation du Ministre.
(2) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta agenzura ko nta mukozi wa Leta uguza amafaranga mu izina ry'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa ngo atange ubwishingire, ingwate cyangwa indishyi bidatangiwe uruhushya.	(2) The Chief Budget Manager of a Central Government entity ensures that no public official borrows money on behalf of the Central Government entity or issues an unauthorised guarantee, security or indemnity.	(2) Le Gestionnaire principal du budget d'une entité de l'administration centrale veille à ce qu'aucun agent de l'État n'emprunte d'argent au nom de l'entité de l'administration centrale ou ni n'émette de garantie, de sûreté, ou d'indemnité non autorisée.

(3) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta atanga raporo ku myenda yose izwi no ku byemezo byo kwishyura byafashwe n'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta muri raporo y'ibaruramari yarwo, raporo z'imikoreshereze y'ingengo y'imari na raporo y'umwaka.	(3) The Chief Budget Manager reports all known contingent liabilities, and approved commitments of the Central Government entity in its financial statements, budget execution reports and in its annual report.	(3) Le Gestionnaire principal du budget rend compte de tous les passifs éventuels connus et des engagements approuvés de l'entité de l'administration centrale dans ses états financiers, ses rapports sur l'exécution du budget et dans son rapport annuel.
<u>Ingingo ya 69</u>: Inguzanyo z'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage	**<u>Article 69</u>: Borrowing by a decentralised entity**	**<u>Article 69</u>: Emprunts des entités décentralisées**
(1) Ubusabe bushyikirizwa Minisitiri bugamije ko yemerera urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage gusaba inguzanyo bushingira ku cyemezo cya gahunda y'imyenda cyafashwe n'Inama Njyanama.	(1) The request to the Minister seeking approval of a loan is based on the resolution for a debt program voted by the Council.	(1) La demande adressée au Ministre visant à obtenir l'approbation d'un emprunt est basée sur la résolution d'un programme de dette votée par le conseil.
(2) Perezida w'Inama Njyanama ashyira kuri gahunda y'inama umwanzuro wa gahunda y'imyenda y'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage nka kimwe mu bigize gahunda rusange y'iterambere yarwo. Icyemezo cy'Inama Njyanama cyo kwemeza gahunda y'imyenda giherekezwa n'inyandiko zikurikira:	(2) The Chairperson of the Council tables a resolution for a debt program of a decentralised entity as part of an integrated development plan. A Council resolution for the adoption of a debt program is supported by the following documents:	(2) Le Président du Conseil présente une résolution relative au programme de dette d'une entité décentralisée dans le cadre de son plan de développement intégré. La résolution du Conseil portant adoption d'un programme de dette est appuyée par les documents suivants:
(a) gahunda y'iterambere ry'igihe gicirirtse ikubiyemo imishinga	(a) medium-term development plan containing decentralised entity's	(a) un plan de développement à moyen terme contenant les projets

y'ishoramari y'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage ku nzego zinyuranye z'imitangire ya serivisi;	capital projects for service delivery areas;	d'investissement de l'entité décentralisée pour les domaines de prestation de services ;
(b) ibisobanuro byuzuye by'imishinga y'ishoramari igomba guterwa inkunga n'umwenda;	(b) a full description of the capital projects to be funded by debt;	(b) une description complète des projets d'investissement qui seront financés par la dette ;
(c) ibisobanuro ku bijyanye n'imari yagenewe iyo mishinga y'ishoramari;	(c) a description of financial parameters of the capital projects;	(c) une description des paramètres financiers des projets d'investissement;
(d) raporo y'ibaruramari y'imyaka itatu yabanje yakorewe ubugenzuzi.	(d) audited financial statements for the preceding three years.	(d) les états financiers audités des trois années précédentes.
(3) Imirongo ngenderwaho itangwa na Minisitiri igena inyandiko z'inyongera n'ibisobanuro birambuye byerekeye inguzanyo z'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage.	(3) Ministerial guidelines determine additional documents and details related to borrowing by decentralised entities.	(3) Les lignes directrices ministérielles déterminent les documents et détails supplémentaires relatifs aux emprunts des entités décentralisées.
(4) Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zishyikiriza Minisiteri raporo ya buri gihembwe y'aho kwishyura umwenda bigeze. Zigomba gutanga umushinga w'ivugurura ry'umwenda zateguye kugira ngo Minisitiri awemeze.	(4) Decentralised entities submit quarterly report on the debt repayment status to the Ministry. They must submit proposed debt restructuring for the approval of the Minister.	(4) Les entités décentralisées soumettent au Ministère un rapport trimestriel sur l'état de remboursement de la dette. Ils doivent soumettre un projet de restructuration de la dette à l'approbation du Ministre.

Ingingo ya 70: Ubwishingire bwa Leta	**Article 70: Government guarantees**	**Article 70: Garanties de l'État**
(1) Minisitiri ashobora kwemeza ubusabe bw'inzego za Leta bw'ubwishingire bw'imyenda butangwa na Leta.	(1) The Minister may approve public entities' requests for State guarantees for loans.	(1) Le Ministre peut approuver les demandes de garanties de l'État pour les prêts des entités publiques.
(2) Ubusabe bw'ubwishingire ku nguzanyo bwohererejwe Minisitiri buherekezwa n'ibi bikurikira:	(2) A request for loan guarantee sent to the Minister is accompanied by the following:	(2) La demande de garantie adressée au Ministre est accompagnée de ce qui suit:
(a) inyandiko igaragaza ko ishoramari, gahunda cyangwa umushinga uterwa inkunga n'inguzanyo bigamije inyungu rusange, nk'uko bisobanuwe muri politiki y'Igihugu y'ishoramari, mu itegeko rigenga ishoramari cyangwa mu mirongo ngenderwaho yashyizweho na Minisiteri;	(a) a justification note of the public interest character of the investment, program or project funded by the loan, such as defined by the national investment policy, investment code or guidelines issued by the Ministry;	(a) une note justificative du caractère d'intérêt public de l'investissement, du programme ou du projet financé par le prêt, tel que défini par la politique nationale d'investissement, le code des investissements ou les lignes directrices émises par le Ministère;
(b) inyandiko igaragaza isuzuma ryakozwe ku miterere y'imari y'urwego rukeneye ubwishingire, by'umwihariko ubushobozi bwarwo bwo kwishyura, hakubiyemo ingorane zishobora kubaho mu myishyurire.	(b) an assessment note on the financial situation of the guarantee beneficiary, especially its repayment capacity, including possible default risk.	(b) une note d'évaluation de la situation financière du bénéficiaire de la garantie, notamment sa capacité de remboursement, y compris un éventuel risque de non remboursement.
(3) Icyemezo cya Minisitiri cyita ku ngaruka zishobora guterwa n'ubwishingire busabwa ku myenda rusange ya Leta mu buryo burambye.	(3) The Minister's decision takes into account the possible impact of the requested guarantee on the overall public debt sustainability.	(3) La décision du Ministre tient compte de l'impact possible de la garantie demandée sur la viabilité globale de la dette publique.

(4) Ubwishingire ku nguzanyo zitangwa n'abandi bantu ku masosiyeti y'ubucuruzi ya Leta na bwo butangwa na Minisitiri hakurikijwe uburyo, ibisabwa n'ibigenderwaho bivugwa mu gika cya (2) n'icya (3).	(4) Guarantees for loans made by third parties to State-owned companies are also granted by the Minister upon similar procedure, conditions and criteria referred to in Paragraphs (2) and (3).	(4) Les garanties pour les prêts accordés par des tiers à des sociétés commerciales de l'État sont également accordées par le Ministre selon les mêmes procédures, conditions et critères visés aux paragraphes (2) et (3).
<u>Ingingo ya 71</u>: Uburyo inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zitanga ingwate ku nguzanyo	**<u>Article 71</u>: Pledging of securities by decentralised entities**	**<u>Article 71</u>: Nantissement de titres par des entités décentralisées**
(1) Bitabangamiye ibiteganyijwe mu ngingo ya 67 yerekeye inguzanyo z'inzego za Leta, urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage rushobora gutangaho ingwate inyandiko z'agaciro kugira ngo rushaka amafaranga y'inguzanyo agenewe imishinga y'iterambere.	(1) Without prejudice to provisions of Article 67 related to borrowing of public entities, a decentralised entity may pledge securities for the purpose of raising loan capital for development projects.	(1) Sans préjudice aux dispositions de l'article 67 relatif aux emprunts des entités publiques, une entité décentralisée peut donner en garantie des titres afin de mobiliser des capitaux d'emprunt pour les projets de développement.
(2) Urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage rutanga inyandiko z'agaciro ho ingwate ku nguzanyo, rwita kuri ibi bikurikira:	(2) A decentralised entity that pledges securities for loans, considers the following:	(2) Une entité décentralisée qui constitue des garanties pour des emprunts, tient compte de ce qui suit:
(a) umutungo utimukanwa w'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage;	(a) immovable property owned by the decentralised entity;	(a) les biens immobiliers appartenant à l'entité décentralisée;
(b) umutungo w'imari;	(b) financial assets; and	(d) les actifs financiers; et

(c) umugabane w'amafaranga urwego rwinjiza, hatabariwemo inkunga zose ruhabwa n'ubutegetsi bwite bwa Leta.	(c) the share of own revenues, excluding block and conditional grants from the Central Government.	(e) la part des recettes propres, à l'exclusion des subventions globales et conditionnelles de l'administration centrale.
(3) Minisiteri ishobora gutanga imirongo ngenderwaho isobanura inzira n'uburyo inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zikurikiza mu gutanga ingwate z'inyandiko z'agaciro.	(3) The Ministry may issue guidelines defining the procedures and conditions for pledging securities by decentralised entities.	(3) Le Ministère peut émettre des lignes directrices définissant les modalités et conditions de nantissement des titres par les entités décentralisées.
Ingingo ya 72: Imyenda urwego rwa Leta rubereyemo abandi n'ibirarane	**Article 72: Accounts payable and arrears of a public entity**	**Article 72: Comptes créditeurs et arriérés de dettes d'une entité publique**
(1) Imyenda urwego rwa Leta rubereyemo abandi ni imyenda yose y'igihe gito rugomba abandi nyuma yo kwemeza itangwa ry'ibintu cyangwa serivisi rwumvikanyeho na bo, kwakira no kugenzura inyemezabuguzi iboneye ijyanye na byo.	(1) Accounts payable of a public entity are the total short-term obligations of a public entity to its creditors following confirmation of the supply of the agreed goods or services and the receipt and verification of a correct supplier invoice.	(1) Les comptes créditeurs sont des dettes totales à court terme d'une entité publique envers ses créanciers après confirmation de la fourniture de biens ou services convenus et après réception et vérification d'une facture correcte du fournisseur.
(2) Iyo igihe cyo kwishyura uberewemo umwenda n'urwego kirenze urwego rutishyuye, cyangwa ikindi gihe cyumvikanyweho, amafaranga agomba kwishyurwa abarurwa nk'atarishyuwe.	(2) Once the period allowed for payment of creditors elapses without payment, or otherwise after the agreed period, the accounts payable are designated as outstanding.	(2) Lorsque le délai de paiement d'un créancier s'écoule sans paiement, ou autrement après le délai convenu, les comptes créditeurs sont tenus pour impayés.
(3) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ashinzwe gucunga imyenda urwego rubereyemo abandi no kugenzura ko ibisabwa byose	(3) The Chief Budget Manager is responsible for the management of accounts payable and for ensuring that all conditions for payment, including	(3) Le Gestionnaire principal du budget est responsable de la gestion des comptes créditeurs et doit s'assurer que toutes les conditions de paiement, y compris

kugira ngo umwenda wishyurwe, harimo ibijyanye no kwishyura ubwabyo, nk'uko biteganywa muri iri teka, byujujwe.	those related to payment, as outlined in this Order, are met.	celles liées au paiement, telles que prévues dans le présent arrêté, sont respectées.
(4) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ashinzwe by'umwihariko –	(4) The Chief Budget Manager is specifically responsible for –	(4) Le Gestionnaire principal du Budget est particulièrement chargé –
(a) gukurikirana, gusuzuma no gushyira mu byiciro buri kwezi imyenda urwego rubereyemo abandi kimwe no gukurikirana imyenda itarishyurwa kandi itaratangira gukorerwa ibisabwa kugira ngo yishyurwe;	(a) monitoring, reviewing and categorizing accounts payable on a monthly basis and making a follow-up on any outstanding accounts payable that have not been processed for payment; and	(a) de faire le suivi, d'examiner et de catégoriser mensuellement les comptes créditeurs et assurer le suivi de tous les comptes créditeurs impayés qui n'ont pas été traités; et
(b) no kugaragaza muri raporo ye y'imari ya buri kwezi uko imyenda urwego rubereyemo abandi ihagaze, asobanura ku buryo burambuye ingamba zafashwe mu rwego rwo koroshya ibikorwa bijyanye no kwishyura imyenda urwego rubereyemo abandi.	(b) producing a report on the accounts payable status as part of their monthly financial report detailing the actions taken to facilitate processing of outstanding accounts payable for payment.	(b) de produire un rapport sur l'état des comptes créditeurs dans le cadre de son rapport financier mensuel détaillant les mesures prises pour faciliter le traitement des comptes créditeurs impayés en vue du paiement.
(5) Ishyirwa mu byiciro rivugwa mu gika cya (4)(a) rikorwa kandi rikavugururwa buri kwezi hashingiwe ku byiciro bine bikurikira:	(5) The categorisation referred to in Paragraph (4)(a) is made and updated on a monthly basis in the following four categories:	(5) La catégorisation visée au paragraphe (4)(a) est effectuée et mise à jour mensuellement sur la base des quatre catégories suivantes:
(a) munsi y'iminsi 45;	(a) less than 45 days;	(a) moins de 45 jours;

(b) hagati y'iminsi 45 na 90;	(b) between 45 and 90 days;	(b) entre 45 et 90 jours;
(c) hagati y'iminsi 90 na 180;	(c) between 90 and 180 days; and	(c) entre 90 et 180 jours; et
(d) no mu minsi irenga 180.	(d) over 180 days.	(d) plus de 180 jours.
(6) Imyenda urwego rubereyemo abandi itarishyuwe nyuma y'igihe cy'iminsi 90 ishyirwa mu birarane. Ibi birarane bikomeza gushyirwa mu byiciro bigari by'amafaranga akoreshwa nk'ibigenerwa abakozi, ibigenerwa abari mu kiruhuko cy'izabukuru, imyenda yo mu rwego rw'ubucuruzi, imisanzu y'imiryango mpuzamahanga, inkunga n'impano.	(6) Accounts payable outstanding for payment by more than 90 days are formally classified as arrears. These arrears are further classified by major category of expense such as employee benefits, pensions, trade payables, international contributions, subsidies and grants.	(6) Les comptes créditeurs impayés depuis plus de 90 jours sont formellement classés comme arriérés. Ces arriérés sont en outre classés par grandes catégories de dépenses telles que les avantages sociaux, les pensions, les dettes commerciales, les contributions internationales, les subventions et les dons.
(7) Urwego rwa Leta rwihutira kwishyura ibirarane cyangwa imyenda rubereyemo abandi itarishyuwe mbere y'imyenda mishya.	(7) A public entity prioritizes clearance of any stock of arrears or accounts payable outstanding over current payments.	(7) Une entité publique donne la priorité à l'apurement de tout stock d'arriérés ou de comptes créditeurs impayés par rapport aux paiements courants.
(8) Iyo ibirarane byatewe n'uko Ikigega cya Leta kitashoboye kwishyura mu gihe cyagenwe nyuma yo kwakira amabwiriza yemewe yo kwishyura yatanzwe n'urwego rwa Leta kandi ntibyishyurwe kugeza mu mpera z'umwaka, Minisiteri ifata inshingano yo kwishyura ibyo birarane.	(8) If any arrears are generated by failure of the National Treasury to make payment within the required time frame following a receipt of a valid payment instruction issued by a public entity and remained unpaid at the end of the year, the Ministry takes over responsibility for the clearance of the arrears.	(8) Lorsque les arriérés sont générés par le défaut du Trésor National d'effectuer un paiement dans le délai requis suite à la réception d'une instruction de paiement valide donnée par une entité publique et restent impayés à la fin de l'année, le Ministère assume la responsabilité de l'apurement des arriérés.

UMUTWE WA VII: IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA LETA	**CHAPTER VII: PUBLIC PROPERTY MANAGEMENT**	**CHAPITRE VII: GESTION DES BIENS PUBLICS**
Ingingo ya 73: Inshingano rusange ku micungire y'umutungo wa Leta .	**Article 73: Overall responsibility for public property management**	**Article 73: Responsabilité globale pour la gestion des biens publics**
(1) Muri iri teka, umutungo utari uw'imari ugizwe n'umutungo ufatika n'udafatika uramba n'ibiri mu bubiko.	(1) For the purposes of this Order, the non-financial assets comprise both tangible and intangible non-current assets and inventories.	(1) Dans le cadre du présent arrêté, les actifs non financiers comprennent les actifs corporels et incorporels non courants et les stocks.
(2) Umubaruramari Mukuru, amaze kugisha inama izindi nzego za Leta zishinzwe ibijyanye n'imicungire y'umutungo wa Leta, ashyiraho politiki, imirongo ngenderwaho, ibikurikizwa n'uburyo bikoreshwa hagamijwe kugenzura ko umutungo wa Leta, harimo n'umutungo uri mu bubiko, ubitswe mu mutekano, wabaruwe wose neza kandi ukandikwa hagamijwe igenamigambi, gutegura ingengo y'imari, imicungire myiza y'umutungo, ubugenzuzi bw'imari, gukorera mu mucyo no gutanga raporo.	(2) The Accountant General in consultation with other public entities responsible for various aspects of public property management, develops the framework of policies, guidelines, procedures and systems, to ensure that public property, including inventories, is safeguarded, fully and efficiently identified and recorded for planning, budgeting, resource management, financial control, financial transparency and reporting purposes.	(2) Le Comptable général, en consultation avec d'autres entités publiques responsables des aspects de la gestion des biens publics, élabore le cadre de politiques, procédures et systèmes, pour garantir que les biens publics, y compris les inventaires, sont sauvegardés, pleinement et efficacement identifiés et enregistrés à des fins de planification, de budgétisation, de gestion des ressources, de contrôle financier, de transparence financière et d'élaboration de rapports.
(3) Umubaruramari Mukuru, abinyujije kuri Minisitiri, amenyesha Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta bose politiki z'imicungire y'umutungo uramba n'uri	(3) The Accountant General through the Minister disseminates to all Chief Budget Managers non-current assets and inventory management policies, classification and implementation	(3) Le Comptable général, par l'intermédiaire du Ministre, diffuse à tous les Gestionnaires principaux du budget les politiques de gestion des actifs non courants et des stocks, les

mu bubiko, imirongo ngenderwaho ku bijyanye no gushyira mu byiciro umutungo wa Leta no kubishyira mu bikorwa. Akurikirana kandi akagenzura ishyirwa mu bikorwa ry'izo politiki n'imirongo ngenderwaho kandi agatanga inkunga mu bya tekiniki zo kubishyira mu bikorwa, iyo bibaye ngombwa.	guidelines. They monitor and oversee the implementation of these policies and guidelines and where necessary provide technical support for their implementation.	directives de classification et de mise en œuvre. Il fait le suivi et supervise la mise en œuvre de ces politiques et directives et, si nécessaire, fournit un soutien technique pour leur mise en œuvre.
Ingingo ya 74: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta mu micungire y'umutungo uramba	**Article 74: Responsibilities of the Chief Budget Manager in non-current asset management**	**Article 74 : Attributions du Gestionnaire principal du budget en matière de gestion des actifs non courants**
(1) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta afite inshingano isesuye yo gushyira mu bikorwa uburyo bwo gucunga umutungo uramba, nk'uko bwemejwe na Minisitiri ashingiye ku nama yatanzwe n'Umubaruramari Mukuru.	(1) The Chief Budget Manager has full responsibility for the implementation of the non-current asset management framework, as approved by the Minister upon the recommendation of the Accountant General.	(1) Le Gestionnaire principal du budget a l'entière responsabilité de la mise en œuvre du cadre de gestion des actifs non courants tel qu'approuvé par le Ministre sur recommandation du Comptable général.
(2) By'umwihariko ku birebana n'imicungire y'umutungo wa Leta uramba, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta afite inshingano zikurikira:	(2) Particularly, for non-current asset management, the Chief Budget Manager has the following responsibilities:	(2) Particulièrement en matière de gestion des actifs non courants, le Gestionnaire principal du budget a les attributions suivantes:
(a) gufasha mu mitegurire ya gahunda za buri mwaka zijyanye n'imicungire y'umutungo uramba, hakurikijwe intego z'imicungire y'igihe kirambye ziriho;	(a) to facilitate the development of plans for non-current assets management in accordance with strategic management objectives;	(a) faciliter l'élaboration des plans annuels de gestion des actifs non courants conformément aux objectifs de gestion stratégique;

(b) gufasha mu ngamba zo gucunga umutungo uramba hakurikijwe gahunda y'iterambere ry'Akarere, ku bijyanye n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;	(b) to facilitate the non-current assets management strategy in accordance with the District Development Plan, in the case of decentralised entities;	(b) faciliter la stratégie de gestion des actifs non courants conformément au plan de développement du District, dans le cas des entités décentralisées ;
(c) kugenzura ko ibigize umutungo wa Leta byose n'amasezerano birebana byandikwa neza mu gitabo cy'umutungo uramba kiri muri PFMIS. Mu bigize umutungo wa Leta harimo ibisobanuro byerekeye ubugure, iyongeragaciro, ubwicungure, ihererekanya ry'umutungo, ivanga ry'imitungo, kwivanga k'umutungo, kwikuraho umutungo, gutakaza agaciro no gutakaza umutungo wa Leta;	(c) to ensure that all items of public property and transactions related to public property are properly recorded in the non-current asset register provided in the PFMIS. The items include transaction details in respect of acquisition, revaluations, depreciation, transfers, mergers, disposal, impairment and loss of public property;	(c) veiller à ce que tous les éléments des biens publics et les transactions relatifs à ces biens soient correctement enregistrés dans le registre des actifs non courants tenu dans le PFMIS. Ces éléments comprennent les détails des transactions relatives aux acquisitions, aux réévaluations, aux amortissements, aux transferts, aux fusions, aux cessions, aux dépréciations et aux pertes des biens publics;
(d) gutanga inshingano yo kubika buri mutungo uramba ku mukozi ushinzwe by'ibanze imikoreshereze yawo no kugenzura ko hari inyandiko ihurizwamo amazina y'abafite iyo mitungo n'aho umutungo uramba bakoresha uherereye mu buryo koranabuhanga bukoreshwa mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta;	(d) to assign custodial responsibility for each non-current asset to the officer primarily responsible for its use and ensure that there is a central record of the names of the custodians and the locations of the non-current assets assigned to them in the financial management system in use;	(d) attribuer la responsabilité de garde de chaque actif non courant au fonctionnaire primordialement responsable de son utilisation et veiller à ce qu'il ait un registre central des noms des dépositaires et de l'emplacement des actifs non courants qui leur sont attribués dans le système de gestion financière en usage;

(e) gukurikirana ko hakorwa nibura buri mwaka igenzura ngarukagihe ry'umutungo uramba aho uri harebwa niba uhuye n'uwanditswe mu bitabo by'imicungire y'imari n'umutungo bya Leta kandi ko iryo genzura rishyirwa muri raporo y'ibaruramari y'urwego rwa Leta;	(e) to ensure that a periodic physical verification of non-current assets against the associated registers in the financial management system is at least annually done and is included in the public entity financial statements;	(e) s'assurer qu'une vérification physique périodique des actifs non courants par rapport aux registres associés dans la gestion financière est effectuée au moins une fois par an et est incluse dans les états financiers de l'entité publique;
(f) kugenzura ko imitungo iramba ibungabungwa neza binyuze mu guteganya mu ngengo y'imari ya buri mwaka amafaranga yose agenewe kubungabunga no gukoresha umutungo wa Leta;	(f) to ensure that an adequate maintenance of the non-current assets is provided for by including in annual budget submissions all estimated maintenance and running costs of such public property;	(f) veiller à ce qu'un entretien approprié des actifs non courants soit assuré en incluant dans les propositions budgétaires annuelles tous les coûts estimés d'entretien et d'exploitation de ces biens publics;
(g) kugenzura ko amakuru n'inyandiko ku bikorwa byose bijyanye n'umutungo uramba bibitswe mu buryo buteganywa n'amategeko abigenga;	(g) to ensure that information and records on all non-current assets transactions are retained in accordance with relevant laws;	(g) veiller à ce que les informations et les dossiers sur toutes les transactions des actifs non courants soient conservés conformément à la législation en la matière;
(h) kugenzura ko amategeko n'amabwiriza byubahirizwa mu bijyanye no kugura, gucunga no kwikuraho umutungo uramba;	(h) to ensure that legal and regulatory frameworks regarding acquisition, management and disposal of non-current assets are complied with;	(h) veiller au respect des cadres juridiques et réglementaires concernant l'acquisition, la gestion et la cession d'actifs non courants;
(i) kugenzura ko umutungo uramba ashinzwe urinzwe neza ubujura, isesagura, imikoreshereze mibi cyangwa ikindi gihombo.	(i) to ensure that non-current assets under their control is properly safeguarded against theft, wastage, misuse or any other loss.	(i) veiller à ce que les actifs non courants sous son contrôle soient correctement protégés contre le vol, le gaspillage, l'abus ou l'autre

		perte.
<u>Ingingo ya 75</u>: Gushyira mu byiciro umutungo uramba	**<u>Article 75</u>: Classification of non-current assets**	**<u>Article 75</u>: Classement des actifs non courants**
(1) Inyandiko igaragaza imitungo iramba itangazwa na Minisiteri ishyira hamwe imitungo iramba ihuje ubwoko n'imikoreshereze mu byiciro by'umutungo wa Leta kugira ngo byorohereze ubusesenguzi n'imitangire ya raporo.	(1) The non-current assets framework issued by the Ministry classifies non-current assets of similar nature and uses into categories of public property to facilitate analysis and reporting.	(1) Le document cadre des actifs non courants publié par le Ministère classe les actifs non courants de nature et d'utilisation similaires en catégories de biens publics pour faciliter l'analyse et l'élaboration de rapports.
(2) Hatitawe ku bipimo ngenderwaho bikurikizwa, umutungo uramba wa Leta ushyirwa mu byiciro bikurikira hakurikijwe uburyo bukoreshwa ku rwego mpuzamahanga:	(2) Notwithstanding the applicable standards, Government non-current assets are categorized into the following classes consistent with the applicable international frameworks:	(2) Nonobstant les normes applicables, les actifs non courants de l'État sont classés dans les catégories suivantes, conformément aux cadres internationaux applicables:
(a) ubutaka;	(a) land;	(a) les terres;
(b) inyubako yuzuye, inyubako ikizamurwa n'imirimo y'ahubakirwa;	(b) building, structural and site works;	(b) les bâtiments, les travaux de structure et les travaux de chantier;
(c) umutungo ukiri kubakwa;	(c) asset under construction;	(c) les actifs en construction;
(d) umutungo w'ibikorwa remezo;	(d) infrastructure asset;	(d) les actifs d'infrastructure;
(e) umutungo w'ishoramari;	(e) investment property;	(e) les immeubles de placement;
(f) uruganda n'imashini;	(f) plant and machinery;	(f) les installations et les machines;

(g) ibikoresho byo gutwara abantu;	(g) transport equipment;	(g) le matériel de transport;
(h) ibikoresho byo mu biro, ibyubatswe mu biro n'ibikoresho nyunganizi;	(h) office equipment, furniture, fixtures and fittings;	(h) le matériel, le mobilier, les agencements et les accessoires de bureau;
(i) ibikoresho by'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho;	(i) Information and Communication Technology equipment;	(i) les équipements des technologies de l'information et de la communication;
(j) umutungo w'umurage n'umutungo ndangamuco;	(j) heritage assets and cultural asset;	(j) les actifs patrimoniaux et les actifs culturels;
(k) umutungo w'ibinyabuzima;	(k) biological assets;	(k) les actifs biologiques;
(l) umutungo kamere;	(l) natural resources;	(l) les ressources naturelles;
(m) umutungo udafatika;	(m) intangible assets;	(m) les actifs incorporels;
(n) umutungo ushingiye ku serivisi zatanzwe;	(n) service concession asset;	(n) l'actif de concession de services;
(o) umutungo ukodeshwa;	(o) leased asset;	(o) l'actif loué;
(p) umutungo w'agaciro.	(p) valuable asset.	(p) l'actif précieux.
(3) Ibyiciro biteganyijwe mu gika cya (2) bigize ishingiro ry'uburyo bwo kwandika, gupima no kugena agaciro bikenewe mu gufata neza no gucunga umutungo uramba hamwe n'uruhurirane	(3) The classification provided for in Paragraph (2) provides the basis for recognition, measurement and valuation approaches required in processing and managing non-current	(3) La classification prévue au paragraphe (2) constitue la base des approches de comptabilisation, de mesure et de valorisation nécessaires au traitement et à la gestion des stocks d'actifs non

rw'ibikorwa biwukorerwaho. Ibi byiciro byinjizwa mu buryo bw'imicungire y'imari nk'ishingiro ry'imicungire y'imitungo iramba ibitswe n'ihererekanya ryayo.	assets stocks and transaction flows. The classification is embedded in the financial management system as a basis for management of non-current assets stocks and flows.	courants et des flux de transactions. Cette classification est intégrée dans le système de gestion financière comme base pour la gestion des stocks et des flux d'actifs non courants.
Ingingo ya 76: Imicungire y'ibiri mu bubiko	**Article 76: Inventory management**	**Article 76: Gestion des stocks**
(1) Ibiri mu bubiko bigizwe n'imitungo ifatika cyangwa ibigemurwa bikoreshwa ngo bivemo ibicuruzwa cyangwa bizakoreshwa mu mitangire ya serivisi. Ibiri mu bubiko birimo kandi ibicuruzwa bitegereje kugurishwa cyangwa gukwirakwizwa mu mikorere isanzwe y'urwego rwa Leta. Ibiri mu bubiko bishyirwa mu ngengo y'imari nk'ibigomba gukoreshwa mu mwaka w'ingengo y'imari bireba, ariko kubera itandukaniro ry'ibihe, bishobora kuguma mu bubiko.	(1) Inventories are assets in the form of materials or supplies to be consumed in the production process or in the rendering of services. Inventories also include items held for sale or distribution in the ordinary course of operations of a public entity. The inventories are usually budgeted to be consumed during the particular financial year but due to timing differences may remain in stock.	(1) Les stocks sont des actifs sous forme de matières ou de fournitures devant être consommés dans le processus de production ou dans la prestation de services. Les stocks comprennent également les articles destinés à la vente ou à la distribution dans le cours normal des opérations d'une entité publique. Les stocks sont généralement budgétisés pour être consommés au cours de l'exercice financier concerné, mais en raison de différences temporelles, ils peuvent rester en stock.
(2) Urwego rwa Leta rubungabunga sisitemu yo gucunga ububiko ifasha gucunga neza ibyinjira, ikiguzi cyabyo, ibisohoka n'imikoreshereze y'ibikoresho hagamijwe imitangire y'ibintu na serivisi. Umubaruramari Mukuru agenzura ko IFMIS ikora neza mu gufasha urwego rwa Leta mu micungire myiza y'ububiko bwarwo.	(2) A public entity maintains a system of inventory management that optimizes the sourcing, costs, issue and use of materials or supplies for the delivery of products and services. The Accountant General ensures that the IFMIS is effective in supporting the public entity in the better management of its inventories.	(2) Une entité publique maintient un système de gestion des stocks qui optimise l'approvisionnement, les coûts, la livraison et l'utilisation de matières ou de fournitures pour la livraison de produits et de services. Le Comptable général veille à ce que l'IFMIS soit efficace pour aider l'entité publique à mieux gérer ses stocks.

(3) Ikiguzi cy'ibiri mu bubiko gikubiyemo amafaranga yose yakoreshejwe mu kugura, ikiguzi cyo kubihinduramo ibindi, n'andi mafaranga yatanzwe mu kuzana ibintu mu bubiko nk'uko bimeze.	(3) The cost of inventories comprises all costs of purchase, costs of conversion, and other costs incurred in bringing the inventories to their present location and condition.	(3) Le coût des stocks comprend tous les coûts d'achat, les coûts de conversion et les autres coûts engagés pour amener les stocks à leurs emplacement et état actuels.
(4) Ibicuruzwa bifite agaciro cyangwa ikiguzi cyo kubungabunga uburyo bw'imicungire y'ububiko bihenze bisohorwa mu bubiko. Umubaruramari Mukuru atanga imirongo ngenderwaho ku Bayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta yo gusohora ibintu mu bubiko.	(4) Items whose value or cost of maintaining a full inventory management system is prohibitive are expensed. The Accountant General issues guidelines to Chief Budget Managers for the expense of inventory items.	(4) Les produits dont la valeur ou le coût du maintien d'un système complet de gestion des stocks est prohibitif sont passés en charges. Le Comptable général donne des lignes directrices aux Gestionnaires principaux du budget concernant la dépense des articles du stock.
(5) Mu micungire y'ububiko, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta agenzura ko –	(5) In the management of inventory, the Chief Budget Manager ensures that –	(5) Dans la gestion des stocks, le Gestionnaire principal du budget veille à ce que –
(a) ibigize umutungo wa Leta biri mu bubiko byandikwa neza muri sisitemu y'imicungire y'ububiko yashyizwe muri IFMIS hakurikijwe amabwiriza yatanzwe n'Ibiro by'Umubaruramari Mukuru. Ayo mabwiriza akubiyemo uburyo bwo kwakira, gutanga, kubara ibiri mu bubiko, kubungabunga, guhanagura burundu mu bitabo by'ibaruramari ibicuruzwa byarengeje igihe cyangwa byangiritse;	(a) inventories of public property are properly recorded in the inventory management system provided in the IFMIS in accordance with the inventory management framework of policies, instructions, guidelines and procedures issued by the Office of the Accountant General. These instructions include procedures for receiving, issuing, inventorying, safeguarding, writing off obsolete or damaged items;	(a) les inventaires des biens publics soient correctement enregistrés dans le système de gestion des stocks prévu dans l'IFMIS conformément aux instructions émises par le Bureau du Comptable général. Ces instructions comprennent les procédures de réception, de sortie, d'inventaire, de sauvegarde, de radiation des articles obsolètes ou endommagés;

(b) ubugenzuzi bw'imbere mu rwego rwa Leta bushyirwaho hagamijwe kwirinda igihombo gituruka ku kwangirika, ku mikoreshereze itemewe cyangwa ku bujura bw'ibiri mu bubiko;	(b) internal controls are in place to prevent loss through damage, deterioration, unauthorised use or theft;	(b) des contrôles internes soient mis en place pour prévenir les pertes dues à des dommages, à une détérioration, à une utilisation non autorisée ou à un vol;
(c) inshingano yo kubarura umutungo uri mu bubiko ihabwa umukozi ushinzwe mbere na mbere imikoreshereze yawo kandi hakabaho inyandiko ihurizwamo amazina ye n'aho ububiko buherereye muri IFMIS;	(c) custodial responsibility for inventories is assigned to the officer primarily responsible for its use and that there is a central record of their names and the locations of inventories assigned to them in the IFMIS;	(c) la responsabilité de faire les inventaires soit confiée au fonctionnaire primordialement responsable de leur utilisation et à ce qu'il y ait un registre central de ses noms et de l'emplacement des inventaires qui leur sont attribués dans l'IFMIS;
(d) hakorwa, nibura buri mwaka, igenzura ngarukagihe ry'ibiri mu bubiko aho bibitse bigereranywa n'ibyanditswe mu gitabo cy'imicungire y'ububiko muri IFMIS kandi ko rishyirwa muri raporo y'ibaruramari y'urwego rwa Leta. Iryo genzura rikubiyemo kwemeza ko ibivugwa mu bubiko birimo koko kandi ko ububiko bumeze neza, ko igitabo cy'ububiko cyuzuzwa neza kandi kirimo amakuru yuzuye;	(d) a periodic physical verification of inventories against the inventory management register in the IFMIS is done at least annually and is included in the public entity financial statements. The verification includes confirming the existence and condition of inventory, the correctness and completeness of the register;	(d) une vérification physique périodique des inventaires par rapport aux registres de gestion d'inventaires dans l'IFMIS est effectuée au moins une fois par an et est incluse dans les états financiers de l'entité publique. La vérification comprend la confirmation de l'existence et de l'état des stocks, l'exactitude et l'exhaustivité du registre;
(e) ububiko bwa Leta ashinzwe burinzwe neza ubujura, isesagura,	(e) public inventory under their control is properly safeguarded	(e) les stocks publics sous son contrôle soient correctement protégés contre

imikoreshereze mibi cyangwa ikindi gihombo.	against theft, wastage, misuse or any other loss.	le vol, le gaspillage, l'utilisation abusive ou l'autre perte.
(6) Uburyo bwo gushyira mu byiciro, gutegura no gutanga raporo y'icungamutungo n'ibaruramari bukoreshwa mu micungire y'ububiko bushingira ku bipimo ngenderwaho, politiki n'ibikurikizwa bitangwa na Minisiteri.	(6) The classification system, accounting and financial reporting methodology to be used for inventory management are based on applicable standards and the policies and procedures issued by the Ministry.	(6) Le système de classification et la méthodologie d'élaboration de rapports comptable et financier à utiliser pour la gestion des stocks sont basés sur les normes applicables et les politiques et procédures émises par le Ministère.
(7) Umubaruramari Mukuru atanga amabwiriza akurikizwa mu micungire y'ububiko.	(7) The Accountant General issues the instructions for inventory management.	(7) Le Comptable général émet les instructions pour la gestion des stocks.
Ingingo ya 77: Kugura umutungo uramba	**Article 77: Acquisition of non-current asset**	**Article 77: Acquisition d'actif non courant**
(1) Umutungo uramba ushobora kuboneka binyuze mu masoko ya Leta, mu guhererekanya umutungo, mu kubaka, mu izungura, mu ndagano, mu mpano, mu bunyage, mu kugira umutungo uw'abikorera uwa Leta cyangwa mu bundi buryo buboneye.	(1) Non-current asset may be acquired through public procurement, transfers, construction, inheritance, bequest, donations, confiscation, nationalization, or other method considered appropriate.	(1) Un actif non courant peut être acquis par voie de marché public, de transfert, de construction, d'héritage, de legs, de donation, de confiscation, de nationalisation ou de l'autre méthode jugée appropriée.
(2) Ku birebana no kubona umutungo binyuze mu masoko ya Leta, umutungo ugurwa mu mwaka w'ingengo y'imari runaka hakurikijwe igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta ry'umwaka.	(2) For acquisitions through public procurement, an asset is procured for a particular financial year in accordance with the annual procurement plan.	(2) Pour les acquisitions par voie de marchés publics, un actif est acquis pour un exercice financier particulier conformément au plan de passation des marchés annuel.

(3) Kugura cyangwa kubaka umutungo uramba bikorwa hagendewe ku byateganyijwe muri gahunda y'ishoramari ikubiye muri gahunda y'amafaranga akoreshwa mu gihe kigereranyije n'ingengo y'imari y'umwaka yemejwe.	(3) Acquisition or construction of non-current assets is done in accordance with the Capital Investment Plan component of the Medium-Term Expenditure Plan, and approved annual budget.	(3) L'acquisition ou la construction d'actifs non courants est effectuée conformément à la composante du Plan d'investissement en capital compris dans le Plan de dépenses à moyen terme, et le budget annuel approuvé.
(4) Kugura imitungo y'ingenzi bikozwe n'Urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta n'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage bikorwa bishingiye kuri politiki y'Igihugu y'ishoramari.	(4) Major acquisitions for the Central Government and decentralised entity are done with reference to the National Investment policy.	(4) Les acquisitions majeures pour l'entité de l'administration centrale et l'entité décentralisée sont réalisées en référence à la politique nationale d'investissement.
(5) Urwego rwa Leta rusuzuma uburyo bushoboka kugira ngo umutungo uramba rukeneye uboneke cyangwa uvugururwe. Uburyo busuzumwa burimo –	(5) A public entity considers the options available to address the identified need for non-current assets or improvements thereof. The options considered include –	(5) L'entité publique examine les options disponibles pour répondre aux besoins identifiées en matière d'actifs non courants ou d'améliorations de ceux-ci. Les options envisagées comprennent –
(a) kugura no gutunga umutungo uramba mushya:	(a) purchasing and owning new non-current assets;	(a) l'achat et la possession de nouveaux actifs non courants;
(b) gukodesha bitabaye ngombwa gutunga umutungo uramba mushya. Ubukode bwose bushyirwa mu byiciro hakurikijwe uko bwatekerejwe, nk'ikodeshagurisha cyangwa ubukode busanzwe;	(b) leasing without owning new non-current assets. All leases are classified at inception as either finance or operating leases;	(b) louer et ne pas posséder de nouveaux actifs non courants. Toutes les locations sont classées selon leur conception en tant que contrat de location-financement ou location simple;
(c) kubaka umutungo uramba	(c) constructing new immovable non-	(c) la construction de nouveaux actifs

utimukanwa mushya;	current assets;	immobiliers non courants;
(d) gukorana n'urwego rw'abikorera binyuze mu bwoko butandukanye bw'amasezerano y'imitangire ya serivisi cyangwa mu bufatanye bw'inzego za Leta n'abikorera;	(d) involving the private sector through various forms of Service Concession Arrangements or Public Private Partnerships; and	(d) l'implication du secteur privé à travers diverses formes d'accords de concession de services ou de partenariats public-privé; et
(e) no guhindura, kwagura cyangwa kuvugurura umutungo uramba usanzwe.	(e) adapting, extending or refurbishing existing non-current assets.	(e) l'adaptation, l'extension ou la rénovation des actifs non courants existants.
(6) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta agenzura ko igitabo cyandikwamo umutungo cyujujwe hakimara kugurwa umutungo. Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta aha agaciro umutungo waguzwe hakurikijwe imirongo ngenderwaho igenga igenagaciro yatanzwe na Minisiteri.	(6) The Chief Budget Manager ensures that their asset register is updated for any acquisition as soon as the acquisition process is complete. The Chief Budget Manager assigns values to property acquired in accordance with the applicable asset valuation guidelines as issued by the Ministry.	(6) Le Gestionnaire principal du budget doit veiller à ce que le registre d'actifs soit mis à jour pour toute acquisition dès que le processus d'acquisition est terminé. Le Gestionnaire principal du budget attribue des valeurs aux biens acquis conformément aux lignes directrices applicables en matière d'évaluation des actifs édictées par le Ministère.
(7) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ni we ushinzwe bwa nyuma kugura umutungo wa Leta. Icyakora, zimwe mu nzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta zishinzwe kugura cyangwa gushaka ibyiciro byihariye by'imitungo iramba kandi zigomba kugishwa inama mbere y'igurwa ry'umutungo uramba.	(7) The Chief Budget Manager remains ultimately responsible for public assets acquisition. However, a number of entities of the Central Government are responsible for purchasing or acquiring specific categories of non-current assets and must be consulted prior to non-current assets acquisition.	(7) Le Gestionnaire principal du budget reste responsable en dernier ressort de l'acquisition d'actifs publics. Toutefois, un certain nombre d'entités de l'administration centrale sont responsables de l'achat ou de l'acquisition de catégories spécifiques d'actifs non courants et doivent être consultées avant l'acquisition d'actifs

		non courants.
(8) Leta ishobora kugura umutungo uramba ku mpamvu z'inyungu rusange nk'uko biteganywa n'itegeko ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange.	(8) The Government may in the public interest acquire non-current assets as provided for in Law relating to expropriation in the public interest.	(8) L'État peut, dans l'intérêt public, acquérir des actifs non courants conformément à la loi relative à l'expropriation pour cause d'utilité publique.
(9) Mu rwego rw'imicungire y'imari n'umutungo bya Leta, iyo kugura imitungo iramba bikorwa na masosiyeti y'ubucuruzi ya Leta cyangwa inzego zihariye mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta, byemezwa n'Inama y'Ubutegetsi, naho kugura inyubako bikorwa n'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage byemezwa n'Inama Njyanama bireba.	(9) The acquisition of non-current assets by State-owned companies or specialised organs in matters of public finance management is approved by the Board of Directors while the acquisition of buildings by decentralised entity is approved by the relevant Council.	(9) L'acquisition d'actifs non courants par les sociétés commerciales de l'État ou les organes spécialisés, en matière de gestion des finances publiques est approuvée par le Conseil d'administration, tandis que l'acquisition de bâtiments par des entités décentralisées est approuvée par le Conseil concerné.
Ingingo ya 78: Ihererekanya ry'umutungo wa Leta	**Article 78: Transfer of public property**	**Article 78: Transfert des biens publics**
(1) Umutungo wa Leta ushobora guhererekanwa uva mu rwego rumwe rwa Leta ujya mu rundi ari uko iherererekanya ryawo ryemejwe n'itegeko, Inama y'Abaminisitiri, Minisitiri cyangwa urundi rwego rwemewe n'amategeko.	(1) Public property may be transferred from one public entity to another only if it has been authorised by a law, the Cabinet, the Minister or another lawful authority.	(1) Les biens publics peuvent être transférés d'une entité publique à une autre seulement si le transfert a été autorisé par une loi, le Conseil des Ministres, le Ministre ou l'autre autorité légale.
(2) Iyo umutungo w'urwego rwa Leta	(2) If assets of a public entity are	(2) Lorsque les actifs d'une entité publique

wimuriwe mu rundi rwego rwa Leta cyangwa mu kindi kigo biteganyijwe n'itegeko cyangwa bikomotse ku ivugurura ry'imirimo ya Leta, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta w'urwego rwa Leta rwatanze umutungo akora ibi bikurikira:	transferred to another public entity or another institution as a result of a legislation or following a reorganization of Government functions, the Chief Budget Manager of a transferring public entity does the following:	sont transférés à une autre entité publique ou à une autre institution à la suite d'une législation ou d'une réorganisation des fonctions gouvernementales, le Gestionnaire principal du budget de l'entité publique transférante fait ce qui suit :
(a) kugaragaza umubare w'imitungo yahererekanyijwe n'imyenda iyishamikiyeho; no	(a) to identify an inventory of transferred assets and attached liabilities; and	(a) dresser un inventaire des actifs transférés et des passifs qui y sont rattachés ; et
(b) gushyikiriza Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta w'urwego rwa Leta rwakiriye umutungo wahererekanyijwe inyandiko zose zijyanye na wo, ibyangombwa byawo, n'amakuru ajyanye n'itariki waguriweho, agaciro wari ufite, amafaranga yose y'ubwicungure bwawo n'agaciro nyakuri umutungo usigaranye mu bitabo by'ibaruramari.	(b) to provide the Chief Budget Manager of the receiving public entity with all relevant records, titles, and information related to acquisition date, acquisition value, total depreciation amounts and net book value.	(b) fournir au Gestionnaire principal du budget de l'entité publique bénéficiaire tous les documents, titres et informations relatifs à la date d'acquisition, à la valeur d'acquisition, aux montants totaux d'amortissement et à la valeur comptable nette.
(3) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta w'urwego rwa Leta rutanga umutungo n'uw'urwego rwa Leta ruwakira bashyira umukono kuri raporo y'ihererekanya ry'umutungo iyo ihererekanya ry'umutungo ribaye.	(3) The Chief Budget Manager of the transferring public entity and the Chief Budget Manager of the receiving public entity sign off a hand over report if the transfer takes place.	(3) Le Gestionnaire principal du budget de l'entité publique cédante et celui de l'entité publique bénéficiaire signent un rapport de remise lorsque le transfert a lieu.

(4) Iyo umutungo wa Leta uhererekanyijwe uriho umwenda, uwo mwenda na wo uhererekanywa n'uwo mutungo wa Leta.	(4) If a transferred public property has a liability, the corresponding liability is also transferred together with the public property concerned.	(4) Lorsque le bien public transféré comporte un passif, le passif correspondant est également transféré avec le bien public concerné.
(5) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta w'urwego rwa Leta rwatanze umutungo n'uw'urwawakiriye bavugurura ibitabo byandikwamo imitungo n'ibitabo by'ibaruramari bibitswe mu buryo koranabuhanga bw'imicungire y'imari n'umutungo bya Leta, nyuma y'ihererekanya ry'umutungo.	(5) Both the transferring and receiving Chief Budget Managers update the respective entity assets and books of accounts maintained in the financial management system upon completion of the transfer of public property process.	(5) Une fois le processus de transfert de biens publics terminé, le Gestionnaire principal du budget de l'entité publique cédante et de l'entité publique bénéficiaire mettent à jour les comptes d'actifs et les livres comptables de l'entité tenus dans le système de gestion financière.
<u>Ingingo ya 79</u>: Kwikuraho umutungo wa Leta	**<u>Article 79</u>: Disposal of public property**	**<u>Article 79</u>: Cession des biens publics**
Ku bijyanye no kwikuraho umutungo wa Leta, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta yubahiriza amahame akurikira:	In respect of disposal of public property, the Chief Budget Manager adheres to the following principles:	En ce qui concerne la cession des biens publics, le Gestionnaire principal du budget adhère aux principes suivants:
(a) kwikuraho umutungo wa Leta ubitswe n'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage bikorwa hubahirijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga kandi Minisitiri abanje kubitangira uruhushya;	(a) disposal of public property under the custody of a Central Government or decentralised entity is done in accordance with relevant laws and requires the prior authorization of the Minister;	(a) la cession des biens publics sous la garde d'une entité de l'administration centrale ou d'une entité décentralisée est faite conformément à la législation en la matière et nécessite l'autorisation préalable du Ministre;
(b) amasosiyete y'ubucuruzi ya Leta	(b) State-owned companies and specialised	(b) les sociétés commerciales de l'État et

n'inzego zihariye byikuraho umutungo wa Leta bibanje gutangirwa uruhushya n'Inama y'Ubuyobozi;	organs dispose of public property upon authorization by the Board of Directors;	les organes spécialisés cèdent les biens publics sur autorisation du Conseil d'administration;
(c) iyo imitungo yo kwikuraho ibitswe n'ibiro by'ububanyi n'amahanga by'u Rwanda, guhitamo uburyo bwo kwikuraho umutungo bikurikiza amategeko, amabwiriza n'uburyo bya buri gihugu cy'amahanga biherereyemo, nyuma yo kwemezwa na Minisiteri;	(c) if the assets to be disposed of are held by Rwandan diplomatic missions, the choice of disposal method is made in accordance with laws, regulations and procedures of a country where the diplomatic mission is based, after approval of the Ministry;	(c) lorsque les actifs à céder sont détenus par les missions diplomatiques du Rwanda, le choix de la méthode de cession est fait conformément aux lois, règlements et procédures du pays où la mission diplomatique est basée, après l'approbation du Ministère;
(d) kwikuraho umutungo wa Leta bikorwa mu buryo Leta ikuramo umusaruro mwiza kandi bigakurikiza uburyo bwagenwe n'amategeko abigenga;	(d) disposal of public property is conducted in a manner that achieves the best return to Government and follows methods determined by relevant laws;	(d) la cession de biens publics est effectuée de manière à obtenir le meilleur rendement pour l'État et suit les méthodes déterminées par la législation en la matière;
(e) iyo Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta amaze kugenzura imitungo iramba, afite inshingano yo kugaragaza no gutanga inama ku mitungo Leta yakwikuraho;	(e) following a comprehensive physical verification of non-current assets, the Chief Budget Manager has the responsibility to identify and recommend assets for disposal;	(e) après une vérification physique complète des actifs non courants, le Gestionnaire principal du budget a l'attribution d'identifier et de recommander les actifs à céder;
(f) Leta yikuraho umutungo wayo iyo utagishoboye gukoreshwa mu mirimo iriho. Umutungo wa Leta ushobora gukomeza gukoreshwa na nyuma y'igihe cyawo cy'ubwicungure, kandi ugakomeza kwitabwaho iyo ari byo byagira akamaro. Leta ishobora kandi kwikuraho umutungo wayo mbere y'uko	(f) a public property is disposed of if it is no longer used for the course of ongoing activities. Public property may be used beyond their depreciable life and if so, they are maintained if it is efficient to do so. They may also be disposed of prior to the end of their depreciable life if they are no longer required, or it is no	(f) un bien public est cédé lorsqu'il n'est plus utilisé dans le cadre d'activités en cours. Les biens publics peuvent être utilisés au-delà de leur durée de vie amortissable et, le cas échéant, sont entretenus s'il est efficace de le faire. Ils peuvent également être cédés avant la fin de leur durée de vie amortissable

urangiza igihe cyawo cy'ubwicungure, iyo utagikenewe cyangwa Leta ibona ko bitakiri byiza kuwugumana;	longer efficient to retain the property;	s'ils ne sont plus nécessaires ou s'il n'est plus efficace de conserver le bien;
(g) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta akora ikigereranyo cy'amafaranga ashobora kuva mu kugurisha no gukodesha umutungo wa Leta kugira ngo abishyire mu ngengo y'imari y'umwaka;	(g) the Chief Budget Manager estimates for inclusion in the annual budget expected income from the sale and letting of public property;	(g) le Gestionnaire principal du budget estime, pour inclure dans le budget annuel, les revenus attendus de la vente et de la location des biens publics;
(h) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ahuza n'igihe igitabo cy'imicungire y'umutungo igihe igikorwa cyo kwikuraho umutungo kirangiye.	(h) the Chief Budget Manager updates the asset management register for all property disposed of as soon as the disposal process is completed.	(h) le Gestionnaire principal du budget met à jour le registre de gestion des actifs pour tous les biens cédés dès que le processus de cession est terminé.
<u>Ingingo ya 80</u>: Ubwicungure bw'umutungo wa Leta	**<u>Article 80</u>: Depreciation of public property**	**<u>Article 80</u>: Amortissement des biens publics**
(1) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta w'urwego rwa Leta agena agaciro k'ubwicungure bw'umutungo wa Leta uko ugenda ukoreshwa mu rwego rw'imitangire ya serivisi mu gihe cyose umutungo wagenewe kumara ukoreshwa.	(1) The Chief Budget Manager of a public entity depreciates public property that are consumed in the process of delivering services over the useful life of the asset concerned.	(1) Le Gestionnaire principal du budget de l'entité publique amortisse les biens publics consommés dans le cadre de la fourniture des services sur la durée de vie utile du bien concerné.
(2) Umubaruramari Mukuru aha inzego za Leta imirongo ngenderwaho ku byiciro by'umutungo wa Leta ubarirwa ubwicungure, ku buryo bwo kugena	(2) The Accountant General provides public entities with guidelines on the categories of public property to be depreciated, on determination of the	(2) Le Comptable général fournit aux entités publiques des directives sur les catégories de biens publics à amortir, la détermination de la durée d'utilité, la

igihe cy'ubwicungure bw'umutungo n'uburyo bwo kubara ubwicungure, n'itakazagaciro rikomoka ku bwicungure rigomba kwandikwa mu gitabo cy'imitungo cy'urwego bireba.	useful life and the depreciation methodology to be utilised and the depreciation charge to be reflected in the asset register of the entity concerned.	méthodologie d'amortissement à utiliser et la charge d'amortissement à refléter dans le registre des actifs de l'entité concernée.
Ingingo ya 81: Umutungo Leta yabonye binyuze mu nzira z'amategeko, impano cyangwa irage	**Article 81: Public property acquired through operation of the law, donations or bequests**	**Article 81: Biens publics acquis par l'effet de la loi, par donations ou par legs**
(1) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta avugurura igitabo cy'imicungire y'umutungo ku birebana n'imitungo yose Leta yabonye binyuze mu nzira z'amategeko, iz'impano cyangwa iz'irage.	(1) The Chief Budget Manager updates the asset management register for all public property acquired through operation of law, donations or bequests.	(1) Le Gestionnaire principal du budget tient à jour le registre de gestion du patrimoine pour tous les biens publics acquis par l'effet de la loi, par donation ou par legs.
(2) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta aha agaciro umutungo Leta yabonye binyuze mu nzira z'amategeko, iz'impano cyangwa iz'irage hakurikijwe politiki y'igenagaciro ry'imicungire y'umutungo yagenwe na Minisiteri.	(2) The Chief Budget Manager assigns values to property acquired through operation of law, donations and bequests in accordance with the asset management valuation policies as issued by the Ministry.	(2) Le Gestionnaire principal du budget attribue des valeurs aux biens acquis par l'effet de la loi, par donation ou par legs, conformément aux politiques d'évaluation de la gestion des actifs édictées par le Ministère.
Ingingo ya 82: Ibihombo cyangwa guta agaciro k' umutungo wa Leta	**Article 82: Losses or impairment of public property**	**Article 82: Pertes ou dégradations des biens publics**
(1) Igihombo, kwangirika cyangwa gutakaza agaciro mu bundi buryo by'umutungo wa Leta bimenyeshwa ako kanya Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga	(1) The loss, damage or otherwise impairment of a public property is reported immediately to the Chief Budget Manager.	(1) La perte, le dommage ou l'autre dégradation d'un bien public est immédiatement signalé au Gestionnaire principal du budget.

imari n'umutungo wa Leta.		
(2) Iyo bigaragara ko Leta yagize igihombo cyangwa umutungo wayo wangiritse bikomotse ku bikorwa by'ubugizi bwa nabi cyangwa ku kwanga gukora ibitegetswe n'itegeko, ikibazo kimenyeshwa mu nyandiko, urwego rufite iperereza mu nshingano kandi ingamba za ngombwa zigafatwa hakurikijwe amategeko abigenga.	(2) If it appears that the Government has suffered losses or damages through criminal acts or omissions, the matter is reported, in writing, to the authority in charge of investigation and appropriate actions are taken in accordance with relevant laws.	(2) Lorsqu'il apparaît que l'État a subi des pertes ou des dommages suite aux actes ou omissions criminelles, ce cas est signalé par écrit à l'autorité chargée d'investigation et les mesures appropriées doivent être prises conformément à la législation en la matière.
(3) Umutungo ufatwa nk'uwatakaje agaciro iyo agaciro kawo k'ibaruramari karuta agaciro wagurishwaho cyangwa iyo umutungo utagishoboye kwifashishwa n'urwego rwa Leta mu byo rwari ruwitezeho mu mitangire ya serivisi.	(3) An asset is regarded as being impaired if its carrying amount is greater than its recoverable value or if an asset is no longer capable of providing the entity with the intended service potential.	(3) Un actif est considéré comme dégradé lorsque sa valeur comptable est supérieure à sa valeur recouvrable ou lorsqu'un actif n'est plus capable de fournir à l'entité le potentiel de service prévu.
(4) Iyo gutakaza agaciro kwatewe n'izindi mpamvu zitandukanye n'iziteganywa mu gika cya (2), Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta atanga ibisobanuro ku rwego rwa Leta, rukabishingiraho mu igenzura rigamije kugabanya agaciro k'umutungo cyangwa kuwusiba mu bitabo by'ibaruramari igihe bibaye ngombwa, hakurikijwe politiki y'imicungire y'umutungo na politiki y'ibaruramari zikurikizwa.	(4) If impairment has arisen due to reasons other than those referred to in Paragraph (2), the Chief Budget Manager provides the public entity with explanations on the basis of which it makes an assessment for reduction in value or write-off as appropriate in accordance with applicable asset management and accounting policies.	(4) Lorsqu'une dégradation est survenue pour d'autres raisons que celles visées au paragraphe (2), le Gestionnaire principal du budget fournit les explications à l'entité publique sur la base desquelles elle effectue une évaluation en vue d'une réduction de valeur ou d'une radiation, le cas échéant, conformément aux politiques de gestion d'actifs et comptables applicables.

(5) Igitabo cyandikwamo imitungo kivugururwa uko habaye ibihombo, ibyangiritse cyangwa gutakaza agaciro k'umutungo wa Leta nk'ishingiro ry'amakuru ashyirwa muri raporo z'imari na raporo z'ibaruramari kandi kikemezwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta.	(5) The assets register is updated for all losses, damages or impairments of public property as a basis for inclusion in financial reports and statements and requires approval of the Chief Budget Manager.	(5) Le registre des actifs est mis à jour pour toutes les pertes, dommages ou dégradations de biens publics comme base d'inclusion dans les rapports et états financiers et nécessite l'approbation du Gestionnaire principal du budget.
(6) Iyo hari umutungo wa Leta wimukanwa ugomba gusibwa, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta asaba uburenganzira ku Muyobozi w'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa uwa Komite Nyobozi iyo bireba urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage, bikandikwa mu gitabo cyandikwamo imitungo ya Leta, uwo mutungo ukanandukurwa mu bitabo by'ibaruramari by'urwego bireba.	(6) If movable public property must be written off, the Chief Budget Manager seeks authorisation from the Executive Head of the Central Government entity or the Executive Committee in the case of a decentralised entity and the write-off is noted in the public property register, and the property is derecognised from books of account of the entity concerned.	(6) Lorsqu'un bien public mobilier doit être radié, le Gestionnaire principal du budget demande l'autorisation du responsable exécutif de l'entité de l'administration centrale ou du comité exécutif dans le cas d'une entité décentralisée et la radiation est notée dans le registre des biens publics, et le bien est dé-comptabilisée dans les livres comptables de l'entité concernée.
Ingingo ya 83: Imicungire y'ibyago byishingiwe by'umutungo uramba	**Article 83: Management of non-current assets insured risks**	**Article 83: Gestion des risques assurés des actifs non courants**
(1) Umutungo uramba wishingirwa hakurikijwe politiki n'imirongo ngenderwaho byerekeye imicungire y'umutungo uramba bishyirwaho na Minisitiri.	(1) Non-current assets are insured in accordance with non-current assets policies and guidelines established by the Minister.	(1) Les actifs non courants sont assurés conformément aux politiques et aux lignes directrices sur les actifs non courants mises en place par le Ministre.

(2) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta afite inshingano yo gufata ubwishingizi bw'imitungo iramba iri mu nshingano ze hakurikijwe politiki n'imirongo ngenderwaho byerekeye imicungire y'umutungo uramba.	(2) The Chief Budget Manager has the responsibility of insuring non-current assets under their custody in accordance with applicable non-current assets management policies and guidelines.	(2) Le Gestionnaire principal du budget a la responsabilité d'assurer les actifs non courants sous sa garde conformément aux politiques et aux directives applicables en matière de gestion d'actifs non courants.
(3) Amasezerano y'ubwishingizi bw'umutungo utimukanwa uramba areba igihombo cyatewe n'inkongi y'umuriro, icyatewe n'umutingito w'isi n'icyatewe n'imyuzure. Amasezerano y'ubwishingizi bw'imitungo yimukanwa iramba yishingira nibura ibyago by'igihombo cyaterwa n'inkongi y'umuriro, icyaterwa n'ubujura n'icyaterwa n'imyuzure.	(3) The insurance policy for immovable non-current assets covers loss against fire, earthquake and floods. The insurance policy for movable non-current assets at least covers the risk of loss against fire, theft and floods.	(3) Le contrat d'assurance des actifs immobiliers non courants couvre les pertes liées aux incendies, aux tremblements de terre et aux inondations. Le contrat d'assurance des actifs mobiliers non courants couvre au moins les risques de perte due aux incendies, au vol et aux inondations.
(4) Gutoranya umwishingizi w'umutungo uramba wa Leta bikorwa hakurikijwe amategeko agenga imitangire y'amasoko ya Leta.	(4) The selection of an insurance provider of non-current public assets is undertaken in accordance with public procurement laws.	(4) Le choix d'un assureur d'un actif public non courant est effectué conformément aux lois sur les marchés publics.
(5) Iyo habaye igihombo cyishingiwe ku mutungo wa Leta, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta atangira dosiye isaba indishyi akayishyikiriza umwishingizi igihombo kikimara kumenyekana. Indishyi yose ituruka ku bwishingizi bw'umutungo wa Leta itangirwa raporo kandi ikoherezwa	(5) In the event of an insured loss of public property, the Chief Budget Manager opens a compensation claim file with the insurer as soon as the loss is recognized. Any compensation arising from insurance claims for public property is reported and remitted to the Ministry promptly.	(5) En cas de perte assurée de biens publics, le Gestionnaire principal du budget introduit le dossier de réclamation d'indemnisation auprès de l'assureur dès que la perte est reconnue. Toute indemnisation résultant de réclamations d'assurance pour les biens publics est signalée et remise au

muri Minisiteri bidatinze.		Ministère dans les plus brefs délais.
(6) Iyo Leta igize igihombo cyangwa yangirijwe umutungo kandi umuntu ufatwa nk'uwabiteye ahakana uruhare rwe, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta, iyo abonye ko bifite inyungu, ashyikiriza ikibazo ubuyobozi bufite ububasha bwo gutanga ikirego, harimo no kugaruza agaciro k'ibyabuze cyangwa ibyangiritse.	(6) If the Government sustains a loss or damage and the person considered responsible for the loss or damage denies liability, the Chief Budget Manager, if considered economical, refer the matter to the competent authority for legal action, including the recovery of the value of the loss or damage.	(6) Lorsque le Gouvernement subit une perte ou un dommage et que la personne considérée comme responsable de la perte ou du dommage nie toute responsabilité, le Gestionnaire principal du budget, s'il le juge économique, renvoie l'affaire à l'autorité compétente pour des poursuites en justice, y compris le recouvrement de la valeur de la perte ou du dommage.
(7) Iyo umutungo wabuze burundu, usibwa mu gitabo cyandikwamo imitungo kandi ntushyirwe no muri raporo y'ibaruramari hakurikijwe politiki z'ibaruramari n'imicungire y'umutungo.	(7) If the property is totally lost, it is written off in the asset register and derecognised from financial statements in accordance with relevant accounting and asset management policies.	(7) Lorsque le bien est totalement perdu, il est radié du registre des actifs et dé-comptabilisé dans les états financiers conformément aux politiques comptables et de gestion des actifs applicables.
<u>Ingingo ya 84</u>: Ibihombo n'ibyangizwa n'ibikorwa by'umukozi cyangwa ibyo banze gukora	**<u>Article 84</u>: Losses and damages through acts committed or omitted by an employee**	**<u>Article 84</u>: Pertes et dommages résultant d'actes commis ou omis par un employé**
(1) Ibihombo cyangwa ibyangijwe by'urwego rwa Leta kubera igikorwa cyakozwe n'umukozi cyangwa icyo yanze gukora byishyurwa na we.	(1) Losses or damages suffered by a public entity because of an act committed or omitted by an employee, are paid by them.	(1) Les pertes ou dommages subis par une entité publique en raison d'un acte commis ou omis par un employé, sont payés par lui.
(2) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta amenyesha	(2) The Chief Budget Manager communicates in writing the employee	(2) Le Gestionnaire principal du budget communique par écrit à l'employé

mu nyandiko umukozi wishyuzwa igihombo cyangwa ibyo yangije, umubare w'amafaranga ahwanye na byo, amusaba kwishyura mu gihe kitarenze iminsi 30 cyangwa hakurikijwe ibyiciro bikwiye. Iyo umukozi adashoboye kubahiriza ibyo yasabwe, ikibazo gishyikirizwa urwego rw'ubutabera rubifitiye ububasha.	responsible for loss or damage, the amount of the loss or damage, and requests them to pay the amount within 30 days or in reasonable instalments. If the employee fails to comply with the request, the matter is brought before the competent judicial authority.	responsable de la perte ou du dommage, le montant de la perte ou du dommage, et lui demande de payer ce montant dans un délai de 30 jours ou par tranches raisonnables. Si l'employé ne donne pas suite à la demande, l'affaire est portée devant l'autorité judiciaire compétente.
(3) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ashobora gusiba ibihombo cyangwa ibyangijwe byakomotse ku mpamvu zidashobora kwirindwa, byemejwe n'umuyobozi w'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa Umuyobozi wa Komite Nyobozi iyo bireba urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage, akagenera kopi Umubaruramari Mukuru.	(3) The Chief Budget Manager may write off losses or damages that result from unavoidable causes subject to approval from the Executive Head of the Central Government entity or the Executive Committee in the case of a decentralised entity, with a copy to the Accountant General.	(3) Le Gestionnaire principal du budget peut radier les pertes ou dommages résultant des causes inévitables, sous réserve de l'approbation du responsable exécutif de l'entité de l'administration centrale ou du responsable du Comité exécutif dans le cas d'une entité décentralisée, avec copie au Comptable général.
(4) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ashobora gusiba ibihombo cyangwa ibyangijwe bikomotse ku bikorwa by'ubugizi bwa nabi cyangwa kudakora ibitegetswe n'itegeko, iyo nyuma y'ipererezа ryimbitse, bigaragaye ko ibihombo cyangwa ibyangiritse bidashobora kwishyuzwa.	(4) The Chief Budget Manager may write off losses or damages arising from criminal acts or omissions if, after a thorough investigation, it is found that the losses or damages are irrecoverable.	(4) Le Gestionnaire principal du budget peut radier les pertes ou les dommages résultant d'actes criminels ou d'omissions si, après une enquête approfondie, il s'avère que les pertes ou les dommages sont irrécupérables.

(5) Gusiba umutungo uramba bikorerwa inyandiko ishyirwa mu gitabo cyandikwamo imitungo kivugururwa ku buryo buhoraho.	(5) The write-off of non-current assets is done through a note in the asset register which is updated regularly.	(5) La radiation des actifs non courants se fait par note dans le registre des actifs qui doit être régulièrement mis à jour.
Ingingo ya 85: Inshingano y'abakozi ba Leta yo gutanga raporo ku gihombo cy'amafaranga cyangwa umutungo bya Leta	**Article 85: Responsibility of public servants to report loss of public money or property**	**Article 85: Responsabilité des agents de l'État de signaler la perte d'argent ou de biens publics**
(1) Umukozi wa Leta umenye cyangwa uketse ko hari igihombo cyabaye abimenyesha bidatinze umuyobozi umukuriye mu kazi, agaha kopi umuyobozi ushinzwe imicungire y'umutungo n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta.	(1) A public servant who discovers or suspects that a loss has occurred reports it immediately to the direct supervisor with copy to the official in charge of assets management and the Chief Budget Manager.	(1) Un agent de l'État qui découvre ou soupçonne qu'une perte a eu lieu la signale immédiatement à son supérieur hiérarchique avec copie au responsable de la gestion des actifs et au Gestionnaire principal du budget.
(2) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta amenyesha abakozi b'urwego inshingano yabo yo kumenyekanisha igihombo bamenye ko cyabaye ku mutungo w'urwego bakorera.	(2) The Chief Budget Manager ensures that the employees of their administrative entity are made aware of their responsibility to report loss affecting the property of the employer and which have come to their knowledge.	(2) Le Gestionnaire principal du budget veille à ce que les employés de son entité administrative soient conscients de leur responsabilité de faire le rapport de la perte ayant affecté les biens de l'employeur et dont ils ont connaissance.
(3) Ibihombo by'amafaranga cyangwa by'umutungo bya Leta, uko byaba byamenyekanishijwe kose, bikorwaho iperereza ryuzuye mu bufatanye busesuye n'abakozi bose b'urwego rwa Leta bireba.	(3) Losses of public money or public property, however they are reported, require full investigation with the complete cooperation of all the employees of the relevant public entity.	(3) Les pertes d'argent ou de biens publics, quelle que soit la manière dont elles sont signalées, nécessitent une enquête approfondie avec la coopération complète de tous les employés de l'entité publique concernée.

(4) Urwego rwa Leta rukora ubugenzuzi bw'ibanze bugarukira ku kumenya niba hari ishingiro rishoboka ry'ikirego cyerekeye igikorwa kigize icyaha kigomba kumenyeshwa urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano.	(4) A public entity undertakes preliminary examination which is limited to ascertaining whether there is a possible basis for an allegation of criminal act that requires to be reported to the organ in charge of investigations.	(4) Une entité publique entreprend un examen préliminaire qui se limite à déterminer s'il existe un fondement possible à une allégation d'acte criminel qui doit être signalé à l'organe ayant l'enquête judiciaire dans ses attributions.
(5) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta asaba ibitekerezo mu by'amategeko umujyanama mu by'amategeko w'urwego ku kibazo cy'igihombo cyagizwemo uruhare n'umukozi wa Leta mbere y'uko hafatwa icyemezo.	(5) The Chief Budget Manager seeks legal opinion from the legal advisor of the entity on the incident of loss involving a public servant before action is taken.	(5) Le Gestionnaire principal du budget demande l'avis juridique du conseiller juridique de l'entité sur l'incident de perte impliquant un agent de l'État avant de prendre des mesures.
Ingingo ya 86: Ibaruramari rikoreshwa ku mitungo iramba	**Article 86: Accounting for non-current assets**	**Article 86: Comptabilité applicable aux actifs non courants**
Umubaruramari Mukuru aha inama Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ku bijyanye n'ibaruramari rikoreshwa ku mitungo iramba hakurikijwe amahame y'ibaruramari na politiki zemejwe ku ishyirwa mu bikorwa ryayo. Ayo mahame akubiyemo ibi bikurikira:	The Accountant General provides advice to Chief Budget Managers on accounting for non-current assets in accordance with the accounting standards and policies adopted for implementation of these standards. The standards include:	Le Comptable général donne conseil aux Gestionnaires principaux du budget sur la comptabilité applicable aux actifs non courants conformément aux normes comptables et aux politiques adoptées pour la mise en œuvre de ces normes. Ces normes comprennent:
(a) kumenya ikintu kibarirwa mu mutungo uramba, gupima no kugena agaciro kacyo;	(a) recognition of an item as non-current assets, measurement and valuation;	(a) la comptabilisation d'un élément en tant qu'actifs non courants, sa mesure et son évaluation;

(b) ibipimo ntarengwa by'agaciro k'ikintu kugira ngo cyemerwe nk'umutungo uramba;	(b) the capitalisation thresholds for recognition as a non-current asset;	(b) les seuils de capitalisation pour la comptabilisation en actif non courant;
(c) uburyo bwo gusana, gusimbura no kuvugurura umutungo;	(c) the treatment of repairs, replacements and improvements;	(c) le traitement des réparations, des remplacements et des améliorations;
(d) ubwicungure bw'umutungo uramba;	(d) depreciation of non-current assets;	(d) l'amortissement des actifs non courants;
(e) gutakaza agaciro k'umutungo uramba;	(e) impairment of non-current assets;	(e) la dépréciation d'actifs non courants;
(f) kwikuraho no gusiba umutungo uramba;	(f) disposal and write-off of non-current assets;	(f) la cession et la radiation d'actifs non courants;
(g) imitangire ya raporo y'imari ku bijyanye n'imitungo iramba.	(g) financial reporting in relation to non-current asset.	(g) le rapportage financier en rapport avec les actifs non courants.
UMUTWE WA VIII: IBARURAMARI NA RAPORO Z'IMARI	**CHAPTER VIII: ACCOUNTING AND FINANCIAL REPORTING**	**CHAPITRE VIII: COMPTABILITÉ ET RAPPORTS FINANCIERS**
Ingingo ya 87: Amahame y'ibaruramari akurikizwa mu nzego za Leta	**Article 87: Accounting Standards applicable to public entities**	**Article 87 : Normes comptables applicables aux entités publiques**
(1) Urwego rwa Leta rukurikiza amahame y'ibaruramari yemewe ku rwego mpuzamahanga mu gutegura raporo z'imari zitangwa hagati mu mwaka na raporo z'ibaruramari z'umwaka.	(1) Public entity applies internationally accepted accounting standards for the preparation of in-year financial reports and annual financial statements.	(1) L'entité publique applique les normes comptables internationalement reconnues pour la préparation des rapports financiers en cours d'exercice et des états financiers annuels.
(2) Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya (1):	(2) Subject to provisions of Paragraph (1):	(2) Sous réserve des dispositions du paragraphe (1) :

(a) inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zikurikiza amahame mpuzamahanga agenga ibaruramari ry'inzego za Leta mu gutegura raporo z'ibaruramari;	(a) Central Government entities and decentralised entities follow the International Public Sector Accounting Standards for preparation of financial statements;	(a) l'entité de l'administration centrale et l'entité décentralisée suivent les Normes comptables internationales pour le secteur public pour la préparation des états financiers;
(b) amasosiyete y'ubucuruzi ya Leta n'inzego zihariye mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta bikurikiza amahame mpuzamahanga y'imitangire ya raporo z'imari, keretse iyo byateganyijwe ukundi na Minisitiri.	(b) State-owned companies and special organs, in matters of public financial management, follow the International Financial Reporting Standards, unless otherwise prescribed by the Minister.	(b) Les sociétés commerciales de l'État et les organes spécialisés, en matière de gestion des finances publiques, suivent les Normes internationales d'information financière, sauf prescription contraire du Ministre.
(3) Umubaruramari Mukuru, ashingiye ku mahame ateganywa mu gika cya (1), icya (2) n'icya (3), agira inama Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ku bijyanye n'imitangire ya raporo y'ibaruramari n'iy'imari, politiki zikurikizwa, ibigomba kuba bikubiye muri raporo, inyandikorugero za raporo, kandi aho bibaye ngombwa, akamugira inama ku byerekeye amakuru amenyekanishwa mu mitegurire ya raporo z'imari zo hagati mu mwaka cyangwa raporo z'ibaruramari za buri mwaka.	(3) The Accountant General, basing on standards referred to in Paragraphs (1), (2) and (3), advises the Chief Budget Manager on the accounting and financial reporting, policies, content, reporting templates and, where required, disclosures to be used in the preparation of either in-year or annual financial statements.	(3) Sur la base des normes visées aux paragraphes (1), (2) et (3), le Comptable général donne conseil aux Gestionnaire principal du budget sur les rapports comptables et financiers, les politiques, le contenu, les modèles de rapport et, le cas échéant, les informations à fournir dans la préparation des états financiers en cours d'année ou annuels.

(4) Bijyanye n'uko inzego za Leta zidakurikiza IPSAS cyangwa IFRS ku buryo bwuzuye, Umubaruramari Mukuru ategura kandi agashyira mu bikorwa ingamba zo kubahiriza ayo mahame ku buryo bwuzuye mu gihe cyemejwe na Minisitiri, kandi ashobora gushyiraho amabwiriza akubiyemo imirongo ngenderwaho irambuye yo korohereza Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta kubahiriza amahame agomba gukurikizwa.	(4) To the extent that public entities are not fully compliant with the IPSAS or IFRS, the Accountant General develops and implements a strategy for achieving full compliance within a time frame approved by the Minister and may issue guidelines to provide detailed guidance to Chief Budget Managers to facilitate their compliance with applicable standards.	(4) Dans la mesure où les entités publiques ne respectent pas entièrement les IPSAS ou IFRS, le Comptable général élabore et met en œuvre une stratégie pour parvenir à une mise en œuvre totale dans un délai approuvé par le Ministre et peut publier des lignes directrices pour fournir des orientations détaillées aux Gestionnaires principaux du budget pour leur faciliter le respect des normes applicables.
(5) « IPSAS » bivuga amahame mpuzamahanga agenga ibaruramari ry'inzego za Leta naho « IFRS » bikavuga amahame mpuzamahanga y'imitangire ya raporo z'imari.	(5) "IPSAS" means International Public Sector Accounting Standards and "IFRS" means International Financial Reporting Standards.	(5) « IPSAS » signifie les normes comptables internationales du secteur public et « IFRS » signifie les Normes internationales d'information financière.
Ingingo ya 88: Politiki z'ibaruramari	**Article 88: Accounting policies**	**Article 88: Politiques comptables**
(1) Inzego za Leta zikoresha politiki z'ibaruramari zashyizweho n'Umubaruramari Mukuru kugira ngo zifashe ikurikizwa ry'amahame y'ibaruramari. Politiki z'ibaruramari zisobanura uko ibikorwa byabaye bishyirwa muri raporo y'ibaruramari y'urwego rwa Leta nk'umutungo, imyenda, amafaranga yinjira,	(1) Public entities adopt accounting policies issued by the Accountant General to ensure compliance with the applicable accounting standards. The accounting policies inform how transactions or events are recognized in a public entity's financial statements as either assets, liabilities, revenue, expenses or reserves and inform the	(1) Les entités publiques adoptent des politiques comptables émises par le Comptable général pour garantir le respect des normes comptables applicables. Les politiques comptables éclairent la manière dont les transactions ou les événements sont comptabilisés dans les états financiers d'une entité publique en tant qu'actifs,

amafaranga yakoreshejwe cyangwa amafaranga y'ingoboka kandi zigasobanura ishingiro ry'ibipimo cyangwa ry'igenagaciro mu mitegurire ya raporo z'ibaruramari.	measurement and valuation base applied in the preparation of financial statements.	passifs, recettes, dépenses ou réserves et éclairent la base de mesure et d'évaluation appliquée dans la préparation des états financiers.
(2) Igihe cyo gutanga raporo ni umwaka w'ingengo y'imari kuva ku ya 01 Nyakanga kugeza ku ya 30 Kamena. Aho bibaye ngombwa, ibigereranywaho ni ibyo mu gihe kimwe cy'umwaka washize.	(2) The reporting period is the fiscal year from 01st July to 30th June. The comparatives, where applicable, reflect the same period for the previous year.	(2) La période de remise de rapports est l'année fiscale du 1er juillet au 30 juin. Les comparatifs, le cas échéant, reflètent la même période de l'année précédente.
(3) Ibitabo by'ibaruramari na raporo y'ibaruramari by'urwego rwa Leta biba byanditswemo ibikorwa byakozwe mu gihe cy'umwaka w'ingengo y'imari.	(3) The books of accounts and financial statements of a public entity record transactions which take place during a fiscal year.	(3) Les livres des comptes et les états financiers d'une entité publique enregistrent les transactions qui ont lieu au cours d'un exercice financier.
(4) Gutegura raporo y'ibaruramari bishingira ku ihame ry'ibikorwa bihoraho kandi kugaragaza no gushyira mu byiciro ibintu muri raporo y'ibaruramari biba mu buryo bumwe kuva ku gihe kimwe kugeza ku kindi kandi bigakorwa ku buryo buri cyiciro cy'ibintu gitangwa muri raporo ukwacyo.	(4) The preparation of financial statements assumes a going concern basis and the presentation and classification of items in the financial statements are consistent from one period to another and ensures that each material category of items is presented separately.	(4) La préparation des états financiers repose sur une base de continuité d'exploitation et la présentation et le classement des éléments dans les états financiers sont cohérents d'une période à l'autre et doit garantir que chaque catégorie importante d'éléments est présentée séparément.
<u>Ingingo ya 89</u>: Gahunda y'ibaruramari igenderwaho	**<u>Article 89</u>: Standard Chart of Accounts**	**<u>Article 89</u>: Plan comptable modèle**
(1) Umubaruramari Mukuru, amaze kugisha	(1) The Accountant General, in	(1) Le Comptable général, en consultation

inama andi mashami y'imirimo muri Minisiteri kandi byemejwe na Minisitiri, ashyiraho kandi agahuza n'igihe gahunda y'ibaruramari igenderwaho ikoreshwa n'inzego za Leta.	consultation with other departments in the Ministry and subject to the approval of the Minister, issues and updates a Standard Chart of Accounts to be applied by public entities.	avec d'autres départements du Ministère et sous réserve de l'approbation du Ministre, publie et tient à jour un plan comptable modèle à appliquer par les entités publiques.
(2) Gahunda y'ibaruramari igenderwaho ishingira ku mahame mpuzamahanga yemewe mu bukungu, ibarurishamibare, ibaruramari no mu mitangire ya raporo z'imari.	(2) The Standard Chart of Accounts is informed by internationally recognised standards in economics, statistics, accounting and financial reporting.	(2) Le plan comptable standard s'appuie sur des normes internationalement reconnues en matière d'économie, de statistiques, de comptabilité et de rapport financier.
(3) Gahunda y'ibaruramari igenderwaho ifite ibice byorohereza kwandika amakuru muri raporo, kuyasesengura no gutanga amakuru y'imari mu rwego rw'ubutegetsi, urw'imitegurire ya gahunda, urw'imikorere, urw'inkomoko y'amafaranga, urw'aho raporo zitangirwa, urw'ubukungu, urw'imirimo cyangwa urundi hagamijwe gutegura –	(3) The Standard Chart of Accounts has segments that facilitate recording, analysis and reporting of financial information in administrative, programmatic, functional, funding source, geographic, economic, sectoral and other areas for the preparation of –	(3) Le plan comptable standard comporte des segments qui facilitent l'enregistrement, l'analyse et la communication des informations financières dans les domaines administratif, programmatique, fonctionnel, de source de financement, géographique, économique, sectoriel et autre pour la préparation –
(a) raporo y'ibaruramari;	(a) financial statements;	(a) des états financiers;
(b) raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari;	(b) budget execution reports;	(b) de rapports sur l'exécution du budget;
(c) raporo y'ibikorwa;	(c) activity report; and	(c) de rapport d'activités; et
(d) n'indi raporo yerekeye imicungire y'imari.	(d) any other report related to financial management.	(d) de l'autre rapport lié à la gestion financière.

(4) Iyo bibaye ngombwa, mu rwego rwo gutanga umurongo ku bikorwa byerekeye imari bidasanzwe by'amasosiyete y'ubucuruzi ya Leta n'iby'inzego zihariye mu bijyanye n'imicungire y'imari n'umutungo bya Leta, kandi bimaze kwemezwa na Minisitiri, Umubaruramari Mukuru ashobora gutegura ingingo z'inyongera muri gahunda y'ibaruramari igenderwaho hagamijwe koroshya isuzumwa n'imitangire ya raporo z'ibikorwa byabyo.	(4) Where necessary, to address unique financial operations of state-owned enterprises and special organs in terms of public finance management, and subject to Minister's approval, the Accountant General may develop additional Standard Chart of Accounts arrangements to accommodate further analysis and reporting of their operations.	(4) Si nécessaire, pour traiter les opérations financières uniques des sociétés commerciales de l'État et des organes spécialisés en matière de gestion des finances publiques, et sous réserve de l'approbation du Ministre, le Comptable général peut élaborer des dispositions supplémentaires du plan comptable standard pour permettre une analyse et un compte rendu plus approfondis de leurs opérations.
Ingingo ya 90: Inshingano z'Umuyobozi w'Ikigega cya Leta Umuyobozi w'Ikigega cya Leta afite inshingano nyamukuru yo – (a) kugenzura ko IFMIS ikora kandi ikabungabungwa neza kugira ngo ikoreshwe mu nzego za Leta; (b) no gushyiraho Komite Nyobozi ya PFMIS kugira ngo ifashe mu buhuzabikorwa n'ubugenzuzi by'uburyo bw'imicungire y'imari ya Leta.	**Article 90: Responsibilities of the Official in charge of the National Treasury** The Official in charge of the National Treasury has the overall responsibility of – (a) overseeing that the IFMIS is operational and properly maintained to be used in public entities; and (b) establishing a PFMIS Steering Committee to facilitate public financial management systems coordination and oversight.	**Article 90: Responsabilités de l'autorité responsable du Trésor National** L'autorité responsable du Trésor National a la responsabilité supérieure de – (a) veiller à ce que l'IFMIS soit opérationnel et correctement maintenu pour être utilisé dans les entités publiques; et (b) mettre en place le Comité directeur du PFMIS pour faciliter la coordination et la surveillance des systèmes de gestion des finances publiques.

Ingingo ya 91: Inshingano za Komite nyobozi ya PFMIS	**Article 91: Responsibilities of the PFMIS Steering Committee**	**Article 91: Responsabilités du Comité directeur du PFMIS**
Komite Nyobozi ya PFMIS itanga ibyifuzo nama ku Muyobozi w'Ikigega cya Leta ku gukomeza kubaka no kubungabunga PFMIS mu nzego za Leta. Komite Nyobozi ya PFMIS ikorana bya hafi n'inzego za Leta zishinzwe gutegura no kubungabunga urubuga rw'ikoranabuhanga mu isakazabumenyi n'itumanaho rwa Guverinoma kandi hakurikijwe ingamba z'iterambere ry'ikoranabuhanga mu isakazabumenyi n'itumanaho rya Leta.	The PFMIS Steering Committee makes recommendations to the official in charge of the National Treasury for the ongoing development and maintenance of PFMIS across all public entities. The PFMIS Steering Committee works in close cooperation with the government entities responsible for development and maintenance of the Government's Information and Communication Technology platform and within the Government information and communication development strategy.	Le Comité directeur du PFMIS fait des recommandations à l'autorité responsable du Trésor National pour le développement et la maintenance continus du PFMIS dans toutes les entités publiques. Le comité directeur du PFMIS travaille en étroite coopération avec les entités gouvernementales responsables du développement et de la maintenance de la plate-forme des technologies de l'information et de la communication du gouvernement et dans le cadre de la stratégie de développement des informations et de la communication du gouvernement.
Ingingo ya 92: Ishyirwaho n'inshingano bya serivisi ishinzwe PFMIS	**Article 92: Establishment and responsibilities of the service of PFMIS**	**Article 92: Création et responsabilités du service chargé du PFMIS**
(1) Hashyizweho serivisi ishinzwe PFMIS muri Minisiteri kugira ngo igenzure imikorere n'ikwirakwizwa rya IFMIS ikoreshwa mu nzego za Leta kimwe n'uko ifasha Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta.	(1) PFMIS function is established in the Ministry to oversee the functional performance and rollout of the IFMIS used across Government as well as supporting Chief Budget Managers.	(1) La fonction chargée du PFMIS est créée au sein du Ministère pour superviser la performance fonctionnelle et le déploiement de l'IFMIS utilisé dans l'ensemble du gouvernement et le soutien aux Gestionnaires principaux du budget.
(2) Serivisi ishinzwe PFMIS itegura ibikurikizwa mu mikoreshereze ya IFMIS kandi ikayibungabunga kugira ngo habeho gutunganya neza amakuru	(2) The PFMIS function develops the operating procedures for the use of, and maintenance of IFMIS to ensure efficient and effective processing of	(2) La fonction chargée du PFMIS élabore des procédures opérationnelles pour l'utilisation et la maintenance de l'IFMIS afin de garantir un traitement

yerekeye imari muri sisitemu.	financial data by the system.	efficace et efficient des données financières par le système.
(3) Ibikurikizwa mu mikoreshereze ya IFMIS bisobanura inzira n'ubugenzuzi bikoreshwa mu iyinjizwa ry'amakuru, mu gutanga uburenganzira, kwemeza, gusiba cyangwa guhindura amakuru yose y'ibyakozwe n'abakoresha sisitemu bemewe no kurinda inzego za Leta ngo zitagirwaho ingaruka no gutakaza amakuru.	(3) The operating procedures of the automated IFMIS describe the processes and controls for recording, authorization, approval, deletion or alteration of any transaction data by the authorised users and to ensure that the public entities are not adversely affected by loss of data.	(3) Les procédures opérationnelles de l'IFMIS automatisé décrivent les processus et les contrôles pour l'enregistrement, l'autorisation, l'approbation, la suppression ou la modification de toute donnée de transaction par les utilisateurs autorisés et pour garantir que les entités publiques ne soient pas affectées par la perte de données.
Ingingo ya 93: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ku mikoreshereze ya IFMIS	**Article 93: Responsibilities of Chief Budget Manager in the management of IFMIS**	**Article 93: Responsabilités du Gestionnaire principal du budget dans la gestion d'IFMIS**
(1) Buri Muyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta w'urwego rwa Leta rukoresha IFMIS agenzura ko ibikurikizwa mu mikoreshereze yayo byashyizweho na Minisiteri byubahirizwa.	(1) Every Chief Budget Manager of a public entity using the automated IFMIS ensures compliance with its operating procedures issued by the Ministry.	(1) Chaque Gestionnaire principal du budget d'une entité publique utilisant l'IFMIS automatisé veille au respect de ses procédures opérationnelles émis par le Ministère.
(2) Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta b'inzego za Leta zashyizwemo IFMIS bafite inshingano yo kumenya niba iyo sisitemu yujuje ibisabwa mu micungire y'imari n'imitangire ya raporo by'urwego rwa	(2) The Chief Budget Managers of public entities where the automated IFMIS has been deployed and installed are responsible for ensuring that it meets the financial management and reporting needs of the public entity and	(2) Les Gestionnaires principaux du budget des entités publiques où l'IFMIS automatisé a été déployé et installé sont chargés de veiller à ce qu'il réponde aux besoins de gestion financière et de remise de rapports de

Leta kandi basaba ubufasha muri Minisiteri iyo bibaye ngombwa.	seek support from the Ministry if required.	l'entité publique et sollicitent l'assistance du Ministère si nécessaire.
Ingingo ya 94: Ibikurikizwa mu ibaruramari risoza umwaka	**Article 94: Year-end accounting procedures**	**Article 94: Procédures comptables de fin d'année**
(1) Mbere y'uko umwaka w'ingengo y'imari urangira, Umubaruramari Mukuru, byemejwe na Minisitiri, ashyiriraho inzego za Leta imirongo ngenderwaho yerekeye ibikurikizwa mu gufunga ibitabo by'ibaruramari umwaka urangiye no gutegura raporo y'ibaruramari y'umwaka.	(1) Before the end of the fiscal year, the Accountant General, upon approval by the Minister, issues directives to public entities regarding the procedures of closing books of accounts and preparing annual financial statements.	(1) Avant la fin de l'exercice, le Comptable général donne, sur approbation du Ministre, des directives aux entités publiques concernant les procédures de clôture des comptes et d'élaboration des états financiers annuels.
(2) Ibikurikizwa mu ibaruramari risoza umwaka biba bikubiyemo –	(2) The year-end accounting procedures include –	(2) Les procédures comptables de fin d'année comprennent –
(a) ibisobanuro ku biteganywa n'Itegeko Ngenga byerekeye gutanga uruhushya rwo gusohora amafaranga akoreshwa n'urw'ihererekanya ryayo;	(a) clarifications on the provisions of the Organic Law relating to authorization of expenditures and transfers;	(a) des éclaircissements sur les dispositions de la Loi Organique relatives à l'autorisation des dépenses et des transferts;
(b) ibisobanuro ku biteganywa n'Itegeko Ngenga bijyanye n'amafaranga atarakoreshejwe kugeza ku mpera z'umwaka w'ingengo y'imari;	(b) clarifications on the provisions of the Organic Law relating to unutilized funds at the end of the fiscal year;	(b) des éclaircissements sur les dispositions de la Loi Organique relatives aux fonds non utilisés à la fin d'exercice financier;
(c) amatariki ntarengwa y'ingenzi yo gushyikiriza raporo zitandukanye Minisiteri n'Urwego rw'Ubugenzuzi	(c) critical deadlines for submission of various reports to the Ministry and the Office of the Auditor General	(c) des délais critiques pour la soumission des différents rapports au Ministère et à l'Office de

Bukuru bw'Imari ya Leta;	of State Finances;	l'Auditeur Général des Finances de l'État;
(d) ibibazo by'ingenzi n'ibikurikizwa mu gusoza ibitabo;	(d) key issues and procedures for closing the books;	(d) des questions clés et des procédures pour la clôture des comptes;
(e) ibikurikizwa mu gusobanura amafaranga yasigaye cyangwa ari kuri konti adafite ibisobanuro;	(e) procedures for clearing any imprest and suspense accounts;	(e) des procédures de régularisation des soldes et des comptes en suspens;
(f) imirongo ngenderwaho mu gukora ubugororangingo nyuma y'impera z'umwaka;	(f) guidelines for making adjustments after year-end;	(f) des lignes directrices pour effectuer des ajustements après la fin de l'exercice;
(g) imirongo ngenderwaho y'igenzurwa rya raporo z'imari bwite mbere yo kuzishyikiriza Minisiteri;	(g) guidelines for internal quality review of financial reports before submission to the Ministry;	(g) des lignes directrices pour la revue de la qualité des rapports financiers avant leur soumission au Ministère;
(h) ibikurikizwa byihariye ku nzego za Leta zikoresha IFMIS;	(h) specific procedures for public entities using the IFMIS;	(h) les procédures spécifiques pour les entités publiques utilisant l'IFMIS;
(i) ivugururwa ku nyandiko rugero zemejwe zitangirwaho raporo y'imari;	(i) updates on the approved financial reporting templates; and	(i) les mises à jour des rapports modèles financiers approuvés; et
(j) n'ivugururwa ryose ku mabwiriza mpuzamahanga agenga ibaruramari ry'inzego za Leta no ku mahame mpuzamahanga y'imitangire ya raporo z'imari.	(j) updates on the International Public Sector Accounting Standards and International Financial Reporting Standards.	(j) les mises à jour sur les normes comptables internationales pour le secteur public et les Normes internationales d'information financière.

Ingingo ya 95: Inyandiko z'icungamutungo n'ibaruramari	**Article 95: Accounting and financial records**	**Article 95: Documents comptables et financiers**
(1) Urwego rwa Leta rubika neza ibitabo by'ibaruramari, inyandiko z'icungamutungo n'iz'imari ku bikorwa byerekeye imari byakozwe n'urwego rwa Leta harimo amafaranga yinjiye, amafaranga yasohotse, imitungo n'imyenda byarwo.	(1) A public entity keeps proper books of accounts and financial records on financial transactions of the entity including revenues, expenditures, assets and liabilities.	(1) L'entité publique tient correctement les livres des comptes, les documents comptables et financiers en rapport avec les transactions financières de l'entité, y compris les recettes, les dépenses, les actifs et les passifs.
(2) Inyandiko z'icungamutungo n'iz'ibaruramari z'urwego rwa Leta zibikwa mu buryo bwanditse ku mpapuro cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga, cyangwa muri ubwo buryo bwombi.	(2) Accounting and financial records of a public entity are kept either on paper or in electronic form, or both.	(2) Les documents comptables et financiers d'une entité publique sont tenus, soit sur support papier ou sous forme électronique, ou les deux à la fois.
(3) Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta agenzura ko inyandiko z'icungamutungo n'iz'ibaruramari, harimo n'imigereka yazo, zibikwa neza kandi zikarindwa uwazigeraho atabyemerewe, kwangirika cyangwa kwangizwa kandi mu buryo butuma byoroha kongera kuzibona, iyo bibaye ngombwa.	(3) The Chief Budget Manager ensures that accounting and financial records, including their supporting attachments, are securely kept and protected from unauthorised access, damage or destruction and in a manner that ensures easy retrieval, where necessary.	(3) Le Gestionnaire principal du budget veille à ce que les documents comptables et financiers, y compris les pièces jointes, soient conservés en toute sécurité et protégés contre tout accès non autorisé, tout dommage ou toute destruction, et de manière à garantir une récupération facile, si nécessaire.
(4) Urwego rwa Leta rubika mu buryo butekanye inyandiko z'icungamutungo n'iz'ibaruramari zarwo hamwe n'imigereka yazo mu gihe cy'imyaka icumi nibura guhera mu ntangiriro	(4) A public entity maintains its accounting and financial records with their supporting attachments safely for a period of at least ten years from the beginning of the financial year in	(4) L'entité publique conserve ses documents comptables et financiers, avec leur pièces jointes, en toute sécurité pendant une période d'au moins dix ans à compter du début de

z'umwaka w'ingengo y'imari igikorwa cyerekeye imari cyabereyemo, uretse iyo amategeko abiteganya ukundi.	which the financial transaction was completed, unless otherwise prescribed by law.	l'exercice au cours duquel la transaction financière a été réalisée, sauf disposition contraire de la loi.
(5) Amabwiriza arambuye ku nyandiko zibikwa no ku gihe zimara zibitswe akubiye mu gitabo ngengamikorere cy'ibaruramari. Inyandiko koranabuhanga zibikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga kandi zikagerwaho gusa n'abantu babiherewe uburenganzira, nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga.	(5) Detailed guidance on the documentation and records to be retained and the period of retention are contained in the accounting manual. Electronic documents and records are electronically archived and stored and are accessible only to authorised persons, in line with the applicable legal framework.	(5) Les instructions détaillées sur la documentation et les enregistrements à conserver ainsi que sur la période de conservation sont contenues dans le manuel de comptabilité. Les documents et enregistrements électroniques sont archivés et stockés électroniquement et ne sont accessibles qu'aux personnes autorisées, conformément au cadre juridique applicable.
<u>Ingingo ya 96</u>: Gutegura no gutanga raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari	**<u>Article 96</u>: Preparation and submission of budget execution reports**	**<u>Article 96</u>: Préparation et transmission des rapports d'exécution du budget**
(1) Urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta rutegura kandi rugashyikiriza Minisiteri irureberera raporo y'igihembwe n'iya buri mwaka ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari na raporo z'ibikorwa mu gihe kitarenze iminsi icumi ikurikira irangira rya buri gihembwe no mu gihe kitarenze iminsi 20 ikurikira irangira ry'umwaka w'ingengo y'imari.	(1) A Central Government entity prepares and submits quarterly and annual budget execution and activity reports to the supervising Ministry within ten days after the end of each quarter and within 20 days after the end of the fiscal year.	(1) Une entité de l'administration centrale prépare et soumet ses rapports trimestriel et annuel d'exécution du budget et ses rapports d'activités au Ministère de tutelle dans un délai de dix jours suivant la fin de chaque trimestre et dans un délai de 20 jours suivant la fin de l'exercice.
(2) Urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage rutegura kandi rugatanga raporo y'igihembwe n'iya buri	(2) A decentralised entity prepares and submits quarterly and annual budget execution and activity reports to the	(2) Une entité décentralisée prépare et soumet des rapports trimestriels et annuels d'exécution du budget et

mwaka ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari na raporo z'ibikorwa ku Nama Njyanama, rukagenera kopi Minisitiri ufite inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu nshingano, mu gihe kitarenze iminsi icumi ikurikira irangira rya buri gihembwe no mu gihe kitarenze iminsi 20 ikurikira irangira ry'umwaka w'ingengo y'imari.	District Council with copy to the Minister in charge of decentralised entities within ten days after the end of each quarter and within 20 days after the end of the fiscal year.	d'activités au Conseil de District, avec copie au Ministre ayant les entités décentralisées dans ses attributions, dans un délai de dix jours suivant la fin de chaque trimestre et dans un délai de 20 jours suivant la fin de l'exercice.
(3) Minisiteri zose n'inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta zidafite minisiteri zizireberera zitegura kandi zigashyikiriza Minisitiri raporo zazo z'igihembwe n'iz'umwaka ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari, harimo na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iyinjizwa ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo mu ngengo y'imari n'izerekeye ibikorwa. Izo raporo zitangwa mu gihe kitarenze iminsi 20 ikurikira irangira rya buri gihembwe no mu gihe kitarenze iminsi 45 ikurikira irangira ry'umwaka w'ingengo y'imari.	(3) All Ministries and Central Government entities which are not under the supervision of any ministry prepare and submit to the Minister their quarterly and annual budget execution reports, including gender budget statements, and their activity reports. The reports are submitted within 20 days after the end of each quarter and within 45 days after the end of the fiscal year.	(3) Tous les Ministères et entités de l'administration centrale qui ne sont sous la tutelle d'aucun ministère préparent et soumettent au Ministre leur rapports trimestriels et annuels d'exécution du budget, y compris les déclarations d'équité budgétaires entre les femmes et les hommes et leurs rapports d'activités. Ces rapports sont soumis dans un délai de 20 jours suivant la fin de chaque trimestre et dans un délai de 45 jours suivant la fin de l'exercice.
(4) Buri gihembwe na buri mwaka, Minisiteri itegura raporo ihujwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ikubiyemo na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iyinjizwa ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo mu ngengo	(4) On a quarterly and annual basis, the Ministry prepares a consolidated budget execution report which also includes implementation on gender budget statements and publishes it on its website within 45 days after the end	(4) Chaque trimestre et chaque année, le Ministère prépare un rapport consolidé sur l'exécution du budget qui comprend également la déclaration d'équité budgétaire entre les femmes et les hommes, et le publie sur son site

y'imari, kandi ikayitangaza ku rubuga rwayo mu gihe kitarenze iminsi 45 ikurikira irangira rya buri gihembwe ku bireba raporo y'igihembwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari, no mu gihe kitarenze amezi atatu akurikira irangira ry'umwaka ku bireba raporo y'umwaka ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari.	of each quarter for quarterly budget execution report and within three months after the end of year for annual budget execution report.	web dans un délai de 45 jours suivant la fin de chaque trimestre pour le rapport trimestriel sur l'exécution du budget et dans un délai de trois mois suivant la fin de l'exercice pour le rapport annuel sur l'exécution du budget.
(5) Minisitiri, abinyujije mu Nama y'Abaminisitiri, ategura kandi agashyikiriza Umutwe w'Abadepite, raporo ihujwe y'amezi atandatu ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari.	(5) The Minister prepares and submits through the Cabinet, a mid-year consolidated budget execution report to the Chamber of Deputies.	(5) Le Ministre prépare et soumet par l'intermédiaire du Conseil des Ministres, un rapport semestriel consolidé sur l'exécution du budget à la Chambre des Députés.
(6) Umuyobozi w'ingengo y'imari y'Igihugu aha amabwiriza inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ku miterere ya raporo y'igihembwe n'iy'umwaka ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari, ibizikubiyemo n'uburyo bwo kuzitegura no kuzitanga.	(6) The head of National Budget issues instructions to Central Government entities and decentralised entities on the format, content and modalities for preparing and submission of quarterly and annual budget execution reports.	(6) Le responsable du budget national donne des instructions aux entités de l'administration centrale et aux entités décentralisées sur le format, le contenu et les modalités d'élaboration et de présentation des rapports trimestriels et annuels sur l'exécution du budget.
Ingingo ya 97: Gutegura no gutanga raporo z'ibaruramari	**Article 97: Preparation and submission of financial statements**	**Article 97: Préparation et transmission des rapports financiers**
(1) Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta bo mu nzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'abo mu	(1) Chief Budget Managers of Central Government entities and decentralised entities prepare and submit monthly	(1) Les Gestionnaires principaux du budget des entités de l'administration centrale et des entités décentralisées

nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage bategura kandi bagashyikiriza raporo y'ibaruramari ya buri kwezi Minisiteri bitarenze ku munsi wa 20 ukurikira ukwezi kurangiye.	financial statements to the Ministry by the 20th day following the end of the month.	préparent et soumettent mensuellement leurs états financiers au Ministère au plus tard le 20ème jour suivant la fin du mois.
(2) Abayobozi b'amashami y'inzego za Leta bakora ku buryo raporo z'ibaruramari za buri kwezi zayo zitegurwa kandi zigashyikirizwa inzego zireberera ayo mashami bitarenze umunsi wa cumi ukurikira ukwezi kurangiye.	(2) Heads of subsidiary entities ensures that their monthly financial statements are prepared and submitted to their respective line institutions by the tenth day following the end of the month.	(2) Les responsables des entités affiliées veillent à ce que leurs états financiers mensuels soient préparés et soumis à leurs institutions de tutelle respectives au plus tard le dixième jour suivant la fin du mois.
(3) Ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi bidahabwa ingengo y'imari ivuye mu Kigega cya Leta, inzego zihariye mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta n'amasosiyete y'ubucuruzi ya Leta bitanga buri gihembwe raporo y'ibaruramari yabyo mu gihe kitarenze iminsi 20 ikurikira igihembwe kirangiye kandi imaze kwemezwa n'urwego bireba.	(3) Non-commercial public institutions that do not receive budget from the National Treasury, special organs in terms of public finance management and state-owned companies submit their financial statements on a quarterly basis within 20 days following the end of the quarter and after approval by the relevant authority.	(3) Les établissements publics à caractère non commercial qui ne reçoivent pas de budget du Trésor National, les organes spécialisés en termes de gestion des finances publiques et les sociétés commerciales de l'État soumettent trimestriellement leurs états financiers dans un délai de 20 jours suivant la fin du trimestre et après approbation de l'autorité concernée.
(4) Urwego rwa Leta rutegura kandi rugashyikiriza Minisiteri raporo y'ibaruramari y'umwaka itaragenzurwa, rukagenera kopi Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta mu gihe kitarenze iminsi 45 ikurikira umwaka w'ingengo y'imari urangiye, imaze kwemezwa n'urwego rubifitiye ububasha. Abayobozi	(4) A public entity prepares and submits its annual unaudited financial statements to the Ministry with a copy to the Auditor General of State Finances within 45 days after the end of the fiscal year after approval by the competent authority. Heads of subsidiary entities ensure that their	(4) Une entité publique prépare et soumet ses états financiers annuels non audités au ministère avec une copie à l'Auditeur général des finances de l'État dans un délai de 45 jours à compter de la fin de l'exercice et après approbation par l'autorité compétente. Les responsables des entités affiliées

b'amashami y'inzego za Leta bashyikiriza raporo z'ibaruramari z'umwaka zitaragenzurwa inzego zireberera amashami bayobora mu gihe kitarenze iminsi 30 ikurikira umwaka w'ingengo y'imari urangiye.	unaudited annual financial statements are submitted to their respective line institutions within 30 days after the end the fiscal year.	soumettent leurs états financiers annuels non audités à leurs institutions de tutelle respectives dans un délai de 30 jours suivant la fin de l'exercice.
(5) Raporo z'ibaruramari z'inzego za Leta zitegurwa hakurikijwe amahame akurikizwa.	(5) The financial statements of public entities are prepared in accordance with applicable standards.	(5) Les états financiers des entités publiques sont préparés conformément aux normes applicables.
(6) Urwego rwa Leta rushyikiriza Minisitiri kandi rugatangaza ku rubuga rwa interineti rwarwo raporo y'umwaka ikubiyemo raporo y'ibaruramari yagenzuwe n'amakuru ku bikorwa byarwo, imikorere n'imiyoborere, mu gihe kitarenze ukwezi kumwe nyuma y'uko ubugenzuzi burangiye.	(6) A public entity submits to the Minister and publish on its website the annual report that includes the audited financial statements and information on its operations, performance, and governance, within one month after the completion of the audit.	(6) Une entité publique soumet au Ministre et publier sur son site web le rapport annuel comprenant les états financiers audités et des informations sur ses opérations, sa performance et sa gouvernance, dans un délai d'un mois après la fin de l'audit.
(7) Mu bishyirwa muri raporo y'ibaruramari itegurwa n'urwego rwa Leta hakubiyemo –	(7) Contents of the financial statement prepared by a public entity include –	(7) Le contenu des états financiers établis par une entité publique comprend –
(a) raporo igaragaza uko imari ihagaze yerekana amafaranga yinjiye n'amafaranga yakoreshejwe;	(a) a statement of financial performance showing revenues and expenditures;	(a) l'état de la performance financière montrant les recettes et les dépenses;
(b) raporo y'uko ingengo y'imari yagenwe igereranywa n'amafaranga yakoreshejwe;	(b) a statement of appropriation comparing budget against actual out-turn on a consistent basis;	(b) l'état des dotations comparant les prévisions budgétaires et les résultats réels de manière cohérente;

(c) inyandiko igaragaza uko imari ya Leta ihagaze yerekana imitungo n'imyenda;	(c) a statement of financial position showing assets and liabilities;	(c) l'état de la situation financière montrant les actifs et les passifs;
(d) raporo igaragaza uko amafaranga yinjiye n'uko yasohotse;	(d) statement of cash flows;	(d) le tableau des flux de trésorerie;
(e) raporo igaragaza impinduka zabaye mu mutungo nyakuri cyangwa mu mutungo w'imari shingiro;	(e) statement of changes in Net Assets or Equity;	(e) l'état de variation de l'actif net ou des capitaux propres;
(f) politiki z'ibaruramari zagendeweho mu gutegura no gutanga inyandiko zerekana amakuru ku mari;	(f) accounting policies applied in preparing and presenting the financial disclosure notes; and	(f) les principes comptables retenus dans la préparation et la présentation des notes d'information financière; et
(g) n'inyandiko zitanga amakuru n'imigereka ya ngombwa bishimangira imitangire myiza ya raporo kandi mu buryo bwumvikana.	(g) disclosure notes and schedules relevant to enhancing fair presentation and understandability of the statement.	(g) les notes d'informations et les annexes pertinentes pour améliorer la présentation fidèle et la compréhensibilité du rapport.
(8) Umubaruramari Mukuru ashyiraho inyandikorugero ku mitangire ya raporo y'imari n'imirongo ngenderwaho mu gutegura raporo z'ibaruramari na raporo z'umwaka hakurikijwe politiki, amahame n'ibipimo by'ibaruramari bikurikizwa.	(8) The Accountant General issues financial reporting templates and guidelines on preparation of financial statements and annual reports in accordance with applicable accounting policies, principles and standards.	(8) Le Comptable général édicte des modèles d'utilisation pour l'élaboration de rapports financiers et des lignes directrices sur la préparation des états financiers et des rapports annuels conformément aux politiques, principes et normes comptables applicables.

Ingingo ya 98: Itegurwa n'itangwa rya raporo z'ibikorwa	**Article 98: Preparation and submission of activity reports**	**Article 98: Préparation et transmission des rapports d'activités**
(1) Urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta rutegura kandi rugashyikiriza minisiteri irureberera raporo y'ibikorwa ya buri gihembwe n'iya buri mwaka mu gihe kitarenze iminsi icumi ikurikira irangira rya buri gihembwe no mu gihe kitarenze iminsi 20 ikurikira irangira ry'umwaka w'ingengo w'imari.	(1) A Central Government entity prepares and submits quarterly and annual activity reports to the supervising Ministry within ten days after the end of each quarter and within 20 days after the end of the fiscal year.	(1) Une entité de l'administration centrale prépare et soumet des rapports d'activités trimestriels et annuels au ministère de tutelle dans un délai de dix jours suivant la fin de chaque trimestre et dans un délai de 20 jours suivant la fin de l'exercice.
(2) Urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage rutegura kandi rugatanga raporo y'ibikorwa ya buri gihembwe n'iya buri mwaka ku Nama Njyanama y'Akarere rukanaha kopi Minisitiri ufite inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi icumi ikurikira igihembwe kirangiye no mu gihe kitarenze iminsi 20 ikurikira umwaka w'ingengo y'imari urangiye.	(2) A decentralised entity prepares and submits quarterly and annual activity reports to the District Council with a copy to the Minister in charge of decentralised entities within ten days after the end of each quarter and within 20 days after the end of the fiscal year.	(2) Une entité décentralisée prépare et soumet des rapports d'activités trimestriels et annuels au Conseil de District avec copie au Ministre ayant les entités décentralisées dans ses attributions dans un délai de dix jours suivant la fin de chaque trimestre et dans un délai de 20 jours suivant la fin de l'exercice.
(3) Minisiteri zose n'inzego z'Ubutegetsi bwite bwa za Leta zidafite minisiteri izireberera zitegura kandi zigashyikiriza Minisitiri raporo z'ibikorwa byazo za buri gihembwe n'iza buri mwaka. Raporo y'ibikorwa ya buri gihembwe itangwa mu gihe kitarenze iminsi 20 ikurikira igihembwe kirangiye naho iya	(3) All Ministries and Central Government entities which are not under the supervision of a ministry prepare and submit to the Minister their quarterly and annual activity reports. The quarterly activity report is submitted within 20 days after the end of each quarter and the annual activity report is	(3) Tous les Ministères et entités de l'administration centrale qui ne sont sous la tutelle d'un ministère préparent et soumettent au Ministre leurs rapports d'activités trimestriels et annuels. Le rapport d'activités trimestriel est soumis dans un délai de 20 jours suivant la fin de chaque

buri mwaka igatangwa mu gihe kitarenze iminsi 45 ikurikira umwaka w'ingengo y'imari urangiye.	submitted within 45 days after the end of the fiscal year.	trimestre tandis que le rapport d'activités annuels est soumis dans un délai de 45 jours suivant la fin de l'exercice.
(4) Raporo y'ibikorwa ya buri mwaka itangwa n'urwego rwa Leta isobanura neza uburyo gahunda z'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo zashyizwe mu bikorwa.	(4) The annual activity report submitted by a public entity specifies how plans for ensuring gender equality have been implemented.	(4) Le rapport d'activités annuel présenté par une entité publique précise comment les plans visant à assurer l'égalité entre les femmes et les hommes ont été mis en œuvre.
(5) Raporo y'ibikorwa ya buri mwaka iba ijyanye na raporo y'ibaruramari y'umwaka na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'urwego.	(5) The annual activity report must be consistent with the annual financial statements and budget execution report of the entity.	(5) Le rapport d'activités annuel doit être cohérent avec les états financiers annuels et le rapport d'exécution budgétaire de l'entité.
(6) Umuyobozi ushinzwe igenamigambi ry'Igihugu aha inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage amabwiriza ku byerekeye imiterere ya raporo y'ibikorwa ya buri gihembwe n'iya buri mwaka, ibiyikubiyemo, uburyo bwo kuyitegura no kuyitanga.	(6) The head of National Planning issues instructions to Central Government and decentralised entities on the format, content, modalities for preparing and submission of quarterly and annual activity reports.	(6) Le responsable de la planification nationale donne des instructions aux entités de l'administration centrale et aux entités décentralisées sur le format, le contenu et les modalités d'élaboration et de présentation des rapports d'activités trimestriels et annuels.
<u>Ingingo ya 99</u>: Raporo ku bikorwa by'Ikigega cya Leta	**<u>Article 99</u>: Reports on National Treasury operations**	**<u>Article 99</u>: Rapports sur les opérations du Trésor National**
(1) Umuyobozi wa serivisi ishinzwe imicungire y'Ikigega cya Leta ategurira Umubaruramari Mukuru raporo y'imari ya buri gihembwe n'iya buri mwaka ku	(1) The Head of National Treasury function prepares, for the attention of the Accountant General, quarterly and annual financial reports on the financial	(1) Le responsable de la fonction du Trésor National prépare, à l'attention du Comptable général, des rapports financiers trimestriels et annuels sur les

bikorwa byerekeye imari binyura kuri konti z'Ikigega gihurizwamo amafaranga ya Leta. Izo raporo zikubiyemo –	transactions through the Consolidated Fund accounts. The reports include –	opérations financières effectuées par l'intermédiaire des comptes du Fonds Consolidé. Les rapports comprennent –
(a) amafaranga yinjiye ku makonti y'Ikigega cya Leta;	(a) funds received through the National Treasury accounts;	(a) les fonds reçus par l'intermédiaire des comptes du Trésor National;
(b) amafaranga yishyuriwe inzego za Leta n'ayo zohererejwe bishingiye ku ngengo y'imari yazo yemejwe;	(b) payments on behalf of and transfers to public entities against their approved budget;	(b) les paiements au nom des entités publiques et les transferts aux entités publiques sur leur budget approuvé;
(c) ubundi bwishyu no kwishyura hakoreshejwe uburyo butaziguye bukura amafaranga kuri konti z'Ikigega cya Leta;	(c) any other payments and direct debits made from National Treasury accounts;	(c) l'autre paiement et prélèvements directs effectués sur les comptes du Trésor National;
(d) amafaranga ari mu Kigega cya Leta mu ntangiriro no mu mpera yahujwe n'ari mu nyandiko za banki;	(d) opening and closing bank balances for the National Treasury account reconciled to the bank statements;	(d) les soldes bancaires d'ouverture et de clôture du compte du Trésor National rapprochés des relevés bancaires;
(e) indi mitungo n'imyenda bigenzurwa n'Ikigega cya Leta;	(e) any other assets and liabilities under control of the National Treasury; and	(e) l'autre actif et passif sous le contrôle du Trésor National; et
(f) n'inyandiko zitanga amakuru n'imigereka ya ngombwa bishimangira imitangire ya raporo y'ukuri ku bikorwa by'imari by'Ikigega cya Leta.	(f) disclosure notes and schedules relevant to enhancing accurate presentation of the National Treasury financial operations.	(f) les notes d'informations et annexes pertinentes pour améliorer la présentation précise des opérations financières du Trésor National.

(2) Raporo y'igihembwe itangwa ku munsi wa 20 w'ukwezi gukurikiye igihembwe kirangiye.	(2) The quarterly report is submitted by the 20th of the month following the end of the quarter.	(2) Le rapport trimestriel est transmis le 20ème jour du mois suivant la fin du trimestre.
(3) Raporo y'umwaka itangwa mu gihe kitarenze iminsi 45 ikurikira umwaka w'ingengo y'imari urangiye.	(3) The annual report is submitted within 45 days after the end of the fiscal year.	(3) Le rapport annuel est présenté dans un délai de 45 jours suivant la fin de l'exercice fiscal.
Ingingo ya 100: Gutegura no gutanga raporo y'ibaruramari ihujwe	**Article 100: Preparation and submission of consolidated financial statements**	**Article 100: Préparation et transmission des états financiers consolidés**
(1) Raporo y'ibaruramari ihujwe itegurwa kandi igashyikirizwa Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, bitarenze ku ya 30 Nzeri y'umwaka w'ingengo y'imari ukurikira.	(1) The consolidated financial statements are prepared and submitted to the Auditor General of State Finances, not later than 30 September of the following fiscal year.	(1) Les états financiers consolidés sont préparés et soumis à l'Auditeur général des finances de l'État, au plus tard le 30 septembre de l'exercice suivant.
(2) Raporo y'ibaruramari ihujwe ireba igihe cyo kuva ku ya 1 Nyakanga kugeza ku ya 30 Kamena. Imibare igereranya igaragaza igihe kimwe cy'umwaka ushize.	(2) The consolidated financial statements cover the period from 1st July to 30th June. The comparative figures reflect the same period of the previous year.	(2) Les états financiers consolidés couvrent la période du 1er juillet au 30 juin. Les chiffres comparatifs reflètent la même période de l'année précédente.
(3) Ibiva mu nzego za Leta bigenda byinjizwa mu bigize raporo y'ibaruramari ihujwe nk'uko bikurikirana hakurikijwe ingengabihe y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibaruramari yemejwe.	(3) The scope of the consolidated financial statements progressively includes public entities in line with approved accrual implementation roadmap.	(3) La portée des états financiers consolidés inclue progressivement les entités publiques conformément à la feuille de route de mise en œuvre de la comptabilité d'exercice approuvée.
(4) Umubaruramari Mukuru, atanga amabwiriza, imiterere n'inyandikorugero	(4) The Accountant General issues instructions, formats and templates for	(4) Le Comptable général émet des instructions, des formats et des

bikurikizwa mu gutegura raporo y'ibaruramari ihujwe kandi agahuza ibikorwa byo kuyitegura.	the preparation of consolidated financial statements and coordinate their preparation.	modèles pour la préparation des états financiers consolidés et coordonne leur préparation.
(5) Raporo y'ibaruramari ihujwe iba irimo ibi bikurikira:	(5) The consolidated financial statements include the following:	(5) Les états financiers consolidés comprennent les éléments suivants:
(a) inyandiko y'inshingano zashyizweho umukono n'Umucungamari Mukuru, Umuyobozi w'Ikigega cya Leta na Minisitiri;	(a) a statement of responsibilities signed by the Accountant General, the Official in charge of the National Treasury and the Minister; and	(a) une déclaration des responsabilités signée par le Comptable général, l'autorité responsable du Trésor National et le Ministre; et
(b) n'ingingo z'ingenzi n'ibisobanuro byatanzwe n'Umubaruramari Mukuru kuri raporo y'ibaruramari.	(b) highlights and commentary by the Accountant General on the financial statements.	(b) les faits saillants et les commentaires du Comptable général sur les états financiers.
(6) Haseguriwe amahame y'imitangire ya raporo z'imari akurikizwa, raporo y'ibaruramari ihujwe iteguwe neza iba ikubiyemo ibi bikurikira:	(6) Subject to applicable financial reporting standards, the consolidated financial statements prepared include the following:	(6) Sous réserve des normes d'information financière applicables, les états financiers consolidés préparés comprennent ce qui suit:
(a) raporo igaragaza uko imari ihagaze yerekana amafaranga yinjiye n'amafaranga yakoreshejwe;	(a) the statement of financial performance showing revenues and expenditures;	(a) l'état de la performance financière montrant les recettes et les dépenses;
(b) raporo y'uko ingengo y'imari yagenwe igereranywa n'amafaranga yakoreshejwe;	(b) the statement of appropriation comparing budget against actual out-turn;	(b) l'état des dotations comparant les prévisions budgétaires et les résultats réels;
(c) inyandiko igaragaza uko imari ya Leta ihagaze yerekana imitungo	(c) the statement of financial position showing assets and liabilities;	(c) l'état de la situation financière montrant les actifs et les passifs;

n'imyenda;		
(d) raporo igaragaza uko amafaranga yinjiye n'uko yasohotse;	(d) the statement of cash flows;	(d) le tableau des flux de trésorerie;
(e) raporo igaragaza impinduka zabaye mu mutungo nyakuri cyangwa mu mutungo w'imari shingiro;	(e) the statement of changes in Net Assets or Equity;	(e) l'état de variation de l'actif net ou des capitaux propres;
(f) politiki z'ibaruramari zagendeweho mu gutegura no gutanga raporo y'ibaruramari;	(f) the accounting policies applied in preparing and presenting the financial statements;	(f) les principes comptables retenus dans la préparation et la présentation des notes d'information financière;
(g) inyandiko zitanga amakuru n'imigereka ya ngombwa bishimangira imitangire myiza ya raporo kandi mu buryo bwumvikana.	(g) the disclosure notes and schedules relevant to enhancing fair presentation and understandability of the statements.	(g) les notes d'information et les annexes pertinentes pour améliorer la présentation fidèle et la compréhensibilité des rapports.
(7) Umubaruramari Mukuru atangaza ku rubuga rwa Minisiteri raporo y'ibaruramari ihujwe y'umwaka yagenzuwe, mu gihe kitarenze ukwezi kumwe nyuma y'uko Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ashyikirije raporo Inteko Ishinga Amategeko.	(7) The Accountant General publishes on the Ministry website the annual audited consolidated financial statements within one month after the report of the Auditor General of State Finances is presented to Parliament.	(7) Le Comptable général publie sur le site web du Ministère les états financiers consolidés annuels audités dans un délai d'un mois après la présentation au Parlement du rapport de l'Auditeur général des finances de l'État.
<u>UMUTWE WA IX</u>: IMICUNGIRE Y'IBYATEZA INGORANE N'UBUGENZUZI BWITE	**<u>CHAPTER IX</u>: RISK MANAGEMENT AND INTERNAL AUDIT**	**<u>CHAPITRE IX</u>: GESTION DES RISQUES ET AUDIT INTERNE**

Icyiciro cya mbere: Imicungire y'ibyateza ingorane	**Section One: Risk management**	**Section première: Gestion des risques**
Ingingo ya 101: Serivisi ishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane	**Article 101: Risk management function**	**Article 101: Fonction de gestion des risques**
(1) Mu mirimo y'imicungire y'ibyateza ingorane, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ategura kandi agashyira mu bikorwa amahame y'imicungire y'ibyateza ingorane mu rwego rwa Leta ajyanye n'imirongo ngenderwaho ikurikizwa mu micungire y'ibyateza ingorane mu nzego za Leta.	(1) In risk management and internal audit functions, the Chief Budget Manager develops and implements the risk management framework in the entity in compliance with the Risk Management guidelines for public entities.	(1) Dans les fonctions de gestion des risques et d'audit interne, le Gestionnaire principal du budget élabore et met en œuvre le cadre de gestion des risques dans l'entité conformément aux directives de gestion des risques pour les entités publiques.
(2) Serivisi ishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane ku rwego rw'Igihugu ikorera muri Minisiteri kugira ngo ifashe Minisitiri kugenzura ibibazo byose bijyanye n'imicungire y'ibyateza ingorane mu nzego za Leta.	(2) A National Risk management function is based in the Ministry to assist the Minister in overseeing all aspects of risk management within public entities.	(2) Une fonction nationale de gestion des risques est basée au Ministère pour aider le Ministre à superviser tous les aspects de la gestion des risques au sein des entités publiques.
(3) Minisitiri atanga imirongo ngenderwaho ku nzego za Leta yerekeye politiki n'ibikurizwa mu gucunga ibyateza ingorane kugira ngo inzego za Leta zibashe gushyiraho ingamba zazo bwite zo gucunga ibyateza ingorane, zemezwa n'Abayobozi bazo cyangwa inzego zifata ibyemezo mbere y'uko zishyirwa mu bikorwa.	(3) The Minister issues guidelines to public entities on risk management policies and procedures to enable public entities to develop their own risk management strategies to be approved by their Executive Heads or decision-making organs before implementation.	(3) Le Ministre émet des lignes directrices pour les entités publiques sur les politiques et les procédures de gestion des risques en vue de permettre aux entités publiques de développer leurs propres stratégies de gestion des risques à être approuvées par leurs responsables exécutifs ou leurs organes de décision avant leur mise en

		application.
(4) Umuyobozi w'urwego rwa Leta afite inshingano nyamukuru yo gucunga ibyateza ingorane. Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ashinzwe gushyira mu bikorwa imicungire y'ibyateza ingorane mu rwego rwa Leta. Inama y'ubuyobozi, inama njyanama cyangwa inama nyobozi zigenzura imikorere y'urwego rwa Leta mu gucunga ibyateza ingorane.	(4) The Executive Head of a public entity bears ultimate responsibility for risk management. The Chief Budget Manager is responsible for implementation of risk management in a public entity. The Board of Directors, the Council or the Governing Body oversees the public entity's effectiveness in managing risks.	(4) Le responsable exécutif d'une entité publique assume la responsabilité ultime de la gestion des risques. Le Gestionnaire principal du budget est responsable de la mise en œuvre de la gestion des risques dans une entité publique. Le Conseil d'administration, le Conseil ou l'Organe de direction exerce une surveillance sur l'efficacité de l'entité publique dans la gestion des risques.
(5) Buri rwego rwa Leta rushyiraho serivisi ishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane hagamijwe gufasha Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta gushyira mu bikorwa imicungire y'ibyateza ingorane.	(5) Each public entity establishes a Risk management function to support the Chief Budget Manager in implementing risk management.	(5) Chaque entité publique établit la fonction de gestion des risques pour aider le Gestionnaire principal du budget à mettre en œuvre la gestion des risques.
(6) Inzego za Leta zishyikiriza Minisitiri, buri gihembwe, raporo ku byateza ingorane. Inshingano zijyanye n'uburyo raporo ku byateza ingorane zitangwa zisobanurwa mu mirongo ngenderwaho yerekeye politiki n'ibikurizwa mu gucunga ibyateza ingorane.	(6) Public entities provide, on a quarterly basis, the risk report to the Minister. The risk reporting responsibilities are clarified in the Guidelines on risk management policies and procedures.	(6) Les entités publiques soumettent trimestriellement un rapport sur les risques au Ministre. Les attributions de soumission des rapports sur les risques sont détaillées dans les lignes directrices sur les politiques et les procédures de gestion des risques.

Ingingo ya 102: Ibiro bishinzwe guhuza ibikorwa byo gucunga ibyateza ingorane ku rwego rw'Igihugu	**Article 102: National Risk Management Coordination Office**	**Article 102: Bureau national de coordination de la gestion des risques**
(1) Serivisi ishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane ikorera mu Biro by'Igihugu bishinzwe guhuza ibikorwa by'imicungire y'ibyateza ingorane kandi ikayoborwa n'Umuhuzabikorwa w'Igihugu ku micungire y'ibyateza ingorane.	(1) The risk management function is exercised in the National Risk Management Coordination Office and coordinated by the National Risk Management Coordinator.	(1) La fonction de gestion des risques est exercée au sein du Bureau national de coordination de la gestion des risques et coordonnée par le Coordinateur national de gestion des risques.
(2) Umuhuzabikorwa w'Igihugu ku micungire y'ibyateza ingorane ashinzwe–	(2) The National Risk Management Coordinator is responsible for –	(2) Le coordinateur national de gestion des risques est chargé –
(a) gutegura no gushyira mu bikorwa ibyifashishwa n'uburyo bukoreshwa mu micungire y'ibyateza ingorane;	(a) developing and implementing risk management tools and methodologies;	(a) d'élaborer et de mettre en œuvre des outils et des méthodologies de gestion des risques ;
(b) guha inzego za Leta ubufasha mu bya tekinike mu birebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'imicungire y'ibyateza ingorane;	(b) providing technical support to the public entities for implementation of risk management;	(b) de fournir un appui technique aux entités publiques pour la mise en œuvre de la gestion des risques ;
(c) gutegura no kubungabunga ububiko bw'amakuru y'ibyateza ingorane ku rwego rw'Igihugu buzajya bwifashishwa nk'isoko y'ubumenyi mu by'imicungire y'ibyateza ingorane no gutegura imfashanyigisho zifashishwa mu	(c) developing and maintaining a national Risk database that will serve as a knowledge centre for risk management and developing programs for capacity building in risk management; and	(c) de développer et de maintenir une base de données nationale sur les risques qui servira de centre de connaissances sur la gestion des risques et développer des programmes de renforcement des capacités en matière de gestion des risques ; et

kongerera abakozi ubushobozi mu micungire y'ibyateza ingorane;		
(d) no gutegura no gushyira mu bikorwa uburyo bukwiye bw'ikoranabuhanga bwo gutanga amakuru yerekeye imicungire y'ibyateza ingorane hagamijwe guteza imbere uburyo buhuriweho bwo gukurikirana no gutanga raporo ku gihe ku byateza ingorane mu nzego za Leta.	(d) developing and implementing an appropriate risk management information system to promote a centralised approach and timely monitoring and reporting of risks across public entities.	(d) de développer et de mettre en œuvre un système d'information sur la gestion des risques approprié pour promouvoir une approche centralisée ainsi qu'un suivi et une élaboration rapide de rapports sur les risques dans l'ensemble des entités publiques.
(3) Umuhuzabikorwa w'Igihugu ku micungire y'ibyateza ingorane ategura kandi agashyikiriza Minisitiri buri gihembwe raporo ku byateza ingorane ihujwe ireba inzego za Leta zose.	(3) The National Risk Management Coordinator, on a quarterly basis, prepares and submits to the Minister a consolidated risk report from all public entities.	(3) Le Coordonnateur National de gestion des risques, soumet trimestriellement au Ministre un rapport consolidé sur les risques de toutes les entités publiques.
Ingingo ya 103: Ishingano z'umuhuzabikorwa ushinzwe imicungire y'ibyateza ingorane mu rwego rwa Leta	**Article 103: Responsibilities of public entity risk Management Coordinator**	**Article 103: Attributions du Coordinateur de gestion des risques d'une entité publique**
(1) Umuhuzabikorwa ushinzwe imicungire y'ibyateza ingorane mu rwego rwa Leta afasha Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta mu ishyirwa mu bikorwa ry'imicungire y'ibyateza ingorane, kugenzura ibyateza ingorane no kwandika ibijyanye no gucunga ibyateza ingorane mu buryo bukwiye bwo gutanga amakuru yerekeye imicungire y'ibyateza ingorane, no	(1) The public entity risk management coordinator supports the Chief Budget Manager in implementation of risk management, risk monitoring and recording of the risk management process in appropriate Risk Management Information System and reporting on quarterly basis to the Executive Head.	(1) Le Coordinateur de gestion des risques de l'entité publique assiste le Gestionnaire principal du budget dans la mise en œuvre de la gestion des risques, le suivi des risques et l'enregistrement du processus de gestion des risques dans le système d'information approprié sur la gestion des risques et la remise de rapports trimestriel au responsable exécutif.

gutanga raporo buri gihembwe ku Muyobozi w'urwego rwa Leta.		
(2) Umuhuzabikorwa ushinzwe imicungire y'ibyateza ingorane mu rwego rwa Leta akorana n'abashinzwe imicungire y'ibyateza ingorane kugira ngo ibikorwa by'imicungire y'ibyateza ingorane bikorwe hakurikijwe politiki n'ingamba byumvikanyweho ku bijyanye n'imicungire y'ibyateza ingorane.	(2) The public entity risk management coordinator works with risk owners to ensure that the risk management processes are implemented in accordance with agreed risk management policy and strategy.	(2) Le Coordinateur de gestion des risques de l'entité publique travaille avec les responsables de la gestion des risques pour garantir que les processus de gestion des risques sont mis en œuvre conformément à la politique et à la stratégie convenues de gestion des risques.
(3) Umuhuzabikorwa ushinzwe imicungire y'ibyateza ingorane mu rwego rwa Leta ajya mu nama za Komite ishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane aho ibibazo bijyanye n'imicungire y'ibyateza ingorane biganirwaho, agakora kandi akabika inyandikomvugo z'inama.	(3) The public entity risk management coordinator attends Risk Management Committee meetings where risk management issues are discussed and takes and keeps minutes of the meetings.	(3) Le Coordinateur de gestion des risques de l'entité publique assiste aux réunions du Comité de gestion des risques où les questions de gestion des risques sont discutées et prend et conserve les procès-verbaux des réunions.
Icyiciro cya 2: Ubugenzuzi bwite	**Section 2: Internal audit**	**Section 2: Audit interne**
Ingingo ya 104: Serivisi y'ubugenzuzi bwite	**Article 104: Internal Audit function**	**Article 104: Fonction d'audit interne**
Hashyizweho Serivisi y'Umugenzuzi Bwite Mukuru muri Minisiteri kugira ngo yunganire Minisitiri muri mirimo ikurikira:	The Office of Internal Auditor General is established in the Ministry to support the Minister in the following functions:	Le bureau de l'Auditeur interne général est établi au sein du Ministère pour assister le Ministre dans les fonctions suivantes :
(a) kugenzura, gukurikirana no guhuza ibikorwa by'ubugenzuzi bwite mu nzego za Leta hakurikijwe amahame mpuzamahanga agenga imikorere	(a) overseeing, monitoring and coordinating internal audit functions in public entities in accordance with the International Professional Practices	(a) superviser, faire le suivi et coordonner les fonctions d'audit interne au sein des entités publiques conformément au cadre international des pratiques

mbonezamwuga yatangajwe n'Ikigo cy'Abagenzuzi bwite;	Framework as published by the Institute of Internal Auditors;	professionnelles tel que publié par l'Institut des auditeurs internes ;
(b) gutegura no gushyira mu bikorwa uburyo bukoreshwa mu bugenzuzi bwite mu nzego za Leta, bukubiyemo imirongo ngenderwaho y'ubugenzuzi bwite, Igitabo ngengamikorere ku bugenzuzi bwite n'inyandiko igaragaza inshingano z'ubugenzuzi bwite;	(b) developing and implementing internal audit procedures in public entities that include Internal Audit Guidelines, Internal Audit Manual, and Internal Audit Charter;	(b) élaborer et mettre en œuvre des procédures d'audit interne dans les entités publiques qui comprennent des lignes directrices en matière d'audit interne, un manuel d'audit interne et une charte d'audit interne;
(c) gushyiraho Komite z'ubugenzuzi.	(c) establishing Audit Committees.	(c) établir les comités d'audit.
Ingingo ya 105: Inshingano zihariye z'Umugenzuzi Bwite Mukuru	**Article 105: Specific duties of the Internal Auditor General**	**Article 105: Fonctions spécifiques de l'Auditeur interne général**
Umugenzuzi Bwite Mukuru afite inshingano zihariye zikurikira:	The Internal Auditor General has the following specific responsibilities:	L'Auditeur interne général a les attributions spécifiques suivantes:
(a) gushyiraho ibipimo ngenderwaho by'ubugenzuzi bwite, gukurikirana no guhuza ibikorwa by'abagenzuzi bwite bo mu nzego za Leta;	(a) to set standards for internal audits, to monitor and coordinate services of internal auditors in public entities;	(a) établir des normes pour les audits internes, faire le suivi et coordonner les services des auditeurs internes au sein des entités publiques;
(b) gutanga ubufasha mbonezamwuga n'ubwa tekiniki mu mirimo y'ubugenzuzi bwite bw'inzego za Leta;	(b) to provide public entity internal audit functions with professional and technical support;	(b) fournir aux fonctions d'audit interne des entités publiques un soutien professionnel et technique;
(c) gutegura ibyifashishwa mu gukora ubugenzuzi, uburyo bw'imikorere, n'uburyo bwo gutanga raporo;	(c) to develop internal audit tools, methodologies, and reporting mechanisms;	(c) développer des outils d'audit, des méthodologies et des mécanismes de remise de rapports;

(d) gutegura no guteza imbere imirongo ngenderwaho igenga abagenzuzi bwite na Komite z'ubugenzuzi mu nzego za Leta, hakubiyemo inyandiko igaragaza inshingano z'ubugenzuzi bwite n'iza Komite y'ubugenzuzi, amategeko ngengamyitwarire, ibitabo ngengamikorere, no kugenzura ko byubahirizwa;	(d) to develop and promote guidelines for internal auditors and Audit Committees for public entities, including internal audit and Audit Committee charter, code of ethics, procedure manuals, and to monitor whether they are complied with;	(d) élaborer et promouvoir des lignes directrices à l'intention des auditeurs internes et des Comités d'audit des entités publiques, y compris la charte de l'audit interne et du Comité d'audit, le code d'éthique, les manuels de procédures, et faire le suivi s'ils sont respectés;
(e) gukora ubugenzuzi bwihariye, imirimo y'ubugenzuzi ihuriweho n'amashami y'ubugenzuzi bwite yo mu nzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'ayo mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, no guha Minisitiri raporo ihujwe y'ibyakozwe;	(e) to conduct specialised audits, joint audit assignments with centralised and decentralised internal audit units and provide consolidated report to the Minister;	(e) mener des audits spécialisés, des missions d'audit conjointes avec des unités d'audit interne centralisées et décentralisées et fournir un rapport consolidé au Ministre;
(f) kuyobora sisitemu y'imicungire y'ubugenzuzi ibikwamo amadosiye y'ubugenzuzi n'ibyifuzo nama ku bigomba gukorwa n'inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;	(f) to administer the Audit Management System in which audit files and recommendations for action are recorded and tracked for Central Government entities and decentralised entities;	(f) administrer le système de gestion de l'audit dans lequel les dossiers d'audit et les recommandations d'action sont enregistrés et suivis pour les entités de l'administration centrale et les entités décentralisées;
(g) kugenzura ibikorwa byo gushaka abagenzuzi bwite, kubongerera ubushobozi, imikorere n'imicungire yabo mu nzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta no mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;	(g) to oversee recruitment, capacity-building, performance and management of internal auditors in Central Government entities and decentralised entities;	(g) superviser le recrutement, le renforcement des capacités, la performance et la gestion des auditeurs internes au sein des entités de l'administration centrale et des entités décentralisées;

(h) kugira inama Minisitiri ku ishyirwaho n'imikorere bya Komite z'ubugenzuzi;	(h) to advise the Minister on the establishment and functioning of Audit Committees;	(h) conseiller le Ministre sur la création et le fonctionnement des comités d'audit;
(i) gusuzuma no gutanga raporo ku mikorere iboneye ya Komite z'ubugenzuzi mu nzego za Leta;	(i) to evaluate and report on the effectiveness of Audit Committees in public entities;	(i) évaluer et rendre compte de l'efficacité des comités d'audit dans les entités publiques;
(j) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzo nama by'ubugenzuzi bwite n'iby'abagenzuzi bigenga mu nzego zose za Leta, gutegura no gushyikiriza Minisitiri n'Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Imari ya Leta raporo y'amezi atandatu ihujwe ku ishyirwa mu bikorwa ryabyo, akagenera kopi Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;	(j) to monitor the implementation of internal and external audit recommendations by all public entities, to prepare and submit to the Minister and the Minister of State in charge of the National Treasury a consolidated report for six months on the status of their implementation and provide a copy to the Auditor General of State Finances;	(j) faire le suivi de la mise en œuvre des recommandations des audits internes et externes pour toutes les entités publiques, préparer et soumettre au Ministre et au Secrétaire d'État chargé du Trésor National un rapport consolidé de six mois sur leur mise en œuvre et en fournir une copie à l'Auditeur Général des Finances de l'État;
(k) gutegura no gushyikiriza Minisitiri n'Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Imari ya Leta raporo y'amezi atandatu ihurijwemo raporo z'ubugenzuzi bwite bw'inzego zose za Leta, akagenera kopi Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;	(k) to prepare and submit to the Minister and the Minister of State in charge of the National Treasury a consolidated report for six months on internal audit reports from all public entities and provide a copy to the Auditor General of State Finances;	(k) préparer et soumettre au Ministre et au Secrétaire d'État chargé du Trésor National un rapport consolidé de six mois sur les rapports d'audit interne de toutes les entités publiques et en fournir une copie à l'Auditeur Général des Finances de l'État;
(l) gutanga ibikenewe n'ubushobozi kugira ngo ubugenzuzi bwite bukorwe neza;	(l) to provide the required resources for internal audit efficiency;	(l) fournir les ressources nécessaires à l'efficience de l'audit interne;
(m) gushyira mu bikorwa ibyifuzonama by'ubugenzuzi bwite.	(m) to implement the Internal Audit recommendations.	(m) mettre en œuvre les recommandations de l'audit interne.

Ingingo ya 106: Umugenzuzi bwite w'urwego rwa Leta	**Article 106: Internal Auditor of a public entity**	**Article 106: Auditeur interne d'une entité publique**
(1) Buri rwego rwa Leta rugomba kugira ibiro by'ubugenzuzi bwite ry'imari ya Leta. Mu rwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage, ibiro by'ubugenzuzi bwite byarwo bikora n'igenzura ry'amashami yarwo.	(1) Each public entity must have an internal audit function. In the case of a decentralised entity, the internal audit function of the decentralised entity also conducts audits of subsidiary entities.	(1) Chaque entité publique doit avoir une fonction d'audit interne. Dans le cas d'une entité décentralisée, la fonction d'audit interne de cette entité décentralisée conduit également des audits des entités affiliées.
(2) Umugenzuzi bwite atanga raporo kuri Komite y'ubugenzuzi akagenera kopi umuyobozi w'urwego rwa Leta, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta n'Umugenzuzi Bwite Mukuru.	(2) The Internal Auditor reports to the Audit Committee with copies to the Executive Head of the public entity, the Chief Budget Manager and the Internal Auditor General.	(2) L'Auditeur interne fait rapport au comité d'audit avec copies au responsable exécutif de l'entité publique, au Gestionnaire principal du budget et à l'Auditeur interne général.
(3) Umugenzuzi bwite w'urwego rwa Leta atanga serivisi z'icyizere n'ubujyanama, hakurikijwe amahame mpuzamahanga agenga imikorere mbonezamwuga y'abagenzuzi bwite n'amategeko n'amabwiriza abigenga.	(3) The public entity internal auditor provides assurance and advisory services in accordance with the International Professional Practices Framework for Internal Auditors and applicable laws and regulations.	(3) L'Auditeur interne d'une entité publique fournit des services d'assurance et de conseil conformément au Cadre international des pratiques professionnelles pour les auditeurs internes et aux lois et règlements applicables.
(4) Umugenzuzi bwite abika neza inyandiko zose z'ubugenzuzi muri sisitemu y'imicungire y'ubugenzuzi.	(4) The Internal Auditor maintains all audit documentation in the Audit Management System.	(4) L'Auditeur interne conserve toute la documentation d'audit dans le système de gestion de l'audit.
(5) Kuvana umugenzuzi bwite mu bakozi ba Leta cyangwa kumwimura mu mwanya	(5) Termination of employment and transfer of an internal auditor in Central	(5) La cessation de fonction d'un auditeur interne ou son transfert au sein des

yari asanzwemo mu nzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta no mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage bikorwa bimaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi, Komite y'ubugenzuzi cyangwa Inama Njyanama, n'Umugenzuzi Bwite Mukuru. Ibi ntibireba abagenzuzi bwite bashyirwaho n'Inama y'Abaminisitiri.	Government entities and decentralised entities requires prior approval of the Board, the Audit Committee or the Council, and the Internal Auditor General. This provision does not apply to internal auditors appointed by the Cabinet.	entités de l'administration centrale et des entités décentralisées requièrent l'approbation préalable du Conseil d'administration, du Comité d'audit ou du Conseil et de l'Auditeur Interne général. La présente disposition ne s'applique pas aux auditeurs internes nommés par le Conseil des Ministres.
Ingingo ya 107: Komite y'ubugenzuzi mu nzego za Leta	**Article 107: Audit Committee in public entities**	**Article 107: Comité d'audit au sein des entités publiques**
(1) Buri rwego rwa Leta rugira Komite y'ubugenzuzi cyangwa rugahurira kuri Komite y'ubugenzuzi imwe n'urundi rwego cyangwa izindi nzego za Leta.	(1) Every public entity has an Audit Committee or shares one Audit Committee with another or other public entities.	(1) Chaque entité publique a un Comité d'audit ou partage un Comité d'audit avec une autre ou d'autres entités publiques.
(2) Minisitiri ashobora kugena inzego za Leta zihurira kuri Komite y'ubugenzuzi.	(2) The Minister may specify public entities to share an Audit Committee.	(2) Le Ministre peut désigner des entités publiques qui doivent partager un seul Comité d'audit.
(3) Mu nzego za Leta zifite Inama y'Ubuyobozi cyangwa Inama Njyanama, Komite z'ubugenzuzi ziba ari udukomite tw'izo Nama z'Ubuyobozi cyangwa utw'izo Nama Njyanama. Muri minisiteri no mu zindi nzego zitagira Inama z'Ubuyobozi cyangwa Inama Njyanama, Komite y'ubugenzuzi ishyirwaho na Minisitiri.	(3) In public entities having Boards of Directors or Councils, the Audit Committees are sub-committees of those Boards of Directors or Councils. In ministries and other entities not having a Board of Directors or a Council, the Audit Committee is appointed by the Minister.	(3) Au sein des entités publiques disposant de Conseils d'administration ou des Conseils, les Comités d'audit sont des sous-comités de ces Conseils d'administration ou de ces Conseils. Au sein des ministères et d'autres entités non dotées de Conseils d'administration ou de Conseil, le Comité d'audit est nommé par le Ministre.

(4) Abagize Komite y'ubugenzuzi bashyirwaho hashingiwe ku kuba bazi neza imirimo n'imikorere by'urwego rwa Leta, bafite ubumenyi n'ubushobozi mu bijyanye n'imari bikenewe mu nzego za Leta kandi bagomba kuba badakora imirimo ijyanye n'imari cyangwa ubugenzuzi bwite mu rundi rwego rwa Leta.	(4) Audit Committee members are appointed on the basis of their knowledge of the business and operations of the public entity, possession of requisite public sector knowledge and financial skills and they must not be active employees in the finance or internal audit profession in any other public entity.	(4) Les membres du Comité d'audit sont nommés sur la base de leur connaissance des activités et du fonctionnement de l'entité publique, de la possession des connaissances et des compétences financières requises dans le secteur public et ils ne doivent pas être des employés actifs dans la profession des finances ou de l'audit interne dans une autre entité publique.
(5) Mu nzego za Leta zifite Inama y'Ubuyobozi cyangwa Inama Njyanama, abagize Komite y'ubugenzuzi bamara ku murimo igihe kingana n'icya manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi cyangwa Inama Njyanama.	(5) In public entities with a Board of Directors or Council, the term of office of members of the Audit Committee is equivalent to the term of office of members of the Board of Directors or the Council.	(5) Au sein des entités publiques dotées d'un Conseil d'Administration ou d'un Conseil, les membres du Comité d'audit ont un mandat d'une durée équivalente au mandat des membres du Conseil d'Administration ou du Conseil.
(6) Muri minisiteri no mu zindi nzego za Leta zitagira Inama y'Ubuyobozi abagize Komite y'ubugenzuzi bashyirirwaho manda y'imyaka itatu ishobora kongerwa inshuro imwe.	(6) In ministries and other public entities without a Board of Directors or Council, the term of office of members of Audit Committee is three years renewable once.	(6) Au sein des ministères et d'autres entités publiques non dotées d'un Conseil d'administration ou d'un Conseil, les membres du Comité d'audit ont un mandat de trois ans renouvelable une fois.
(7) Komite y'ubugenzuzi ifite inshingano zikurikira:	(7) The Audit Committee has the following responsibilities:	(7) Le Comité d'audit a les attributions suivantes:
(a) kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzo nama by'ubugenzuzi	(a) to oversee implementation of audit recommendations and risk	(a) superviser la mise en œuvre des recommandations d'audit et de

n'imicungire y'ibyateza ingorane;	management;	gestion des risques;
(b) kwakira no gusesengura raporo z'ubugenzuzi bwite no kuzitangaho inama ngo habeho impinduka nziza;	(b) to receive and analyse internal audit reports and make recommendations for improvement;	(b) recevoir et analyser les rapports d'audit interne et faire des recommandations pour l'amélioration;
(c) gukora ibikorwa byo kugenzura imicungire y'ibyateza ingorane binyuze mu kwakira raporo ntangacyizere z'Umugenzuzi bwite w'urwego ku mikorere iboneye y'imicungire y'ibyateza ingorane, ku miyoborere no ku mabwiriza agenga igenzura;	(c) to provide oversight of risk management process through receiving assurance reports from the entity's Internal Auditor on effectiveness of risk management, governance and internal controls;	(c) assurer la supervision du processus de gestion des risques en recevant des rapports d'assurance de l'auditeur interne de l'entité sur l'efficacité de la gestion des risques, de la gouvernance et des contrôles internes;
(d) gusuzuma no kwemeza gahunda ngarukamwaka y'ubugenzuzi ishingiye ku byateza ingorane no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;	(d) to review and approve annual risk-based audit plan and monitor its implementation;	(d) examiner et approuver le plan d'audit annuel basé sur les risques et faire le suivi de sa mise en œuvre;
(e) kumenyesha ibibazo byose iyo bibaye ngombwa umuyobozi w'urwego rwa Leta, Minisitiri n'Umugenzuzi Bwite Mukuru.	(e) to communicate any concerns if necessary to the Executive Head, the Minister and the Internal Auditor General.	(e) communiquer toute préoccupation lorsque cela est jugé nécessaire au responsable exécutif, au Ministre et à l'Auditeur interne général.
(8) Komite y'ubugenzuzi iterana rimwe mu gihembwe. Kugira ngo inama ya Komite y'ubugenzuzi ishobore guterana hagomba kuba hari nibura kimwe cya kabiri cy'abayigize.	(8) The Audit Committee meets on a quarterly basis. The quorum for a meeting of the Audit Committee is at least half of its members.	(8) Le comité d'audit se réunit une fois par trimestre. Le quorum pour la réunion du Comité d'audit est au moins la moitié de ses membres.

UMUTWE WA X: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER X: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE X: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 108: Ingingo y'ururimi	**Article 108: Language provision**	**Article 108: Disposition linguistique**
Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza.	This Order was drafted in English.	Le présent arrêté a été rédigé en anglais.
Ingingo ya 109: Gutangira gukurikizwa	**Article 109: Entry into force**	**Article 109: Entrée en vigueur**
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 29/10/2026

(sé)

MURANGWA Yusuf
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Minister of Finance and Economic Planning
Ministre des Finances et de la Planification Économique

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux